- 22° uruhombo rukungira insinga:** igikoresho cyo kurinda insinga z'umuyoboro rusange kugira ngo itumanaho rikoresheje insinga rigende neza;
- 23° uruhushya rusanze:** uruhushya rutanzwe hakurikijwe iri tegeko, rukubiyemo amasezerano n'amabwiriza yemerera uhawe uruhushya gutanga umuyoboro koranabuhanga wihariye cyangwa serivisi y'itumanaho koranabuhanga byihariye;
- 24° uwahawe uruhushya:** umuntu ufite uruhushya rwo gutanga umuyoboro cyangwa serivisi z'itumanaho koranabuhanga.
- communications network by means of cable;
- 20° mass communications network:** public communication network primarily used for broadcasting or providing television and radio programs;
- 21° public authority network:** a communications network built for the needs of public order and security, rescue activities or civil defence;
- 22° cable duct:** a protective structure used in constructing a public communications network for the purpose of accommodating communications cables;
- 23° standard license:** a license granted in accordance with this Law with terms and conditions allowing the licensee to provide a particular type of electronic communications network or electronic communications service;
- 24° licensee:** a licensed provider of electronic communications network or electronic communications services.
- communications au moyen d'un câble;
- 20° réseau de communications de masse:** réseau public de communications utilisé principalement pour la radiodiffusion ou la prestation de programmes de télévision et de radio;
- 21° réseau de l'office public:** réseau de communications établi pour des raisons d'ordre et de la sécurité publics, d'activités de sauvetage ou de protection civile;
- 22° gaine de câble:** structure de protection utilisée dans la construction d'un réseau public de communications en vue d'accueillir des câbles de communications;
- 23° licence type:** une licence accordée conformément à la présente loi accompagnée des termes et conditions permettant à son détenteur de fournir un type particulier de services de réseau de communications électroniques ou de communications électroniques ;
- 24° détenteur de licence :** fournisseur agréé de réseau de communications électroniques ou de services de communications électroniques.

Ingingo ya 5: Ibisobanuro by'amagambo arebana n'iterambere rishingiye ku itangazabumenyi koranabuhanga

- 1° **amakuru:** amakuru uko yaba ateye kose aboneka hakoreshejwe ikoranabuhanga;
- 2° **ubutumwa koranabuhanga:** amakuru akozwe, yoherejwe, yakiriwe cyangwa abitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga;
- 3° **amakuru anyuzwa ku muyoboro:** amakuru ayo ari yo yose akoreshewa mu kohereza ubutumwa ku muyoboro w'itumanaho koranabuhanga cyangwa yifashishwa mu gukora inyemezabuguzi y'ubwo butumwa;
- 4° **amakuru bwite y'umuntu:** amakuru ayo ari yo yose yerekeye nyir'ubwite uzwi cyangwa ushobora kumenyekana hifashishijwe numero iyo ari yo yose y'ibimuranga cyangwa ibimuranga ku mubiri, ku miterere y'ubuzima bwe, imyitwarire, ubukungu, mu mico no mu mibereho;
- 5° **gutunganya amakuru ya nyir'ubwite:** igikorwa cyangwa urukurikirane rw'ibikorwa bikorerwa amakuru bwite y'umuntu byaba bikoze cyangwa bitakozwe ku buryo bwikora;
- 6° **ibikoresho cyangwa serivisi bisuzuma umwimerere:** ibikoresho cyangwa serivisi bigamije kwereka abandi nyir'umukono

Article 5: Definitions relating to electronic information society

- 1° **data:** electronic representations of information in any form;
- 2° **electronic message:** data generated, sent, received or stored by electronic means;
- 3° **traffic data:** any data processed for the purpose of the conveyance of a communication on an electronic communications network or for the billing in respect of that communication;
- 4° **personal data:** any information relating to an identified or identifiable natural person by reference to any number of his/her identifications or to his or her physical, physiological, mental, economic, cultural or social identity;
- 5° **processing of personal data:** any operation or set of operations which is or are performed upon personal data, whether or not by automatic means;
- 6° **authentication products or services** means products or services designed to identify the holder of an electronic

Article 5 : Définitions relatives à la société de l'information électronique

- 1° **données:** représentations électroniques de l'information sous quelque forme que ce soit;
- 2° **message électronique:** données générées, envoyées, reçues ou stockées par moyens électroniques;
- 3° **données relatives au trafic:** toutes données traitées aux fins de l'acheminement d'une communication sur un réseau de communications électroniques ou de facturation en rapport avec cette communication;
- 4° **données à caractère personnel :** information relative à une personne physique identifiée ou qui peut être identifiée par référence à tout numéro de son identification ou à son identité physique, physiologique, psychique, économique, culturelle ou sociale;
- 5° **traitement des données personnelles:** toute opération ou groupe d'opérations appliquées sur les données personnelles, de façon automatique ou non;
- 6° **produits ou services d'authentification:** produits ou services conçus pour identifier le détenteur d'une signature électronique à

koranabuhanga;	signature to other persons;	d'autres personnes ;
7° icyemezo: inyandiko itanzwe n'ukora serivisi yo gutanga ibyemezo mpamo koranabuhanga kugira ngo yunganire umukono koranabuhanga ukoze mu mibare ugenewe kwemeza umwirondoro cyangwa indi miterere y'ingenzi y'umuntu ufite imfunguzo zombi zihariye;	7° certificate: a record which is issued by an electronic certification service provider for the purpose of supporting a digital signature which purports to confirm the identity or other significant characteristics of the person who holds a particular key pair;	7° certificat: document qui est délivré par un fournisseur de services de certification électronique dans le but de soutenir une signature numérique qui tend à confirmer l'identité ou d'autres caractéristiques importantes de la personne qui détient une paire de clés particulières;
8° iherekanya: ihanahana ry'amakuru ryaba iryo mu rwego rw'ubucuruzi cyangwa urutari urw'ubucuruzi hakoreshejwe ikoranabuhanga;	8° transaction: a transaction of either a commercial or non-commercial nature of information by electronic means;	8° transaction : opération à caractère commercial ou non commercial de l'information par moyen électronique ;
9° imfunguzo z'inyabubiri: urufunguzo rwihariye n'urufunguzo rusange rugenzura umukono ukoze mu buryo koranabuhanga wakoze n'urufunguzo rwihariye;	9° key pair: a private key and its mathematically related public key, having the property that the public key can verify a digital signature that the private key creates;	9° paire de clefs : clé privée et sa clé publique mathématiquement liée ayant la propriété par laquelle la clé publique peut vérifier une signature numérique qui est créée par la clé privée;
10° imikorere ya mudasobwa: ibice cyangwa ihuzwa ryabyo harimo ibyinjiza cyangwa ibisohora amakuru;	10° computer system: a device or combination of devices, including input and output devices;	10° système informatique: dispositif ou combinaison de dispositifs, y compris les périphériques d'entrée et de sortie;
11° interineta: uburyo bw'imihurire y'imiyoboro buhuza za mudasobwa ku isi hose;	11° internet: the interconnected system of networks that connects computers around the world;	11° internet: le système interconnecté des réseaux qui relie des ordinateurs dans le monde entier;
12° inyandiko igaragaza uburyo icyemezo gitangwa: amabwiriza ashirwaho n'utanga serivisi y'icyemezo koranabuhanga agaragaza uburyo icyo cyemezo gitangwa;	12° certification practice statement: a statement issued by an electronic certification service provider to specify the practices that are employed in issuing certificates;	12° énoncé des pratiques de certification : énoncé délivré par un fournisseur de services de certification électroniques pour préciser les pratiques utilisées dans la délivrance des certificats;
13° inyandiko koranabuhanga: inyandiko,	13° electronic record: a record created,	13° enregistrement électronique : une fiche

amajwi n'amashusho bikoze, byoherejwe, byakiriwe cyangwa bibitswe hakoreshejwe uburyo koranabuhanga;

14° izina ndangarubuga: inyandiko ikoresha inyuguti n'imibare yanditswe cyangwa itanzwe mu rwego rw'aderesi koranabuhanga cyangwa uburyo bukoreshwa kuri interineti;

15° nyir'ubwite: umuntu nyir'izina ufatwa nk'inkomoko cyangwa urebwa n'amakuru yasabwe, yakusanyijwe, yahujwe, ashakishwa cyangwa abitse;

16° porogaramu: amabwiriza akubiye mu magambo, mu bimenyetso, mu bishushanyo cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, ku buryo icyo aya mabwiriza ari mu mashini bituma mudasobwa ikora imirimo yasabwe cyangwa ikagera ku bikenewe;

17° serivisi ya mudasobwa: serivisi ikubiyemo imicungire, ibikwa ry'amakuru cyangwa kongera kubona amakuru abitswe muri mudasobwa;

18° serivisi z'itumanaho koranabuhanga za Leta: serivisi izo ari zo zose zitangwa n'inzego za Leta hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga;

19° uburyo bukoresha ikoranabuhanga: uburyo bukoreshwa mu gukora, kohereza, kwakira,

generated, sent, communicated, received or stored throughout electronic means;

14° domain name: an alphanumeric designation that is registered or assigned in respect of an electronic address or other resource on the internet;

15° data subject: any natural person from or in respect of whom personal information has been requested, collected, collated, processed or stored;

16° programme: a set of instructions, expressed in words, codes, schemes or any other form, which is capable, when incorporated in a machine readable medium, of causing a computer to perform or achieve a particular task or result;

17° computer service: service including data processing, the storage or retrieval of data;

18° e-government services: any service provided by public organs through electronic means;

19° information system: a system for generating, sending, receiving, storing,

créée, produite, envoyée, communiquée, reçue ou stockée à travers les moyens électroniques;

14° nom de domaine: une désignation alphanumérique qui est enregistré ou assigné dans le cadre d'une adresse électronique ou une autre ressource sur l'internet;

15° personne fichée: toute personne physique ou à l'égard de laquelle les informations personnelles ont été demandées, collectées, compilées, transformées ou stockées;

16° programme: instructions exprimées par des mots, codes, programmes ou toute autre forme, qui sont capables, lorsqu'elles sont incorporées dans un support exploitable par la machine, d'ordonner à un ordinateur d'exécuter ou de réaliser une tâche ou un résultat donné;

17° services informatiques: traitement de données, le stockage ou la récupération de données;

18° services e-gouvernement: tout service fourni par les organes publics à travers la voie électronique;

19° système d'information: système destiné à créer, envoyer, recevoir, conserver, afficher

kubika cyangwa bukora ikindi cyose ku nyandiko koranabuhanga;

20° uburyo bwizewe: imiterere ya mudasobwa ubwayo n'ubundi buryo bukoreshwa mu kurinda umwimerere w'inyandiko kugira ngo itinjirwamo, itononekara cyangwa bwubahiriza ubundi buryo bwemewe muri rusange mu kurinda umutekano w'amakuru;

21° ubutumwa koranabuhanga: inyandiko, amajwi cyangwa amashusho byoherejwe hakoreshejwe umuyoboro w'itumanaho rusange rikoresha ikoranabuhanga;

22° ugenewe ubutumwa: uwo uwateguye ubutumwa yifuza ko bugeraho;

23° gihagararira koranabuhanga: porogaramu ya mudasobwa cyangwa igikoreshe koranabuhanga cyangwa ikindi gikoresha uburyo bwikoresha, bikoresha ku buryo bwigenga mu gutangiza igikorwa, mu gusubiza ubutumwa, mu gukora byose cyangwa igice, bikoze ku buryo byikora;

24° umugenzuzi w'amakuru: umuntu usaba, ukusanya, uhuza, ucunga cyangwa ubika amakuru ya nyir'ubwite hakoreshejwe ikoranabuhanga;

25° umukono koranabuhanga: amakuru ashyizwe ku nyandiko koranabuhanga cyangwa afitanye isano nayo akaba

displaying or processing any electronic record;

20° trustworthy system: computer hardware, software, and procedures that are reasonably secured from intrusion, misuse or adhere to generally accepted procedures;

21° electronic mail: any text, voice, sound or image message sent over a public electronic communications network;

22° addressee: a person who is intended by the originator to receive the data message;

23° electronic agent: a computer program or an electronic or other automated means used independently to initiate an action, respond to data messages, performances in whole or in part, in an automated transaction;

24° data controller: any person who electronically requests, collects, collates, processes or stores personal information;

25° electronic signature: an electronic sound, symbol or process attached to or logically associated with an electronic

ou à traiter tout enregistrement électronique;

20° système fiable : matériel informatique, logiciels et procédures qui sont raisonnablement sécurisés contre toute intrusion, détournement ou respectent les procédures de sécurité généralement reconnues;

21° courrier électronique : tout texte, voix, son ou image envoyé par un réseau public de communications électroniques ;

22° destinataire : une personne à qui, est destiné un message électronique par l'émetteur;

23° agent électronique: un programme informatique ou un moyen électronique ou autre moyen automatisé utilisé indépendamment pour engager une action ou répondre aux messages électroniques ou aux performances en tout ou en partie, dans une transaction automatisée;

24° contrôleur de données : toute personne qui, par voie électronique, demande, collecte, compile, traite ou stocke les informations personnelles;

25° signature électronique : un son, un symbole ou un processus électronique attaché à ou logiquement lié à un

yakoreshwa mu kugaragaza nyir'umukono ufutanye isano n'inyandiko koranabuhanga cyangwa mu kwemeza amakuru akubiye muri icyo nyandiko;

record and executed or adopted by a person with the intent to sign the electronic record;

enregistrement électronique et exécuté ou adopté par une personne avec l'intention de signer le registre électronique;

26° umukono ukoze mu mibare: umukono koranabuhanga ugamije guhindura inyandiko koranabuhanga ikoresheje uburyo budasubirwamo bw'imfunguzo ebyiri, uruhariye n'urufunguzo rusange;

26° digital signature: an electronic signature consisting of a transformation of an electronic record using an asymmetric cryptosystem;

26° signature numérique: signature électronique consistant en la transformation d'un enregistrement électronique utilisant un système de cryptographie asymétrique;

27° umwanditsi: utanga serivisi zo kwandika amazina ndangarubuga mu cyiciro yaherewe uburenganzira bwo gucunga n'umwanditsi fatizo;

27° registrar: a provider of services consisting of registering domain names falling into a category they have been allowed by the top level registrar to manage;

27° registraire: un agent qui fournit des services d'enregistrement des noms de domaines dans la catégorie que le registraire de premier niveau lui a permis de gérer;

28° umwanditsi fatizo: uwahawe uruhushya n'Urwego ngenzuramikorere rwo gucunga amazina ndangarubuga yagenwe;

28° top level domain registrar: an entity licensed by a Regulatory Agency to manage the reservation of internet domain names;

28° registraire du domaine de premier niveau: une entité autorisée par l'Autorité de Régulation à gérer les noms de domaine sur internet;

29° urufunguzo: amakuru ayo ari yo yose atuma umuntu ashobora kubona, kwinjira muri mudasobwa cyangwa gukoresha serivisi za mudasobwa;

29° password: any data by which a computer service or a computer system is capable of being obtained, accessed or used;

29° mot de passe: toute donnée par laquelle un service informatique ou un système informatique est susceptible d'être obtenu, accessible ou utilisé;

30° urufunguzo rusange: urufunguzo rumwe rukoresha mu kugenzura umukono w'ikoranabuhanga ukoze mu mibare;

30° public key : the key of a key pair used to verify a digital signature;

30° clé publique : la clé d'une paire de clés utilisée pour vérifier une signature numérique;

31° urufunguzo ruhariye: urufunguzo rumwe rwagenewe gukora umukono koranabuhanga ukoze mu mibare;

31° private key: the key of a key pair used to create a digital signature;

31° clé privée : la clé d'une paire de clés utilisée pour créer une signature numérique;

32° uruhande rwizera: umuntu ukora ashingiye ku cyemezo cyangwa ku mukono koranabuhanga;

33° utanga itumanaho rusange: utanga umuyoboro w'itumanaho cyangwa serivisi z'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga;

34° utanga serivisi z'icyemezo koranabuhanga: uwemerewe gutanga ibikoresho cyangwa serivisi bisuzuma umwimerere;

35° uwiandikisha: usaba kugira cyangwa ufite izina ry'urubuga rwa interineti.

Ingingo ya 6: Ibisobanuro by'amagambo arebana n'isakazamakuru

1° ibikubiye mu butumwa: ijwi, inyandiko, ishusho riri hamwe, ishusho rigenda cyangwa ubundi buryo bwose bukomatanyamajwi n'amashusho, ubutumwa bukoresha ibimenyetso by'intoki, cyangwa uburyo bukomatanyamajwi bwose bumaze kuvugwa bushobora gukorwa, gufatwa, kubikwa, kongera kuboneka cyangwa kugezwa ku bandi mu buryo bw'ikoranabuhanga;

2° utanga umuyoboro w'amajwi n'amashusho: uwahawe uruhushya rwo gutanga umuyoboro wa radiyo cyangwa

32° relying party: a person that may act on the basis of a certificate or an electronic signature;

33° public communications provider: a provider of a public electronic communications network or a public electronic communications service;

34° electronic certification service provider: a person providing an authentication product or service;

35° registrant: an applicant for or a holder of a domain name.

Article 6: Definitions of terms in relation with broadcasting

1° content: any sound, text, still picture, moving picture or other audio-visual representation, tactile representation or any combination of the preceding which is capable of being created, manipulated, stored, retrieved or communicated electronically;

2° signal distributor: a licensed operator providing broadcasting network or multiplexing services.

32° partie utilisatrice: une personne qui peut agir sur la base d'un certificat ou d'une signature électronique;

33° fournisseur de communications public : un fournisseur d'un réseau public de communications électroniques ou d'un service public de communications électroniques;

34° fournisseur de services de certification électronique: une personne qui fournit un produit ou un service d'authentification;

35° titulaire: un requérant ou un titulaire d'un nom de domaine.

Article 6 : Définitions de termes relatifs à la radiodiffusion

1° contenu: toute forme de son, de texte, d'image fixe, d'image animée ou de toute autre représentation audio-visuelle, de représentation tactile ou de toute combinaison de ces éléments susceptible d'être créée, manipulée, stockée, récupérée ou transmise par voie électronique;

2° distributeur de signaux: un opérateur agréé qui fournit des services de réseau de diffusion ou de multiplexage.

serivisi z'itumanaho rikomatanya imirongo myinshi.

Ingingo ya 7: Ibisobanuro by'amagambo arebana na serivisi z'iposita

- 1° ahagenewe ubutumwa bujyanwa n'iposita:** ahantu hagenwe, nk'udusanduku rusange dushyirwamo amabaruwa, haba ari ku mihanda, haba mu mazu y'ikigo cy'iposita, abantu bashyira ubutumwa bwabo;
- 2° gushinga ubutumwa iposita:** igikorwa cyo guha urwego rw'iposita ubutumwa ngo rubugeze k'uwo bugenewe;
- 3° gutwara ubutumwa:** imirimo iyo ari yo yose yo gutwara ubutumwa bwashinzwe iposita, bugashyikirizwa abo bugenewe;
- 4° ibaruwa:** ubutumwa bwanditswe ku kintu gifatika bugomba gutwarwa bukagezwa aho uwabwanditse yerekanye ku nyandiko nyir'izina, cyangwa ku cyo ifunitsemo. Nyamara, ibitabo, inyandiko ndangabitabo, n'ibinyamakuru bigomba koherezwa, ntibifatwa nk'amabaruwa;
- 5° ifatwa ry'ubutumwa:** igikorwa cyo kuvana ubutumwa mu dusanduku tw'amabaruwa aho twashyizwe;

Article 7: Definitions of terms in relation with postal services

- 1° access points:** physical installations, particular letter-boxes available for the public, either on the public space, or in the buildings of the operator where the postal sending can be entrusted by customers to the public postal network;
- 2° deposit:** the action by which the customer entrusts sending of his/her items to the postal service for purposes of distribution to his/her recipient;
- 3° routing:** any operations of transport of postal items from the access point up to the recipients;
- 4° article of correspondence:** a communication written on an unspecified physical support which must be conveyed and delivered to the address indicated by the shipper on the sending itself or on its conditioning. However, books, catalogues, newspapers and periodicals are not regarded as items of correspondence;
- 5° box collection:** operation consisting of the collection of the postal sending deposited at the access points;

Article 7 : Définitions des termes relatifs aux services postaux

- 1° points d'accès:** installations physiques, notamment les boîtes aux lettres mises à la disposition du public, soit sur la voie publique, soit dans les locaux de l'opérateur où les envois postaux peuvent être confiés par des clients au réseau postal public;
- 2° dépôt:** action par laquelle le client confie un envoi au service postal aux fins de distribution à son destinataire;
- 3° acheminement:** toutes les opérations de transport d'envois postaux du point d'accès aux destinataires;
- 4° envoi de correspondance:** communication écrite sur un support physique qui doit être acheminée et remise à l'adresse indiquée par l'expéditeur sur l'envoi lui-même ou sur son conditionnement. Toutefois, les livres, catalogues, journaux et périodiques ne sont pas considérés comme envois de correspondance;
- 5° relevage:** opération consistant au levage des envois postaux déposés aux points d'accès;

- 6° **igipfunyika cyashinzwe iposita:** ikintu cyoherejwe gifite cyangwa kidafite agaciro mu rwego rw'ubucuruzi;
- 7° **igitabo gisobanura ibigomba gukorwa:** inyandiko igena ibisabwa n'uburyo imirimo y'iposita ikorwamo;
- 8° **ikigo cy'iposita:** umuntu cyangwa urwego bafite uruhushya rwo gutanga serivisi z'amaposita;
- 9° **ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose:** ikigo cy'iposita gifite inshingano gihabwa na Leta zo gutanga serivisi z'amaposita kuri bose;
- 10° **ikimenyetso cy'ubwishyu:** ikimenyetso gishyirwa ku butumwa, cyerekana ko bwishyuriwe amafaranga yo kubutwara hakoreshejwe tembure cyangwa ikindi kimenyetso gishyirwaho n'imashini zabigenewe cyangwa ubundi buryo bwose bwemewe;
- 11° **ikusanya ry'ubutumwa:** ibikorwa byose byo kwegeranya ubutumwa bwashyizwe ahantu habugenewe;
- 12° **itangwa ry'ubutumwa:** inzira igizwe n'icagurwa ry'ubutumwa bwageze aho bugomba gutangirwa, no kubushyikiriza abo bugenewe;
- 13° **serivisi z'amaposita:** imirimo yo gufata,
- 6° **postal parcel:** goods sent with or without commercial value;
- 7° **bill of quantities:** the act defining conditions and procedures of use of postal services;
- 8° **postal operator:** any natural person or legal entity entitled to carry out postal services;
- 9° **postal operator in charge of the universal service:** the postal operator charged by the State to ensure universal postal service;
- 10° **franking:** the mark affixed on the object of correspondence in order to materialize the payment of the price of the service by means of postage stamps or prints of franking machines or any other allowed process;
- 11° **collection:** the whole of the operations consisting of picking up of the postal items deposited at the access points;
- 12° **delivery:** the process including the sorting of items in the distribution centre and the handing-over of the postal items to the recipients;
- 13° **postal services:** the services which consist
- 6° **colis postal:** bien envoyé avec ou sans valeur commerciale;
- 7° **cahier des charges:** acte définissant les conditions et les modalités d'exploitation de services postaux;
- 8° **opérateur postal:** toute personne physique ou morale habilitée à effectuer des prestations postales;
- 9° **opérateur postal en charge du service universel:** opérateur postal chargé par l'Etat d'assurer le service postal universel;
- 10° **affranchissement:** marque apposée sur l'objet de correspondance en vue de matérialiser l'acquittement du prix du service au moyen de timbres-poste ou d'empreintes de machines à affranchir ou de tout autre procédé admis;
- 11° **collecte:** ensemble des opérations consistant au relevage des envois postaux déposés aux points d'accès;
- 12° **distribution:** processus comprenant le tri au centre de distribution et la remise des envois postaux aux destinataires;
- 13° **services postaux:** services qui consistent en

gucagura, gutwara no gutanga ubutumwa bw'iposita;

14° serivisi rusange z'amaposita: imirimo yo gutwara ubutumwa bw'iposita n'imirimo y'imari bifasha mu kurangiza inshingano yo guha abantu serivisi mu gihugu hose;

15° serivisi z'amaposita kuri bose: serivisi z'ibanze z'iposita zijyanye no kuvana, gucagura, gutwara no gutanga ubutumwa bw'iposita, kohereza no kwishyura manda aho ari ho hose mu gihugu, ku biciro bikwiye;

16° serivisi z'umwihariko z'iposita: imirimo y'iposita yahariwe gukorwa n'ikigo cy'iposita gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose;

17° ubutumwa bufite agaciro kamenyekanishijwe: ubutumwa iposita yishingira mu gihe bwatakara, bwakwibwa cyangwa bwakononekara ariko ku rugero rw'agaciro kabwo kamenyekanishijwe n'ubwohereje;

18° ubutumwa bunyuze mu iposita: ubutumwa buriho aho bugomba kugezwa n'ikigo cy'iposita;

19° ubutumwa bushinganye: ubutumwa bwishingiye n'iposita ku giciro kigereranyije mu gihe bwatakara, bwakwibwa cyangwa

of the collection, the sorting, the routing and the distribution of the postal items;

14° public service of the posts: the postal and financial services whose activity contributes to the entire national territory, with the realization of the public service mission;

15° universal postal service: minimal public postal service of collection, sorting, routing, distribution of postal items, emission and payment of money orders at affordable price;

16° reserved postal services: the postal services whose exploitation are reserved for the postal operator in charge of the universal postal service;

17° postal item with declared value: a postal item assured to the amount of the value declared by the shipper against the risks of loss, robbery or deterioration;

18° postal item: an item carrying an address to which it must be conveyed by a postal operator;

19° registered postal item: a postal item guaranteed contractually against the risks of loss, robbery or deterioration and for

la levée, le tri, l'acheminement et la distribution des envois postaux;

14° service public des postes: services postaux et financiers dont l'activité concourt, sur l'ensemble du territoire national, à la réalisation de la mission de service public;

15° service postal universel: service postal public minimal de collecte, de tri, d'acheminement, de distribution d'envois postaux, d'émission et de paiement de mandats en tout point du territoire d'un pays, à des prix abordables;

16° services postaux réservés: services postaux dont l'exploitation est réservée à l'opérateur postal en charge du service postal universel;

17° envoi postal avec valeur déclarée: envoi postal assuré à concurrence de la valeur déclarée par l'expéditeur contre les risques de perte, de vol ou de détérioration;

18° envoi postal: communication portant une adresse à laquelle elle est remise par un opérateur postal;

19° envoi postal recommandé: envoi postal garanti forfaitairement contre les risques de perte, vol ou détérioration et pour lequel il

bwakononekara, ubwohereje agahabwa, bibaye ngombwa kandi abisabye, icyemeza ko bwashyizwe cyangwa bwashyikirijwe uwo bugenewe;

which it is delivered with the shipper, if necessary with his/her request, a proof of the deposit or delivery to the addressee;

est délivré à l'expéditeur, le cas échéant à sa demande, une preuve du dépôt ou de la remise au destinataire;

20° ubutumwa bwihuta: ubutumwa bwihutirwa bugenewe gutangwa mu gihe kigennye;

20° express mail: accelerated or fast mail with guaranteed time;

20° courrier express: courrier accéléré ou rapide à délai garanti;

21° umuyoboro rusange w'imirimo y'amaposita: imiterere n'uburyo bwose bukoreshwa n'ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bese.

21° public postal network: the whole of the organization and the means of any nature implemented by a postal operator providing the universal postal service.

21° réseau postal public: ensemble de l'organisation et des moyens de toute nature mis en œuvre par un opérateur postal prestataire du service postal universel.

Icyiciro cya 3: Inzego, inshingano zazo n'amahame remezo

Section 3: Organs, their responsibilities and fundamental principles

Section 3: Organes, leurs attributions et principes fondamentaux

Ingingo ya 8: Inzego

Article 8: Organs

Article 8: Organes

Muri iri tegeko inzego zivugwamo ni ebyiri zikurikira:

This Law provides for two following organs :

La présente loi prévoit deux organes suivants:

1° Urwego rushinzwe gutegura politiki ya ICT;

1° Organ in charge of ICT policy making;

1° Organe chargé de la mise en place de la politique de ICT;

2° Urwego ngenzuramikorere.

2° Regulatory Organ.

2° Organe de Régulation.

Ingingo ya 9: Urwego rushinzwe gutegura politiki ya ICT

Article 9: Organ in charge of ICT policy making

Article 9: Organe chargé de la mise en place de la politique de ICT

Minisiteri ifite mu nshingano zayo ICT niyo ishinze gutegura politiki ya ICT.

The Ministry in charge of ICT is responsible for making ICT policy.

Le Ministère ayant ICT dans ses attributions est chargé de la mise en place de la politique de ICT.

Minisitiri ashyiraho amabwiriza akurikizwa ku bibazo bikomeye bireba igihugu cyose bitewe n'impinduka muri ICT.

The Minister issues regulations on critical issues of national importance following developments in ICT sector.

Le Ministre émet les règlements sur des questions critiques d'envergure nationale suite à l'évolution du secteur de ICT.

Ingingo ya 10: Urwego ngenzuramikorere

Igenzura ry'imikorere mu bijyanye na ICT rikorwa n'Urwego ngenzuramikorere mu bwisanzure, mu buryo buhuje n'ubushobozi bwarwo, nta kubogama kandi mu mucyo, kugira ngo rushobore kugera ku ntego zikurikira:

- 1° kugendera ku ihame ko igenzura rigomba kuba nta koranabuhanga ribogamiyeho, bityo rikabuza ko hagira ikoranabuhanga ryihariye ryahabwa amahirwe ridakwiye;
- 2° gushyiraho uburyo butuma isoko rifunguka kandi rishingira ku ipiganwa.

Ingingo ya 11: Isuzuma rihoraho ry'imirimo ijyanye na ICT

Isuzuma rihoraho ry'imirimo ijyanye na ICT rikorwa hirindwa kugumishaho imirimo itakiri ngombwa cyangwa itakijyanye n'igihe.

Ingingo ya 12: Gusuzuma uburemere bw'igenzura

Urwego ngenzuramikorere rugomba guhora rusuzuma inshingano zarwo kugira ngo ibikorwa byarwo bijyanye n'igenzura bitabera abagenzurwa umutwari utari ngombwa kandi bitagumishaho umutwari wagaragaye ko utakiri ngombwa.

Mu gusuzuma inshingano zarwo, Urwego

Article 10: Regulatory Organ

The regulatory functions for the ICT sector are performed by the Regulatory Authority in an independent, proportionate, impartial and transparent manner with a view to achieving the following objectives:

- 1° adoption of the principle that regulation should be technology-neutral, and therefore a prohibition against granting unjustified advantage to any particular technology;
- 2° creation of an open and competitive market.

Article 11: Regular review of ICT activities

Regular review of ICT activities avoids to maintain activities that are or have become unnecessary or obsolete.

Article 12: Reviewing regulatory burden

The Regulatory Authority must keep its functions under review in order to ensure that its regulatory activities do not involve the imposition of burdens, which are unnecessary or do not involve the maintenance of burdens, which have become unnecessary.

When reviewing its duties, the Regulatory Authority

Article 10: Organe de régulation

Les fonctions de régulation du secteur de ICT sont accomplies par l'Autorité de Régulation d'une manière indépendante, proportionnée, impartiale et transparente en vue d'atteindre les objectifs suivants:

- 1° l'adoption du principe selon lequel la régulation doit être technologiquement neutre, et ainsi l'interdiction de l'octroi des avantages injustifiés à une technologie particulière;
- 2° la création d'un marché ouvert et concurrentiel.

Article 11: Examen régulier des activités relatives à ICT

L'examen régulier des activités relatives à ICT évite le maintien des activités qui sont ou sont devenues inutiles ou obsolètes.

Article 12: Examen du fardeau réglementaire

L'Autorité de Régulation doit faire un examen continu de ses attributions afin de s'assurer que ses activités de régulation n'impliquent pas l'imposition des fardeaux qui sont inutiles ou n'impliquent pas le maintien des fardeaux qui sont devenus inutiles.

Lors de l'examen de ses attributions, l'Autorité de

ngenzuramikorere rugomba kureba niba inshingano rusange zashyizweho n'itegeko zigira uruhare rugaragara mu igenzura ry'urwego rwa ICT cyangwa niba ntarwo, kandi rugatanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku buryo uburemere bw'igenzura buteganywa mu nshingano rusange zashyizweho n'itegeko, bwavaho cyangwa bwagabanuka.

Ingingo ya 13: Itangwa ry'amakuru

Abahawe impushya zo gutanga ibikoresho, imiyoboro na serivisi mu rwego rwa ICT bagomba gutanga amakuru yose akenewe mu gihe kigenwe n'Urwego ngenzuramikorere, harimo n'ajyanye n'iby'imari, teknikiki na serivisi.

Amakuru yasabwe n'Urwego ngenzuramikorere agomba kuba ajyanye n'ikorwa ry'uwo murimo.

Urwego ngenzuramikorere rugomba kubahiriza ibanga ry'amakuru yose rwahawe.

Ingingo ya 14: Komite ngishwanama ku bantu bakuze n'abafite ubumuga

Urwego ngenzuramikorere rushyiraho Komite ihoraho ishinze gutanga inama mu bya ICT ku bijyanye n'inyungu z'abantu bakuze n'abafite ubumuga.

must consider whether or not the general duties imposed by the law have effective regulatory impact on the ICT sector and come up with consideration and proposals for the appropriate removal or reduction of regulatory burdens created by the general duties imposed by the law.

Article 13: Provision of information

Licensed operators providing equipment, networks and services in the ICT sector must provide all necessary information in period determined by Regulatory Authority, including financial, technical and service information.

The information requested by the Regulatory Authority must be proportionate to the performance of that task.

The Regulatory Authority has to respect the confidentiality of all information received.

Article 14: Advisory committee on elderly persons and persons with disabilities

The Regulatory Authority establishes a permanent committee to provide advice on the ICT-related interests of elderly persons and those with disabilities.

Régulation doit examiner si les obligations d'ordre général prévues produisent un impact efficace de régulation du secteur de ICT ou pas et émettre des suggestions et des propositions pour la suppression ou la réduction appropriée du fardeau réglementaire créé par les obligations d'ordre général imposées par la loi.

Article 13: Fourniture d'informations

Les opérateurs agréés qui fournissent des équipements, des réseaux et des services dans le secteur de ICT doivent fournir toutes les informations dans une période déterminée par l'Autorité de Régulation, y compris les informations financières, techniques et de service.

Les informations demandées par l'Autorité de Régulation doivent être proportionnelles à l'accomplissement de cette tâche.

L'Autorité de Régulation doit respecter la confidentialité de toutes les informations reçues.

Article 14: Comité consultatif pour les personnes âgées et les personnes handicapées

L'Autorité de Régulation crée un comité permanent chargé de fournir des conseils sur les intérêts des personnes âgées et des personnes handicapées en rapport avec les questions relatives à ICT.

Ingingo ya 15: Ububasha bwo gukurikiranira hafi imirimo no gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Urwego ngenzuramikorere rufite ububasha bwo gukurikiranira hafi imirimo no gufatira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi abafite impushya.

Mu gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi, Urwego ngenzuramikorere rwubahiriza ihame ryo kwiregura ku mpande zose, bigakorwa mu mucyo, nta kubogama cyangwa ivangura.

Ingingo ya 16: Akanama kihariye ko gukemura impaka

Urwego ngenzuramikorere rushyiraho akanama kihariye ko gukemura impaka zose zavuka hagati y'abafite impushya ubwabo cyangwa hagati yabo n'abaguzi.

By'umwihariko, ako kanama kagomba:

- 1° gufata ibyemezo mu gihe gikwiye nta kiguzi gisabwe;
- 2° kubahiriza ihame ryo kuvuguruzanya n'uburenganzira bwo kwisobanura, ruha buri ruhande umwanya wo gutanga ibitekerezo byarwo;
- 3° gusobanura bihagije impamvu zashingiweho mu gufata ibyemezo;

Article 15: Powers in terms of monitoring activities and imposing administrative sanctions

The Regulatory Authority has the power to monitor the activities and impose administrative sanctions on the licensed operators.

In imposing administrative sanctions, the Regulatory Authority respects the principle of the right to defence for all parties, transparency, impartiality and non-discriminatory procedures.

Article 16: Special Committee for the settlement of disputes

The Regulatory Authority establishes a special committee in charge of solving all disputes that may arise among operators themselves and those between operators and their consumers.

Specifically, the committee must:

- 1° take timely and free of charge decisions;
- 2° respect the principle of cross-examination and the right to defence giving each party the opportunity to be heard;
- 3° sufficiently ground for the decisions it takes;

Article 15: Pouvoirs de suivi des activités et d'imposer des sanctions administratives

L'Autorité de Régulation a le pouvoir de suivi des activités et d'imposer des sanctions administratives à l'encontre des opérateurs agréés.

Dans l'imposition des sanctions administratives, l'Autorité de Régulation respecte le principe du droit de défense à toutes les parties, de la transparence, de l'impartialité et de la non-discrimination.

Article 16: Comité spécial en charge du règlement des différends

L'Autorité de Régulation met en place un comité spécial chargé de régler tous les différends pouvant surgir entre les opérateurs eux-mêmes ou entre les opérateurs et les consommateurs.

En particulier, ce comité doit:

- 1° prendre des décisions en temps opportun et gratuitement;
- 2° respecter le principe du contre-interrogatoire et le droit de défense en donnant à chaque partie la possibilité d'être entendu;
- 3° motiver suffisamment les décisions qu'il prend;

4° gutangaza ku mugaragaro ibyemezo byafashwe hakurikijwe ingingo n'imibibi zateganyijwe mu mategeko akurikizwa mu gihugu;	4° publicize the decisions taken in accordance with the provisions and limits set by the country's laws in force;	4° publier les décisions prises selon les dispositions et les limites prévues par la législation nationale en vigueur;
5° gutegeka ikindi cyose giteganywa n'amategeko.	5° take any other action provided for by the law.	5° prendre toute autre mesure prévue par la loi.
Urwego ngenzuramikorere rugena inshingano, imiterere n'imikorere by'akanama ko gukemura impaka.	The Regulatory Authority determines the responsibilities, organization and functioning of the committee in charge of solving disputes.	L'Autorité de Régulation détermine les attributions, organisation et fonctionnement du comité chargé du règlement des litiges.
<u>Ingingo ya 17:</u> Uburenganzira bwo kuregera inkiko	<u>Article 17:</u> Right to refer matters to courts	<u>Article 17:</u> Droit de saisir les juridictions
Umuntu wese wabangamiwe n'icyemezo cy'Urwego ngenzuramikorere afite uburenganzira bwo kuregera urukiko rubifitiye ububasha.	Any person aggrieved by the decision of the Regulatory Authority may refer the matter to a competent court.	Toute personne lésée par la décision de l'Autorité de Régulation peut saisir la juridiction compétente.
<u>Icyiciro cya 4:</u> Ikigega gishinzwe gutera inkunga serivisi z'itumanaho kuri bose	<u>Section 4:</u> Universal access fund	<u>Section 4 :</u> Fonds pour l'accès universel
<u>Ingingo ya 18:</u> Ishyirwaho ry'Ikigega gishinzwe gutera inkunga serivisi z'itumanaho kuri bose	<u>Article 18:</u> Creation of Universal Access Fund	<u>Article 18:</u> Création du Fonds pour l'Accès Universel
Hashyizweho ikigega cyiswe Ikigega gishinzwe gutera inkunga serivisi z'itumanaho kuri bose. Intego y'ingenzi y'iki kigega ni iyo gufasha gukwirakwiza serivisi z'itumanaho kuri bose mu duce twose tw'igihugu, mu rwego rwo kuborohera kubona serivisi ku gihe no ku giciro gikwiye.	There is hereby established a Fund, known as the Universal Access Fund. The main mission of this fund is to support universal access to communication services throughout the country so as to ensure timely and affordable services.	Il est créé un Fonds appelé Fonds pour l'Accès Universel. La mission principale de ce fonds est de soutenir l'accès universel aux services de communication à travers le pays afin d'assurer la prestation des services à temps et à des prix abordables.
Iteka rya Perezida rigena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.	A Presidential Order determines its responsibilities, organization and functioning.	Un arrêté présidentiel détermine ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

UMUTWE WA II: ITUMANAHOKORANABUHANGA	CHAPTER II: ELECTRONIC COMMUNICATIONS	CHAPITRE II: COMMUNICATIONS ELECTRONIQUES
Icyiciro cya mbere: Icyo itumanaho koranabuhanga rigamije, ububasha n'inshingano rusange	Section One: Purpose, powers and responsibilities of electronic communications	Section première: Objet, pouvoirs et attributions des communications électroniques
<u>Ingingo ya 19:</u> Icyo itumanaho koranabuhanga rigamije	<u>Article 19:</u> Purpose of electronic communication	<u>Article 19:</u> Objet de la communication électronique
Itumanaho koranabuhanga rigamije ibi bikurikira:	The purpose of electronic communication is as follows:	L'objet de la communication électronique consiste à:
1° guteza imbere intego za politiki y'igihugu mu cyiciro cy'itumanaho koranabuhanga;	1° to promote national policy objectives for the electronic communications industry;	1° promouvoir les objectifs de politique nationale dans le secteur de la communication électronique;
2° gushyiraho uburyo bwo gutanga impushya n'uburyo bwo kugenzura imihindagurikire y'ibikenerwa mu rwego rw'itumanaho koranabuhanga;	2° to establish a licensing and regulatory framework in line with the changing needs of the electronic communications sector ;	2° établir un cadre de délivrance des licences et de régulation compte tenu de l'évolution des besoins dans le secteur des communications électroniques;
3° gukora igenzura hagamijwe ko umufatabuguzi agira inyungu z'igihe kirekire harimo n'ubwisanzure mu guhitamo serivisi z'itumanaho koranabuhanga ahabwa;	3° to regulate for the long-term benefit of the end user including the possibility to make a choice as service delivery is concerned;	3° réguler dans l'intérêt à long terme de l'utilisateur final y compris la possibilité de faire le choix quant à la prestation des services;
4° gukora ku buryo abakoresha itumanaho koranabuhanga barushaho kugirira icyizere serivisi bahabwa;	4° to promote a high level of electronic communications consumer confidence in service delivery from the industry;	4° promouvoir un niveau élevé de confiance des consommateurs des communications électroniques dans la prestation des services par le secteur;
5° gushyiraho ingamba zituma serivisi zigera ku bantu ku buryo bungana no ku biciro	5° to put in place strategies that are meant for ensuring an equitable provision of	5° mettre en place des stratégies pour assurer une prestation équitable de services à des

byiza hakoreshejwe ibikorwa remezo bikwirakwijwe mu gihugu cyose;

6° gushyiraho ingamba zituma habaho umutekano w'amakuru n'umuyoboro utunganye kandi wizewe mu bijyanye n'itumanaho koranabuhanga;

7° kugenzura ko amahirwe ari mu itumanaho koranabuhanga, hamwe n'ibyangombwa bishoboka bigezwa ku babikoresha mu buryo buteza imbere ipiganwa n'iterambere koranabuhanga.

affordable services over ubiquitous national infrastructure;

6° to put in place strategies that are meant for ensuring information security and network reliability and integrity in terms of electronic communications;

7° to ensure that opportunities available within the electronic communications sector and reasonable needs are provided to users within a framework that fosters and promotes technological competition and advancement.

prix abordables à travers les infrastructures publiques éparpillées dans le pays ;

6° mettre en place des stratégies pour assurer la sécurité de l'information et la fiabilité et l'intégrité du réseau en matière de communications électronique;

7° s'assurer que les opportunités se trouvant dans le secteur des communications électroniques et les besoins raisonnables sont fournis aux utilisateurs dans un cadre qui permet la concurrence et le progrès technologiques.

Ingingo ya 20: Amateka ashyira mu bikorwa ibijyanye n'itumanaho koranabuhanga

Minisitiri, amaze kujya inama n'Urwego ngenzuramikorere, ashyiraho amateka yerekeye ibi bikurikira:

1° ibyahindutse mu bisabwa kugira ngo hatangwe impushya z'itumanaho koranabuhanga;

2° imiyoboro y'itumanaho koranabuhanga na serivisi zitagomba uruhushya;

3° ibigomba kubahirizwa muri rusange n'amahame yo gushyiraho ibiciro mu masezerano mpuzamiyoboro;

4° gushyira mu butaka bwa Leta n'ubw'abantu

Article 20: Orders meant for the implementation of matters relating to electronic communications

The Minister, after consultation with the Regulatory Authority, issues ministerial Orders on the following issues:

1° modifications made to requirements for electronic communications licenses;

2° electronic communications networks and services not requiring a license ;

3° general conditions and pricing principles in interconnection agreements;

4° installation of electronic communications

Article 20: Arrêtés d'exécution des dispositions relatives aux communications électroniques

Le Ministre, après consultation avec l'Autorité de Régulation, émet des arrêtés ministériels régissant les questions suivantes:

1° les modifications apportées aux exigences relatives aux licences de communications électroniques;

2° les réseaux et les services de communications électroniques ne nécessitant pas une licence;

3° les conditions générales et les principes de tarification dans les contrats d'interconnexion;

4° l'installation des équipements de

ku giti cyabo, ibikoresho by'umuyoboro koranabuhanga n'ibigize ibikoresho bigenewe gucomekwa;

facilities and terminal equipment on public and private property;

communications électroniques et de l'équipement terminal sur une propriété publique et privée;

5° ibigomba kwandikwa muri rejisitiri y'ibikorwa by'itumanaho koranabuhanga, yandikwamo n'urwego ngenzuramikorere;

5° content of the Regulatory Authority register of electronic communications activities ;

5° le contenu du registre des activités de communications électroniques de l'Autorité de Régulation;

6° ibisabwa bigomba gushyirwa mu mpushya z'itumanaho koranabuhanga n'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo;

6° conditions to be incorporated into electronic communications and radio communications licenses ;

6° les conditions devant être incorporées dans les licences de communications électroniques et de communications radio;

7° amafaranga atangwa ku ruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo.

7° radio communications license fees.

7° les droits de licence de communications radio.

Minisitiri ashobora gushyiraho andi mateka yihariye agamije guteza imbere, kugezwaho no gukoresha itumanaho koranabuhanga.

The Minister may determine any other specific ministerial order for the promotion, access and usage of electronic communications.

Le Ministre peut déterminer tout autre arrêté ministériel en vue de la promotion, l'accès et l'utilisation des communications électroniques.

Ingingo ya 21: Ibishingirwaho mu gushyiraho amateka yerekeye iyubahirizwa ry'imikoreshereze y'imiyoboro n'impuzamirongo ya radiyo

Article 21: Requirements to issue orders in respect of networks and radio spectrum functions

Article 21: Conditions pour émettre des arrêtés dans le cadre des fonctions des réseaux et du spectre radio

Mu gushyiraho amateka akena iyubahirizwa ry'imikoreshereze y'imiyoboro n'impuzamirongo ya radiyo, Minisitiri ashingira ku nyungu z'umutekano, ubusugire bw'igihugu n'ubuzima bw'abaturage, imibanire ya Repubulika y'u Rwanda n'ibindi bihugu, ku iyubahirizwa ry'ibyo Repubulika y'u Rwanda isabwa n'amategeko mpuzamahanga.

While issuing ministerial orders in respect of networks and spectrum functions, the Minister shall base on matters that are of security interest, national sovereignty and public health, relations of the Republic of Rwanda with other countries, securing compliance with international obligations of the Republic of Rwanda.

En émettant les arrêtés ministériels portant fonctions des réseaux et du spectre, le Ministre se base sur les questions qui intéressent la sécurité, la souveraineté nationale et la santé publique, les relations entre la République du Rwanda avec d'autres pays, le respect des obligations internationales prises par la République du Rwanda.

Ingingo ya 22: Guhagarika no kugabanya uburenganzira mu gihe imiyoboro na serivisi bikoreshejwe nabi

Mu rwego rwo gukumira ibyahungabanya umudendezo n'ubuzima by'abaturage cyangwa mu nyungu z'umutekano w'igihugu, Minisitiri asaba Urwego ngenzuramikorere gutegeka buri wese guhagarika, kugabanya uburenganzira bwe bwo gutanga umuyoboro, serivisi z'itumanaho koranabuhanga cyangwa ibikoresheho bijyana nabyo.

Ingingo ya 23: Gushyiraho imirongo ngenderwaho no gutangaza ibyemezo

Urwego ngenzuramikorere rufite ububasha bwo gushyiraho imirongo ngenderwaho no gutangaza ibyemezo by'Inama ngenzuramikorere hagamijwe gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 24: Kubahiriza ibisabwa n'imiryango mpuzamahanga

Mu kurangiza inshingano zarwo, Urwego ngenzuramikorere rugomba kubahiriza ibyemezo by'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba n'indi miryango mpuzamahanga u Rwanda rurimo, mu kugenzura imikoreshereze y'itumanaho koranabuhanga.

Ingingo ya 25: Gukora igenzura ry'ingaruka

Urwego ngenzuramikorere, rubyibwirije cyangwa rubisabwe, rushobora gukora isuzumangaruka

Article 22: Powers on suspension and restrictions in case of misuse of networks and service

In order to protect the public from any threat to public safety, public health or in the interest of national security, the Minister has the power to direct the Regulatory Authority to issue to any person a direction suspending or restricting that person entitlement of his/her right to provide an electronic communications network or services or any associated facility.

Article 23: Issuing guidelines and publishing decisions

The Regulatory Authority has powers to issue guidelines and publish Board decisions for the purpose of enforcing the provisions of this Law.

Article 24: Fulfilling international organisations obligations

While carrying out its functions, the Regulatory Authority has the duty to act in accordance with the electronic communications regulatory commitments of the East African Community and other international organisations to which Rwanda is a member.

Article 25: Carrying out impact assessment

The Regulatory Authority may, upon its initiative or upon request, carry out an impact assessment before

Article 22: Pouvoirs de suspension et de restriction en cas d'abus dans l'utilisation de réseaux et de service

Afin de protéger le public contre toute menace à la sécurité publique, à la santé publique ou dans l'intérêt de la sécurité nationale, le Ministre a le pouvoir d'instruire l'Autorité de Régulation de donner à toute personne, ordre de suspendre ou de restreindre son droit de fournir un réseau ou des services de communications électroniques ou de toute installation associée.

Article 23: Emettre les lignes directrices et publier les décisions

L'Autorité de Régulation a le pouvoir d'émettre les lignes directrices et de publier les décisions du Conseil aux fins de l'application des dispositions de la présente loi.

Article 24: Respect des obligations prescrites par les organisations internationales

Dans l'exercice de ses attributions, l'Autorité de Régulation a le devoir d'agir conformément aux engagements de régulation des communications électroniques de la Communauté de l'Afrique de l'Est et les autres organisations internationales dont le Rwanda est membre.

Article 25: Effectuer l'évaluation de l'impact

L'Autorité de Régulation peut, à sa propre initiative ou sur demande, effectuer l'évaluation de l'impact

mbere cyangwa nyuma yo gushyira mu bikorwa umushinga runaka ushobora kugira ingaruka ku bigo by'itumanaho cyangwa ku baturage muri rusange.

or after implementing any proposal that can have significant impact on communications business or public in general.

avant ou après la mise en œuvre d'une proposition qui peut avoir un impact important sur les entreprises de communications ou sur le public en général.

Urwego ngenzuramikorere rutangaza ibyavuye muri iryo suzuma n'icyemezo rwafashe.

The Regulatory Authority publishes results of the assessment and the decision taken thereof.

L'Autorité de Régulation publie les résultats d'une telle évaluation et la décision qu'elle a prise.

Ingingo ya 26: Itangazwa ry'igihe imirimo irangizwamo

Article 26: Publishing time limits in carrying out transactions

Article 26: Publication des délais fixés pour l'accomplissement des opérations

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko, Urwego ngenzuramikorere rushyira ahagaragara itangazo ririmo amahame yo kwihutisha imirimo, ashiraho igihe ntarengwa rugomba kuba rwarangije imirimo yarwo. Icyo gihe ntigikurikizwa aho iri tegeko cyangwa andi mategeko, yagennye igihe ntarengwa.

Subject to legal provisions, the Regulatory Authority publishes a statement setting out promptness standards which contain time limits in carrying out transactions. Such time limit does not apply where this Law or any existing law has already set time limit.

Sous réserve des dispositions légales, l'Autorité de Régulation publie une déclaration énonçant les normes de rapidité qui doivent contenir des délais fixés pour l'accomplissement des opérations. De tels délais ne s'appliquent pas lorsqu'il y a des délais déjà prévus par la présente loi ou toute autre loi en vigueur.

Ingingo ya 27: Guteza imbere ubumenyi ku bitangazwa mu itumanaho koranabuhanga

Article 27: Promoting electronic publications literacy

Article 27: Promotion de l'éducation aux publications électroniques

Urwego ngenzuramikorere rufite inshingano zo gukora ibikenewe cyangwa gusaba undi kubikora, kugira ngo rubanda rukangurirwe kandi ruhugukirwe n'ibisohoka mu itumanaho koranabuhanga, uburyo bukoreshwa mu gutangaza bene ayo makuru, guteza imbere no gukoresha ikoranabuhanga kimwe n'ubundi buryo bwo kubigenzura.

The Regulatory Authority has the duty to enter into arrangements or encourage other to do the same with the objective of increasing public awareness and understanding of all materials published by the means of electronic communications, publication processes involved, the development and use of technologies as well as systems for regulatory purposes.

L'Autorité de Régulation a le devoir de conclure des arrangements ou d'encourager d'autres à faire de même, en vue de permettre au public d'être sensibilisé et de comprendre tous les documents publiés par les médias électroniques, les processus de publication impliqués, le développement et l'utilisation des technologies ainsi que les systèmes à des fins de régulation.

Ingingo ya 28: Ubushakashatsi no kugishwa inama k'uhabwa amakuru

Article 28: Research on consumers and their consultation

Article 28: Recherche sur les consommateurs et leur consultation

Urwego ngenzuramikorere rwihatira kumenya ibyo

The Regulatory Authority makes arrangements to

L'Autorité de Régulation prend des dispositions

abantu batekereza n'ibyo abagezwaho amakuru ku bibazo bimwe na bimwe bikomeye biri mu rwego rw'itumanaho koranabuhanga, birimo ibirebana n'imiyoboro na serivisi, ibindi bikoresho na porogaramu bikoresha mu itangazamakuru koranabuhanga. Ubwo buryo bugomba kwita ku bushakashatsi mu bigendanye no guteza imbere ikoresha rya ICT no gukumira kubogama mu gukoresha ICT.

gauge public opinion and consumer experiences on certain critical issues within the electronic communication sector including matters relating to networks and services, other facilities and programs that permeate the electronic media. Such arrangements must include research into matters relating to promotion of literacy in the use of ICT and the prevention of unjust and unfair treatment of persons in their use of ICT.

pour le sondage de l'opinion publique et les expériences des consommateurs sur certaines questions critiques dans le secteur des communications électroniques, y compris les questions relatives aux réseaux et services, autres installations et programmes qui imprègnent les médias électroniques. Ces dispositions doivent inclure la recherche sur les questions relatives à la promotion de l'éducation de l'ICT et la prévention du traitement injuste et inéquitable de personnes dans leur utilisation de ICT.

Urwego ngenzuramikorere rushyiraho uburyo buhoraho bwo kumva ibitekerezo by'abagezwaho amakuru no ku zindi nshingano z'Urwego ngenzuramikorere mu bijyanye na ICT.

The Regulatory Authority establishes and maintains an effective mechanism for consulting with consumers in relation to other functions of the Regulatory Authority in terms of ICT.

L'Autorité de Régulation établit et maintient un mécanisme efficace de consultation des consommateurs au sujet d'autres fonctions de l'Autorité de Régulation en ce qui concerne ICT.

Ingingo ya 29: Gutangariza amakuru abahabwa serivisi

Article 29: Publish information for consumers

Article 29: Publications des informations destinées aux consommateurs

Urwego ngenzuramikorere rugomba gutanga kandi rugatangaza amakuru agomba gukoresha n'abababwira serivisi z'itumanaho koranabuhanga. icyakora, amakuru y'ibanga cyangwa areba umuntu ku giti cye atangazwa gusa iyo iryo tangazwa ritabangamira inyungu ze.

The Regulatory Authority must provide and publish information to be used by consumers of electronic communications services. However, confidential or private information relating to any particular person is only published if that publication will not affect the interest of the concerned person.

L'Autorité de Régulation doit fournir et publier des informations devant être utilisées par les consommateurs de services de communications électroniques. Toutefois, les informations confidentielles ou privées relatives à une personne particulière ne sont publiées que si cette publication ne porte pas atteinte à l'intérêt de la personne concernée.

Ingingo ya 30: Inshingano mu z'Urwego ngenzuramikorere koranabuhanga

Article 30: Responsibilities of the Regulatory Authority in electronic communication

Article 30: Attributions de l'Autorité de Régulation dans les communications électroniques

Imiyoboro na serivisi by'itumanaho koranabuhanga mu Rwanda bigenzurwa n'Urwego

Electronic communications networks and services in Rwanda are subject to regulation by the Regulatory

Les réseaux et les services de communications électroniques dans le Rwanda sont soumis à la

ngenzuramikorere mu buryo buteganywa n'iri tegeko.	Authority in accordance with provisions of this Law.	régulation de l'Autorité de Régulation conformément aux dispositions de la présente loi.
Inshingano z'Urwego ngenzuramikorere mu itumanaho koranabuhanga zirebana n'ibi bikurikira:	Responsibilities of the Regulatory Authority in electronic communication relate to the following:	Les attributions de l'Autorité de Régulation dans les communications électroniques se rapportent sur ce qui suit :
1° gukora ku buryo imiyoboro na serivisi by'itumanaho koranabuhanga bitangwa mu gihugu hose ku buryo abantu ku giti cyabo n'ibigo babikeneye babihabwa;	1° to ensure that electronic communications networks and services are provided throughout the country to meet all demands and needs of natural persons and legal entities;	1° veiller à ce que les réseaux et les services de communications électroniques soient fournis sur tout le territoire du pays en vue de répondre aux besoins des personnes physiques et morales;
2° guteza imbere itangwa n'ikoreshwa rya za serivisi mu miyoboro y'itumanaho koranabuhanga;	2° to promote the provision and use of services within electronic communications networks;	2° promouvoir la fourniture et l'utilisation des services dans les réseaux de communications électroniques;
3° gukora ku buryo imiyoboro na serivisi z'itumanaho koranabuhanga bitangwa hubahirijwe inyungu z'abacuruza n'abaguzi bose b'itumanaho koranabuhanga;	3° to ensure that electronic communications networks and services are provided under reasonable conditions for the benefit of the electronic communications operators and all users thereof;	3° veiller à ce que les réseaux et les services de communications électroniques soient fournis dans des conditions raisonnables au profit des opérateurs de communications électroniques et de tous leurs utilisateurs;
4° guteza imbere inyungu z'abakoresha cyangwa abashobora gukoresha serivisi z'itumanaho koranabuhanga, baba abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo, zerekeranye n'ibibazo birebana n'ibiciro, ubwiza no kuba imiyoboro na serivisi by'itumabaho koranabuhanga biri mu bwoko bunyuranye mu gihugu hose;	4° to promote interests of users or potential users of electronic communications services, be they natural or legal entity in relation to matters of pricing, quality and the variety of communications networks and services within the country;	4° promouvoir les intérêts des utilisateurs ou des utilisateurs potentiels des services de communications électroniques, qu'ils soient des personnes physiques ou morales, en ce qui concerne les questions de tarification, de qualité et de variété des réseaux et services de communications sur le territoire du pays;
5° gukemura ibibazo byose birebana n'ihiganwa muri ICT, hatezwa imbere ipiganwa riboneye mu gutanga serivisi	5° to address all issues of competition related to ICT by promoting effective competition in the provision of electronic	5° résoudre tous les problèmes de concurrence liés à ICT par la promotion d'une concurrence effective dans la fourniture de

z'itumanaho koranabuhanga mu Rwanda hose, hagamijwe guteza imbere no kurinda inyungu z'abifuzaba kwitabaza izo serivisi;

communications services throughout the country for the promotion and protection of the interests of those wishing to use such services;

services de communications électroniques sur tout le territoire du pays pour la promotion et la protection des intérêts de ceux qui souhaitent utiliser ces services;

6° korohereza no gukangurira inzego z'abikorera gushora imari mu rwego rw'itumanaho;

6° to facilitate and encourage the private sector participation in investments within the communications sector;

6° faciliter et encourager la participation du secteur privé dans les investissements dans le secteur des communications;

7° kugenzura ko ibikubiye mu mategeko arebana n'itumanaho koranabuhanga byubahirizwa;

7° to ensure compliance with legislations on electronic communications;

7° s'assurer du respect des dispositions légales en matière de communications électroniques;

8° kwita ku nyungu z'abaturarwanda, iz'umutekano w'igihugu no kurengera ubusugire bwacyo mu gihe rurangiza inshingano n'imirimo biteganywa n'iri tegeko;

8° to have regard to interest of Rwandans, national security interests and national integrity when carrying out its responsibilities and roles herein provided;

8° tenir compte de l'intérêt des Rwandais, des intérêts de la sécurité et de l'intégrité nationales dans l'exercice de ses attributions et des rôles prévus par la présente loi;

9° kugenzura ko abatanga imiyoboro na serivisi by'itumanaho bafite imari ihagije ituma batanga iyo miyoboro n'izo serivisi;

9° to ensure that all providers of communications networks and services have adequate funds to finance the provision of such networks and services;

9° s'assurer que tous les fournisseurs de réseaux et services de communications disposent de moyens suffisants pour financer la fourniture de ces réseaux et services;

10° gukora buri kintu cyose bigaragara ko kijyanye n'ibigamijwe n'iri tegeko cyangwa n'irindi tegeko iryo ariryo ryose rifitanye isano n'itumanaho.

10° to do anything reasonably linked to the objectives of this Law or any other law relating to communications.

10° exécuter toute tâche raisonnablement liée aux objectifs visés par la présente loi ou par toute autre loi en rapport avec les communications.

Ingingo ya 31: Gukurikiranira hafi imikorere y'abahawe impushya no kuyitangaho raporo

Article 31: Monitoring of the performance of licensed operators and reporting

Article 31: Suivi de la performance des opérateurs agréés et transmission des rapports y relatifs

Urwego ngenzuramikorere rugomba gukurikiranira hafi ibibazo byose bijyanye n'uko abacuruza

The Regulatory Authority must monitor all significant matters relating to the performance of

L'Autorité de Régulation doit faire le suivi de toutes les questions importantes relatives à la performance

itumanaho bahawe impushya barangiza inshingano zabo, kandi mu mpera za buri mwaka w'ingengo y'imari, rugaha Minisitiri raporo.

Mu kurangiza inshingano zarwo, Urwego ngenzuramikorere rugomba, buri gihe uko rusanze bikenewe, kwita ku bipimo by'ibyagezweho mu rwego rw'itumanaho koranabuhanga.

Ingingo ya 32: Ububasha bwo kugenzura mu rwego rwa tekini

Urwego ngenzuramikorere rufite ububasha bwo gukora igenzura mu rwego rwa tekini ku batanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga hagamijwe kureba niba ibiteganywa n'iri tegeko byubahirizwa.

Icyakora, igenzura ntirikorwa mu nyubako zigengwa n'ihame ry'ubutavogerwa.

Ingingo ya 33: Ububasha bwo gusaka no gufatira

Mu gihe hagaragaye impamvu zituma hakekwa ko imiyoboro na serivisi z'itumanaho koranabuhanga byashyizweho, bikoreshwa cyangwa byatanze mu buryo bunyuranyije n'iri tegeko, andi mategeko cyangwa mu buryo butubahirije uruhushya rwose rwatanze n'urwego ngenzuramikorere, cyangwa ko ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga bikoreshwa bitameze nk'ibyamwe n'urwego ngenzuramikorere, cyangwa ko ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga byatumijwe hadakurikijwe imwe mu ngingo z'iri tegeko

licensed operators and submit report to the Minister at the end of each financial year.

In performing its responsibilities, the Regulatory Authority must have regard to electronic communications industry performance indicators, as it considers appropriate.

Article 32: Regulatory Authority's powers for technical inspection

The Regulatory Authority has the powers to perform a technical inspection of an electronic communications operator in order to supervise compliance with the obligations imposed in this Law.

However, inspection are not performed in premises covered by the principle of inviolability.

Article 33: Powers of search and seizure

If there are reasonable grounds for believing that an electronic communication network or service has been established, installed, maintained, operated or provided in contravention of this Law or any other laws or in breach of any license granted by the Regulatory Authority or that any electronic communication equipment used is of a type that is not approved by the Regulatory Authority or that the electronic communication equipment is imported in contravention of one of the provisions of this Law or any Orders related thereto, a judicial police

des opérateurs agréés et soumettre un rapport au Ministre à la fin de chaque exercice financier.

Dans la réalisation de ses attributions, l'Autorité de Régulation doit tenir compte des indicateurs de performance du secteur des communications électroniques chaque fois qu'elle le juge nécessaire.

Article 32: Pouvoirs d'inspection technique de l'Autorité de Régulation

L'Autorité de Régulation a le pouvoir d'effectuer une inspection technique d'un opérateur de communications électroniques afin de surveiller le respect des obligations imposées par la présente loi.

Toutefois, les inspections ne doivent pas être effectuées dans des locaux soumis au principe d'inviolabilité.

Article 33: Pouvoirs de perquisition et de saisie

S'il y a les motifs valables de croire qu'un réseau ou un service de communication électronique a été mis en place, installé, entretenu, exploité ou fourni en violation de la présente loi ou des autres lois ou en violation de toute licence accordée par l'Autorité de Régulation ou que le matériel de communication électronique utilisé est d'un type qui n'est pas approuvé par l'Autorité de Régulation ou que l'équipement de communications électroniques est importé en violation de l'une des dispositions de la présente loi ou des arrêtés y relatifs, l'officier de la

cyangwa z'amateka arishamikiyeho, officer may:
umugenzacyaha ashobora:

police judiciaire peut :

1° iyo hari ibikoresho cyangwa serivisi z'umuyoboro koranabuhanga bitari ibikoresha mu buryo cyangwa muri serivisi z'itumanaho rikoresha radiyo, kwinjira no kugenzura ahantu hose hari ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga cyangwa ahantu hose hashyizwe, hakoresha cyangwa hatangirwa uburyo cyangwa serivisi by'itumanaho, no gufatira ibikoresho byose by'itumanaho koranabuhanga ahasanze, bigaragara nk'ibikoresha cyangwa ko bifitanye isano n'itumanaho koranabuhanga;

2° iyo ari uburyo cyangwa serivisi by'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo, kwinjira ahantu hose mu gihugu, guhagarika cyangwa kwinjira mu bwato, indege, cyangwa imodoka, no kugenzura ahantu hose muri byo, no gufatira ibikoresho ibyo ari byo byose by'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo ahasanze, kandi bigaragara ko byakoreshejwe cyangwa bishobora gukoresha mu itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo.

Iyo umugenzacyaha afite impamvu zituma akeka ko hari icyaha cyakozwe cyangwa kirimo gukorwa, ashobora gufatira ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga, ibikoresho byose by'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo cyangwa ikintu cyose cyaba cyifashishijwe mu gukora icyo cyaha.

1° in the case of any electronic communication network equipment or service, other than any radio-communication system or service, enter and inspect any place in which the electronic communication equipment is located or the electronic communication system or service is installed, operated or provided, and may seize any electronic communication system or equipment found therein which appears to be used for or in connection with electronic communication;

2° in the case of any radio-communication system or service, enter any place in the country or stop or board any vessel, aircraft or vehicle and inspect any place therein and may seize any radio-communication system or equipment found therein which appears to be used or is capable of being used for or in connection with radio-communications.

Where a judicial police officer has reasonable grounds for believing that an offence has been or is being committed, he/she may seize any electronic communication equipment or any radio-communication equipment, or any other thing used in the commission of the offence.

1° dans le cas d'un équipement ou d'un service de réseau de communication électronique autre qu'un système ou service de radiocommunication, entrer et inspecter tout lieu dans lequel les équipements de communications électroniques se trouvent ou dans tout lieu dans lequel un système ou un service de communication est établi, exploité ou fourni et peut saisir tout équipement de communications électroniques qui s'y trouve et qui semble être utilisé pour ou en relation avec la communication électronique;

2° dans le cas de tout système ou service de radiocommunication, entrer dans tout lieu sur le territoire du pays ou arrêter ou monter dans un bateau, un aéronef ou un véhicule et inspecter toute place de ces appareils, et peut saisir n'importe quel système ou équipement de radiocommunication qui s'y trouve et qui semble être utilisé ou est susceptible d'être utilisé pour ou en relation avec la radiocommunication.

Lorsqu'un officier de police judiciaire a des motifs valables de croire qu'une infraction a été commise ou est en train d'être commise, il peut saisir tout équipement de communications électroniques, tout équipement de radiocommunication ou toute autre chose utilisée dans la commission de l'infraction.

Ingingo ya 34: Gukurikirana ibyafatiriwe

Mu gihe habayeho ifatira ry'ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga hakurikijwe ingingo ibanziriza iyi, nyir'ibyafatiriwe afite igihe cy'amezi abiri (2) cyo gusaba gusubizwa ibikoresho bye.

Iyo icyo gihe kirenze nyirabyo atabikurikiranye, ibikoresho byafatiriwe bifatwa nk'ibitagira nyirabyo. Urwego ngenzuramikorere rugena icyo bikoresha hakurikijwe amategeko ariho.

Ingingo ya 35: Inzego zitabazwa

Mu gihe rurangiza inshingano zarwo ziteganywa n'iri tegeko, Urwego ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo kwitabaza Polisi y'Igihugu, gasutamo n'izindi nzego zibifitiye ububasha.

Ingingo ya 36: Inshingano mpuzamahanga

Rubihereye ububasha n'urwego rubifitiye ububasha, Urwego ngenzuramikorere rwishingira, mu mwanya wa Repubulika y'u Rwanda, iyubahirizwa ry'inshingano mpuzamahanga, harimo amasezerano yerekeye ICT no guhagararira Repubulika y'u Rwanda mu rwego mpuzamahanga.

Urwego ngenzuramikorere rufite kandi inshingano yo gutanga imisanzu isabwa n'inzego ngenzuramikorere mpuzamahanga, zirimo n'Umuryango Mpuzamahanga w'Itumanaho.

Article 34: Claiming for seized property

Where electronic communications equipment are seized by virtue of provisions of the preceding Article, the owner has two (2) months period for claiming such equipment.

Should this period expire without any claim, the seized equipment are considered as abandoned property and the Regulatory Authority determines its use in accordance with the existing laws.

Article 35: Assistance organs

In discharging its duties under this Law, the Regulatory Authority has the right to obtain assistance from the police, the customs and other relevant authorities.

Article 36: International obligations

Upon authorization by relevant authority, the Regulatory Authority assumes the responsibility for the Republic of Rwanda's international commitments including conventions, treaties relating to ICT and represents the Republic of Rwanda at international level.

The Regulatory Authority has also the responsibility to pay contributions that are required by such international regulatory bodies including the International Telecommunication Union.

Article 34: Réclamation des biens saisis

Lorsque des équipements de communication électronique sont saisis conformément aux dispositions de l'article précédent, le propriétaire dispose d'un délai de deux (2) mois pour réclamer ces équipements.

Dépassé ce délai sans aucune réclamation, les équipements saisis sont considérés comme les biens abandonnés et l'Autorité de Régulation détermine son utilisation conformément aux lois vigueur.

Article 35: Organes d'assistance

En s'acquittant de ses attributions prévues par la présente loi, l'Autorité de Régulation a le droit d'obtenir une assistance de la police nationale, des douanes et d'autres organes compétents.

Article 36: Obligations internationales

Sur autorisation de l'autorité compétente, l'Autorité de Régulation assume la responsabilité des engagements internationaux de la République du Rwanda, notamment les conventions, les traités relatifs à ICT et représente la République du Rwanda au niveau international.

L'Autorité de Régulation a également l'obligation de verser des cotisations exigées par les organisations de régulation internationales, y compris l'Union internationale des télécommunications.

Ingingo ya 37: Inshingano yo gukemura impaka

Mu gihe uburenganzira cyangwa inyungu by'ucuruza itumanaho koranabuhanga cyangwa undi muntu wese byabangamiwe n'igikorwa kijyanye n'itumanaho koranabuhanga kinyuranyije n'iri tegeko, ikibazo gishyikirizwa Urwego ngenzuramikorere kugira ngo rugisuzume.

Urwego ngenzuramikorere rukemura impaka rwashyikirijwe bitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) y'akazi, ruhereye ku minsi rwashyikiririjweho ikibazo. Mu gihe Urwego ngenzuramikorere rusanze hakenewe igihe kirenze, rubimenyesha mu nyandiko uwatanze ikibazo.

Ibisabwa impande zombi mu rwego rw'icyemezo cyafashwe bigomba kuba byubahirije ibiteganywa muri iri tegeko.

Urwego ngenzuramikorere ruteza imbere kandi rugatanga umusanzu mu bufatanye hagati y'abacuruza itumanaho koranabuhanga kandi rukagira uruhare mu gukemura impaka hagati y'abacuruza itumanaho koranabuhanga, rubanje kubabera umuhuza.

Mu gihe imishyikirano idashobotse mu mezi atatu (3) kandi rumwe mu mpande zifitanye ibibazo rukaba rusaba ko Urwego ngenzuramikorere rubibafashamo, uru rwego rufata icyemezo mu minsi mirongo ine n'itanu (45) y'akazi ruhereye igihe imishyikirano yahagarariye.

Article 37: Obligation of resolution of disputes

In the event the rights or benefits of an electronic communications operator or any person have been violated in an act linked with electronic communications against this Law, the matter is referred to the Regulatory Authority for examination.

The Regulatory Authority resolves a disputed matter referred to it not later than forty-five (45) working days from the date on which the said matter is brought to its attention. In the event the Regulatory Authority finds that there is need for an extension of deadline, it notifies the applicant in writing.

The obligations imposed on the parties in connection with the decision must comply with provisions of this Law.

The Regulatory Authority encourages and promotes cooperation among electronic communications operators and facilitate the resolving of disputes between electronic communications operators primarily through mediation.

In the event the mediation does not produce results within three (3) months and if one of the parties to the dispute requests for assistance of the Regulatory Authority, the latter makes a decision on the matter within forty-five (45) working days as of the end of mediation.

Article 37: Obligation de résolution des différends

Lorsque les droits ou les avantages d'un opérateur de communications électroniques ou de toute personne ont été violés par un acte relatif aux communications électroniques commis en violation de la présente loi, l'affaire est soumise à l'Autorité de Régulation pour examen.

L'Autorité de Régulation résout une affaire litigieuse qui lui est soumise au plus tard dans quarante-cinq (45) jours ouvrables à compter de la date à laquelle ladite affaire est portée à son attention. Lorsque l'Autorité de Régulation juge nécessaire de prolonger le délai, elle en informe le demandeur par écrit.

Les obligations imposées aux parties dans le cadre de la décision doivent être conformes aux dispositions de la présente loi.

L'Autorité de Régulation encourage et contribue à promouvoir la coopération entre les opérateurs de communications électroniques et facilite la résolution des différends entre opérateurs de communications électroniques principalement grâce à la médiation.

Lorsque la médiation n'est pas suivie d'effet dans les trois (3) mois et si l'une des parties au différend demande l'assistance de l'Autorité de Régulation, cette dernière doit rendre une décision sur l'affaire dans les quarante-cinq (45) jours ouvrables suivant la fin de la médiation.

Ingingo ya 38: Ubutabangikanywa bw'imirimo

Imirimo n'inshingano by'ubugenzuzi, n'imirimo yo gutanga imiyoboro cyangwa serivisi y'itumanaho koranabuhanga ntibishobora gushingwa ikigo kimwe gifite ubuzima gatozi. Umuntu ucuruza itumanaho ntashobora gukora imirimo y'ubugenzuzi cyangwa guhabwa ubutumwa bwo kuyikora.

Icyiciro cya 2: Ibirebana n'impushya mu itumanaho koranabuhanga

Ingingo ya 39: Ubwoko bw'impushya

Impushya zigizwe n'amoko atatu (3): izihariye, izisanzwe n'iza rusange.

Uruhushya rwa rusange ni uburenganzira bwo gushyiraho imiyoboro cyangwa gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga, cyangwa gukoresha ibikoresho koranabuhanga, buhabwa umuntu wese wujuje ibisabwa.

Uruhushya rwa rusange rukubiyemo impushya zo gushyira ibikoresho mu myanya no kubifata neza, uruhushya rwo gutumiza ibikoresho koranabuhanga mu mahanga no kubikwirakwiza, n'izindi mpushya zagenwa n'Urwego ngenzuramikorere.

Uruhushya rusanze ni uruhushya rufite amabwiriza rusange kandi itangwa rya serivisi rikaba rifatiye ku miyoboro na serivisi z'abafite

Article 38: Incompatibility of duties

The regulatory functions and roles and the functions of electronic communications network or service provision do not reside in one legal entity. No communications operator may carry out or perform any statutory regulatory mandate.

Section 2: Licensing in electronic communications

Article 39: License types

There are three (3) types of licenses: individual, standard licenses and general authorization.

The general authorization is an authorization granted to any person fulfilling the requirements and which is meant installing electronic communications networks or providing services thereof or using electronic equipment.

The general authorization includes authorizations granted for equipment installation and maintenance, authorization for importing and supplying electronic communications equipment as well as other authorizations as may be determined by the Regulatory Authority.

The standard license refers to a license that is subject to general regulations and by which the provision of services draws from networks and

Article 38: Incompatibilité des fonctions

Les fonctions et les rôles de régulation et les fonctions de fourniture de réseaux ou de services de communications électroniques ne peuvent être conférés à une seule entité juridique. Aucun opérateur de communications ne doit assurer ou accomplir un mandat statutaire de régulation.

Section 2: Des licences en communications électroniques

Article 39: Types de licence

Il existe trois (3) types de licences : les licences individuelles, les licences standards et l'autorisation générale.

L'autorisation générale est une autorisation accordée à toute personne remplissant les conditions et dans le but d'installer des réseaux de communications électroniques ou de fournir des services de communications électroniques ou d'utiliser un équipement électronique.

L'autorisation générale comporte les autorisations accordées pour les installations et la maintenance des équipements, l'autorisation pour l'importation et la fourniture d'équipements de communications électroniques ainsi que d'autres autorisations que peut définir l'Autorité de Régulation.

La licence standard est une licence qui est soumise à la réglementation générale et par lequel la prestation de services se fait sur des réseaux et de services

impushya zihariye.

services by the holders of individual license.

fournis par les détenteurs de licence individuelle.

Uruhushya rusanze rukubiyemo impushya zihabwa abatanga serivisi zifatiye ku itumanaho, iza gukoresha umurongo wa radiyo.

The standard license includes those licenses issued to those providing services in connection with communications or services meant for operating radio frequency.

La licence standard comprend les licences délivrées à ceux qui fournissent des services connexes de communications ou des services d'exploitation d'une fréquence radio.

Uruhushya rwihariye ni uruhushya rufite amabwiriza n'inshingano zihariye, kandi uruhabwa akaba atanga umuyoboro rusange cyangwa akaba akoresha umurongo wa radiyo.

The individual license refers to a license that is subject to specific regulations and obligations and whose holder provides public network or use radio frequency.

La licence individuelle comprend les licences qui sont soumises à des conditions et obligations particulières ou dont les détenteurs fournissent les réseaux publics ou utilisent la fréquence radio.

Uruhushya rwihariye rukubiyemo impushya zihabwa abatanga imiyoboro y'itumanaho, izihabwa abatanga serivisi z'umuyoboro n'izihabwa abatanga amakuru anyujijwe mu miyoboro y'itumanaho.

The individual license includes licenses issued to those providing communications networks, those providing networks services as well as those giving information through communications networks.

La licence individuelle comprend les licences délivrées à ceux qui fournissent des réseaux de communications, ceux qui fournissent des services de réseaux ainsi que ceux fournissant des informations à travers les réseaux de communication.

Ingingo ya 40: Ibyiciro by'abahabwa impushya

Article 40: Categories of operators entitled to get the licenses

Article 40: Catégories des opérateurs ayant droit de recevoir de licences

Hashyizweho ibyiciro bine (4) by'abahabwa impushya zitangwa n'Urwego ngenzuramikorere:

There is hereby established four (4) categories of operators entitled to get the licenses issued by the Regulatory Authority:

Il est créé quatre (4) catégories des opérateurs ayant le droit de recevoir les licences délivrées par l'Autorité de Régulation:

- 1° abafite impushya zo gutanga ibikorwa remezo by'itumanaho ku bigo bifite kandi bigacunga imiyoboro y'itumanaho koranabuhanga mu rwego rwo gutanga serivisi z'ibanze no kugeza imiyoboro migari y'itumanaho kuri serivisi zitandukanye z'itumanaho;

- 1° network infrastructure licensees providing network infrastructure to those companies owning and operating electronic communications networks so as to provide primary services and ensure the supply of broad band communications networks to different communications services;

- 1° les détenteurs de licence d'infrastructure de réseaux qui fournissent les infrastructures de communications pour les entreprises possédant et exploitant des réseaux de communication électronique afin de fournir des services de base et d'assurer l'approvisionnement des grands réseaux à large bande de communication aux différents services de communications;

- | | | | | | |
|----|--|----|--|----|---|
| 2° | abatanga serivisi z'imiyoboro ku bigo bikoresha imiyoboro y'itumanaho koranabuhanga; | 2° | network service licensees that provide services to those using electronic communications networks; | 2° | les détenteurs de licence des services réseau qui offrent des services aux utilisateurs de réseaux de communications électroniques; |
| 3° | abatanga serivisi zifataye ku itumanaho ku bafite impushya zibaha uburenganzira bwo kudandaza cyangwa kugura serivisi ku batanga serivisi z'imiyoboro y'itumanaho, kugira ngo batunganye imirimo yihariye nko gutanga serivisi zijyanye n'amajwi, kubika amakuru ku buryo bw'ikoranabuhanga, serivisi zo kugezwaho interineti, n'izindi serivisi zo guhana amakuru. Ufite bene uru ruhushya ntaba afite ibikoresho byifashishwa mu gushyiraho imiyoboro, nta n'ubwo acuruza umuyoboro; | 3° | application service licensees providing services that draw from networks and services by the holders of network service licenses allowing the latter to retail or buy from communications networks service provider for them to perform specific functions such as sound related services, electronic data storage, internet access services as well as other information transfer services. The holder of such license shall neither own network installation equipment nor sell network; | 3° | les détenteurs de licence des services d'application offrant des services qui se font sur des réseaux et de services fournis par les détenteurs de licences individuelles et permettant à ces derniers de vendre en détail ou acheter des services de réseaux de communications en vue d'exécuter des fonctions spécifiques tels que des services sonores, le stockage électronique de données, des services d'accès à l'internet ainsi que d'autres services de transfert d'informations. Le détenteur d'une telle licence ne doit ni posséder le matériel d'installation réseau ni vendre le réseau ; |
| 4° | abatanga amakuru anyujijwe mu miyoboro y'itumanaho ni icyiciro cy'abacuruza serivisi zifataye mu miyoboro y'itumanaho, harimo serivisi gakondo zo gusakaza amakuru ku maradiyo binyuze ku cyogajuru, televiziyo zo ku butaka zohereza amajwi mu kirere ku buntu, kohereza inkuru hakoreshejwe radiyo iri ku butaka, serivisi zo gutangaza no gutanga amakuru kuri interineti n'irindi tangazamakuru ryakoreshwa hitabajwe ikoranabuhanga. | 4° | content service licensees providing information through communications networks refer to those selling services that draw from communications networks including traditional satellite, television earth stations transmitting signals freely, signal transmission by radio earth stations, online information access services and any other possible electronic communication. | 4° | les détenteurs de licence des services de contenu fournissant les informations à travers les réseaux de communication constituent les prestataires des services de vente à partir de réseaux de communications, y compris la traditionnelle radiodiffusion satellitaire, les stations terriennes de télévision à transmission gratuite de signaux, la transmission de signal par les stations terriennes de radio, les services d'accès aux informations en ligne et toute autre communication électronique possible. |

Ingingo ya 41: Ihuzwa ry'imiyoboro

Urwego ngenzuramikorere rwemeza, igihe ari ngombwa, guhuriza hamwe iyo miyoboro. Guhuriza hamwe iyo miyoboro bikorwa nyuma yo kubicisha mu biganiriro mu rwego rw'igihugu.

Ingingo ya 42: Ibigenderwaho mu gutanga uruhushya

Umuntu wese wifuza kubaka no gukoresha imiyoboro y'itumanaho koranabuhanga cyangwa gutanga serivisi z'iryo tumanaho, agomba gusaba uruhushya mu nyandiko, Urwego ngenzuramikorere.

Inyandiko isaba igomba kuba irimo ibisobanuro bihagije by'icyifuzo cyo gutangiza imirimo yo kubaka no gukoresha umuyoboro cyangwa serivisi by'itumanaho koranabuhanga, harimo ibi bikurikira:

- 1° amazina n'icyemezo cy'iyandikwa mu bitabo by'ubucuruzi cy'usaba ;
- 2° umwirondoro w'usaba;
- 3° amakuru ku bafite imigabane muri sosiyete y'usaba;
- 4° ibisobanuro bihagije ku muyoboro na serivisi, hagaragazwa neza ibigamijwe mu gukwirakwiza ibikorwa, imiterere y'umuyoboro n'ikoranabuhanga rizakoreshwa;

Article 41: Networks interconnection

The Regulatory Authority, where necessary, decides to interconnect networks. The interconnection of such networks is done after consultations at the national level.

Article 42: Licensing requirements

Any person that intends to build and run an electronic communications network or provide electronic communications services must submit a written application to the Regulatory Authority.

The written application must contain necessary information of the intention for building and running an electronic communications network or providing electronic communications services, including the following:

- 1° the applicant's names and the business registration certificate;
- 2° identification of the applicant;
- 3° information on the shareholders of the company of the applicant;
- 4° description of the network and services with roll out targets, the nature of the network as well as the technology to be used ;

Article 41: Interconnexion de réseaux

En cas de nécessité, l'Autorité de Régulation, prend la décision d'interconnecter les différents réseaux. L'interconnexion de ces réseaux doit se faire après consultation au niveau national.

Article 42: Conditions d'octroi de licence

Toute personne désireuse de construire et d'exploiter un réseau ou de fournir des services de communications électroniques doit en adresser une demande écrite à l'Autorité de Régulation.

La demande écrite doit comprendre les informations nécessaires indiquant clairement l'intention de construction et d'exploitation des réseaux ou de fourniture des services de communications électroniques, y compris ce qui suit:

- 1° les noms du requérant et son registre de commerce;
- 2° l'identité du requérant;
- 3° les informations sur les actionnaires de la société du requérant;
- 4° la description du réseau et des services avec les objectifs de déploiement, la nature du réseau ainsi que la technologie à utiliser;

5° agace azakoreramo imirimo ye;	5° the geographical area of activity;	5° la zone géographique d'activité;
6° ibisobanuro bigaragaza uko umuyoboro w'itumanaho uteye cyangwa gahunda y'ibikorwa byawo;	6° description or plan concerning the communications network;	6° la description ou plan concernant le réseau de communications;
7° ikigereranyo cy'igishoro n'amafaranga bikenewe ku gikorwa;	7° an estimation of the investments and their financing required for the activity;	7° une estimation des investissements et le financement requis pour l'activité;
8° gahunda y'ibikorwa n'uburyo bizunguka;	8° business plan and profitability;	8° un plan d'affaires et de rendement;
9° ibimenyetso byo mu rwego rwa tekini biranga ibikoresho bizakoreshwa mu muyoboro.	9° technical specifications of the equipment to be used within the network.	9° les spécifications techniques des équipements à utiliser au réseau.
Amabwiriza y'itangwa ry'impushya ashirwaho n'Urwego ngenzuramikorere.	Licensing regulations are set by the Regulatory Authority.	La réglementation d'octroi de licences est mise en place par l'Autorité de Régulation.
Urwego ngenzuramikorere, rushingiye ku nyandiko y'usaba no ku buryo yubahirije ibyo asabwa, rutanga uruhushya bitarenze amezi atatu (3) ruherereye ku muni rwaboneyeho inyandiko y'usaba urwo ruhushya.	Regulatory Authority, on the basis of a written application and subject to the fulfilment of all requirements, issues the license within three (3) months from the date of receipt of the corresponding application.	L'Autorité de Régulation, sur la base de la demande écrite et sous réserve du respect de toutes les conditions, délivre la licence dans les trois (3) mois qui suivent la date de réception de la demande.
<u>Ingingo ya 43:</u> Ibisabwa muri rusange mu gushyiraho umuyoboro cyangwa gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga	<u>Article 43:</u> General licensing requirement for installation of a network or providing electronic communications services	<u>Article 43:</u> Conditions générales d'octroi de licences d'installation d'un réseau et prestation des services de communications électroniques
Umuntu wifuza gushyiraho umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga cyangwa gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga, agomba kuba abifitiye uruhushya rutangwa n'Urwego ngenzuramikorere.	Any person wishing to install an electronic communications network or provide electronic communications services requires an electronic communications license delivered by the Regulatory Authority.	Toute personne qui désire installer un réseau de communications électroniques ou prestation des services de communications électroniques doit avoir une licence en matière de communications électroniques délivrée par l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 44: Ibishingirwaho byihariye mu gutanga uruhushya

Uruhushya rutangirwa igihe kitarengeje imyaka cumi n'itanu (15) hakurikijwe ibyiciro by'abahabwa impushya, hashingiwe kuri ibi bikurikira :

- 1° kuba urusaba afite ubushobozi mu rwego rw'imari izatuma yuzuzwa inshingano z'abacuruza umuyoboro;
Urwego ngenzuramikorere rushyiraho amabwiriza ajyanye n'ibisabwa muri rusange ndetse n'amahame yagenderwaho mu gushyiraho ibiciro, akanagenga amasezerano yo guhuza imiyoboro.

Amasezerano y'ihuzwa ry'imiyoboro akimara gusinywa, kopi yayo y'umwimerere ihita yoherezwa ku rwego ngenzuramikorere kugira ngo yemezwe kandi byandikwe muri rejisitiri.

Utanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga,

All charges for interconnection must cover the effective cost of using the network and shall be sufficiently unbundled so that the applicant is not required to take or pay for any facility not strictly related to the service requested.

Article 110: Arrangements for interconnection

Technical and commercial arrangements for interconnection must be concluded by written agreement between the licensed electronic communications service providers.

Where the Regulatory Authority is unable to amicably facilitate the reaching of an interconnection agreement by the parties, the Regulatory Authority has the power to impose fair interconnection terms on both parties.

Article 111: Regulations for interconnection tariffs

The Regulatory Authority sets out regulations relating to the general conditions and pricing principles governing tariffs and all interconnection agreements.

Upon the immediate signature of an interconnection agreement, an original copy is submitted to the Regulatory Authority for approval and registration.

Each electronic communications network service

Tous les frais d'interconnexion doivent couvrir le coût effectif d'utilisation du réseau et doivent être suffisamment dégroupés pour que le requérant ne soit pas tenu de prendre ou de payer une prestation qui n'est pas strictement liée au service demandé.

Article 110: Conventions d'interconnexion

Les conventions techniques et commerciales d'interconnexion doivent être conclues par un accord écrit entre les fournisseurs agréés de services de communications électroniques.

Lorsque l'Autorité de Régulation n'est pas en mesure de faciliter la conclusion à l'amiable d'un accord d'interconnexion par les parties, l'Autorité de Régulation a le pouvoir d'imposer des conditions d'interconnexion aux deux parties et ce de façon équitable.

Article 111: Règlements de tarification en matière d'interconnexion

L'Autorité de Régulation doit définir les règlements relatifs aux conditions générales des principes de tarification régissant l'ensemble des conventions d'interconnexion.

Immédiatement après la signature d'un accord d'interconnexion, une copie originale doit être transmise à l'Autorité de Régulation pour approbation et enregistrement.

Chaque fournisseur de services de communications

agomba guha Urwego ngenzuramikorere amakuru yose yerekeranye n'itangwa ry'ihuzwa ry'imiyoboro, rijyanye n'ibigomba kumenyekana ku bandi bakora umurimo umwe babifitiye uruhushya.

Ingingo ya 112: Ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro y'itumanaho

Ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro y'itumanaho bigomba kugaragaza ku buryo burambuye buri bikoresho bikoresha mu gutanga ihuzwa ry'imiyoboro, ibisabwa n'amasezerano ajyanye na byo ndetse n'indangabiro.

Ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro bigomba kwemezwa n'Urwego ngenzuramikorere.

Urwego ngenzuramikorere ruhindura ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro y'ufite uruhushya, igihe cyose amahame agenga ipiganwa riciye mu mucyo n'imikoranire ya serivisi z'itumanaho abangamiwe.

Ingingo ya 113: Ihuzwa ry'imiyoboro n'umuyoboro w'ufite ububasha bwizimbye

Abatanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga rusange basaba guhuza imiyoboro yabo n'ufite ububasha bwizimbye, bemerewe kwisunga gusa ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro n'ibindi bisabwa bijyanye na ryo.

Abafite ububasha bwizimbye bahindura ihuzwa ry'imiyoboro y'icyitegererezo ry'ufite uruhushya,

provider must provide the Regulatory Authority with all the details for network interconnection offer which is made available to other licensed service providers.

Article 112: Reference interconnection offer

The reference interconnection offer must itemize each interconnection facility offered together with the associated terms and conditions within agreement including tariffs.

The reference interconnection offer must be subject to approval by the Regulatory Authority.

The Regulatory Authority modifies a reference interconnection offer, if the essentials of fair competition and interoperability of electronic communications services become an issue of concern.

Article 113: Interconnection with dominant operators' network

Public electronic communications service providers requiring interconnection with a dominant operator are entitled to rely solely on the reference interconnection offer and related requirements.

Dominant operators modify their standard reference interconnection offer by taking into account

électroniques doit fournir à l'Autorité de Régulation tous les détails d'une offre d'interconnexion des réseaux qui doit être mise à la disposition d'autres fournisseurs de services agréés.

Article 112: Offre d'interconnexion de référence

L'offre d'interconnexion de référence doit énumérer chacune des installations d'interconnexion offertes conjointement avec les termes et les conditions d'une convention y relative ainsi que les tarifs.

L'offre d'interconnexion de référence doit être soumise à l'approbation de l'Autorité de Régulation.

L'Autorité de Régulation modifie l'offre d'interconnexion de référence, si les conditions essentielles de la concurrence loyale et l'interopérabilité des services de communications électroniques deviennent un sujet de préoccupation.

Article 113: Interconnexion avec le réseau d'un opérateur dominant

Les fournisseurs de services publics de communications électroniques ayant besoin d'une interconnexion avec l'opérateur dominant ont le droit de compter uniquement sur l'offre d'interconnexion de référence et les exigences connexes.

Les opérateurs dominants modifient leur offre standard d'interconnexion de référence en tenant

bitaye ku mihindagurikire mu by'ubucuruzi n'iby'ikoranabuhanga.

Igihe ufite ububasha bwizimbye atashoboye kugaragaza ihuzwa ry'imiyoboro y'icyitegererezo ry'ufite uruhushya, Urwego ngenzuramikorere rushobora gutangaza amabwiriza amusaba kubishyira mu bikorwa.

Igihe Urwego ngenzuramikorere rutemeje ihuzwa ry'imiyoboro y'icyitegererezo ry'ufite uruhushya, rutanga mu nyandiko impamvu zatumye ritemerwa. Icyo gihe, ufite ububasha bwizimbye afite uburenganzira bwo kugaragaza icyo avuga ku mwanzuro wafashwe n'Urwego ngenzuramikorere cyangwa se kugira ibyo ahindura.

Ingingo ya 114: Ihuzwa ry'imiyoboro mpuzamahanga n'ikurikirana ry'urujya n'uruza rw'itumanaho

Amasezerano akorwa ku rwego mpuzamahanga y'ihuza ry'urujya n'uruza rw'itumanaho agomba kwemezwa n'Urwego ngenzuramikorere. Igihe cyose ayo masezerano agaragayemo ivangura cyangwa abangamiye ipiganwa aba anyuranyije n'amategeko.

Urwego ngenzuramikorere rugomba gushyiraho uburyo bw'igenzura kugira ngo habeho imicungire iboneye n'ikurikirana ry'urujya n'uruza rw'itumanaho mpuzamahanga ryinjira mu gihugu mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ireme rya serivisi, ikumira ry'ubujura n'ibura ry'amahoro kuri Leta.

commercial and technological changes.

Where a dominant operator fails to provide standard reference interconnection offer, the Regulatory Authority may issue an enforcement notice.

Where the Regulatory Authority is unable to approve any standard interconnection offer, it provides reasons for interconnection refusal in writing. In that case, the dominant operator has the right to react on the decision made by the Regulatory Authority or to make adjustments.

Article 114: International connectivity and traffic monitoring

An international connectivity agreement must be subject to the approval of the Regulatory Authority. In the event any such agreement is found to be exclusive or anti-competitive is deemed unlawful.

The Regulatory Authority establishes a regulatory framework for the proper management and monitoring of international traffic for purposes of enforcing quality of service commitment, prevention of both fraud and loss of revenue for the Government.

compte des changements commerciaux et technologiques.

Lorsque l'opérateur dominant ne parvient pas à proposer des offres standard d'interconnexion de référence, l'Autorité de Régulation peut délivrer un avis de mise en demeure.

Lorsque l'Autorité de Régulation n'est pas en mesure d'approuver une offre standard d'interconnexion de référence, elle en donne des motifs par écrit. Dans ce cas, l'opérateur dominant a le droit de réagir à la décision prise par l'Autorité de Régulation ou de faire des ajustements.

Article 114: Connectivité internationale et suivi de la circulation

Un accord international de connectivité doit être soumis à l'approbation de l'Autorité de Régulation. Lorsque l'accord de ce type est jugé être exclusif ou anticoncurrentiel, il est réputé illégal.

L'Autorité de Régulation met en place un cadre de régulation pour la gestion et la surveillance appropriées du trafic international à des fins de faire respecter la qualité de l'engagement de service, la prévention de la fraude et la perte de revenus pour l'Etat.

Ingingo ya 115: Ikumira ry'ibangamirwa ry'ipiganwa

Urwego ngenzuramikorere rugomba:

- 1° gukora ku buryo ikinyuranyo mu biciro, mu masezerano no mu bisabwa buri muntu utanga serivisi y'itumanaho rusange rikoresha ikoranabuhanga, kidatuma habaho kubangamira ipiganwa;
- 2° gukora ku buryo abatanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga baca ibiciro bimwe, amasezerano n'ibisabwa bimwe ku bakorana na bo babashamikiyeho nk'uko babikorera abandi batanga serivisi z'itumanaho rusange hakoreshejwe ikoranabuhanga;
- 3° gukora ku buryo abafite ububasha bwizimbye bakoresha uburyo bw'ibaruramari kugira ngo bifashe kubona neza ikiguzi kijyanye n'ihuzwa ry'imiyoboro;
- 4° gukora ku buryo abakoresha serivisi z'itumanaho koranabuhanga mu gihugu hose bungukira mu ihuzwa ry'imiyoboro no mu guteza imbere ipiganwa ku isoko ;
- 5° gufasha mu gukemura impaka ruhuza abatanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga ku bijyanye n'amasezerano

Article 115: Prevention of distortions in competition

The Regulatory Authority must:

- 1° ensure that any difference in charges, agreements, terms and conditions offered by a public electronic communications service provider does not result in distortion of competition;
- 2° ensure that all public electronic communications service providers apply the same charges, agreements terms and conditions to their own subsidiaries or affiliated companies as they offer to other public electronic communications service providers;
- 3° ensure that dominant operators operate a cost accounting system to enable them identify the costs related to interconnection;
- 4° ensure that electronic communications service users throughout the country benefit from the interconnection of networks and the stimulation of a competitive market;
- 5° assist in the resolution of disputes through conciliation between electronic communications service providers

Article 115: Prévention des distorsions de la concurrence

L'Autorité de Régulation doit:

- 1° veiller à ce que toute différence dans les frais, accords et toutes modalités et conditions offertes par un fournisseur de services publics de communications électroniques ne conduise pas à des distorsions de concurrence;
- 2° veiller à ce que tous les fournisseurs de services publics de communications électroniques appliquent les mêmes frais, accords et modalités et conditions à leurs propres filiales ou sociétés affiliées car ils offrent à d'autres fournisseurs de services publics de communications électroniques;
- 3° veiller à ce que les opérateurs dominants exploitent un système de comptabilisation des coûts afin de leur permettre d'identifier les coûts liés à l'interconnexion;
- 4° s'assurer que les utilisateurs de services de communications électroniques sur tout le territoire du pays profitent de l'interconnexion des réseaux et de la stimulation d'un marché concurrentiel;
- 5° aider à la résolution des différends par la conciliation entre les fournisseurs de services de communications électroniques

ariho cyangwa ateganywa igihe byaba bisabwe n'utanga serivisi z'itumamaho koranabuhanga cyangwa bombi;

6° gukora ku buryo igihe batanga kopi z'amasezerano y'ihuzwa ry'imiyoboro ku baturage, birinda gutanga amakuru ajyanye n'ibanga ry'ubucuruzi bw'itumanaho koranabuhanga.

Mu gihe kunga abafitanye ibibazo binaniranye, Urwego ngenzuramikorere rufata icyemezo hakurikijwe ibyo iri tegeko riteganywa. Utanyuzwe n'umwanzuro wafashwe yitabaza urukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 116: Uruhare rw'abayobozi b'inzego z'ibanze mu itumanaho koranabuhanga

Mu rwego rwo guteza imbere ICT, abayobozi bo mu nzego z'ibanze bagomba korohereza abahawe uruhushya rwo gushyiraho imiyoboro y'itumanaho koranabuhanga.

Icyiciro cya 6: Kurengera abafatabuguzi

Ingingo ya 117: Amahame

1° ingingo z'iri tegeko zigomba gusobanurwa mu nyungu z'umufatabuguzi igihe habayeho gushidikanya;

2° amasezerano agira agaciro hagati y'abayagiranye;

concerning actual or proposed interconnection agreements, at the request of one or both service providers;

6° ensure that when providing copies of interconnection agreements to the public, no sensitive information concerning electronic communications businesses is included.

In the event of a failure for any conciliation between parties, the Regulatory Authority decides in accordance with this law. Any person dissatisfied with the decision taken refers the matter to the competent court.

Article 116: Role of local authorities in connection with networks

For the purposes of ICT development, local authorities must facilitate electronic communications network licensees.

Section 6: Consumer protection

Article 117: Principles

1° the provisions of this Law must be interpreted in the interests of consumers in case of doubt;

2° agreements is binding only for the parties thereto;

concernant les accords d'interconnexion effectifs ou proposés, à la demande d'un ou de deux opérateurs;

6° s'assurer qu'en donnant au public des copies des accords d'interconnexion, aucune information sensible concernant les affaires de communications électroniques n'est incluse.

Lorsque la conciliation entre les parties échoue, l'Autorité de Régulation décide conformément à la présente loi. Toute personne qui n'est pas satisfaite de la décision prise saisit la juridiction compétente.

Article 116: Rôle des autorités locales en rapport avec les réseaux

Dans le cadre du développement de ICT, les autorités locales doivent faciliter les détenteurs de licence de réseau de communications électroniques.

Section 6: Protection des consommateurs

Article 117: Principes

1° les dispositions de la présente loi doivent être interprétées dans l'intérêt du consommateur en cas de doute;

2° les accords lient seulement leurs parties;

3° umucuruzi ubifitiye uruhushya mu gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga, agomba guha abafatabuguzi serivisi nziza kandi yuzuye.

3° the electronic communications service provision licensee can only satisfy users.

3° le détenteur de licence de fourniture de services de communications électroniques ne peut que satisfaire les utilisateurs.

Ingingo ya 118: Ububasha bw'Urwego ngenzuramikorere mu kurengera abafatabuguzi

Article 118: Powers of the Regulatory Authority in consumer protection

Article 118: Pouvoirs de l'Autorité de Régulation dans la protection des consommateurs

Urwego ngenzuramikorere rugenzura iyubahirizwa ry'iri tegeko mu rwego rwo kurengera no guteza imbere inyungu rusange z'abafatabuguzi n'abakoresha ICT.

The Regulatory Authority supervises compliance with this Law for the protection and promotion of general interests of subscribers and users of ICT.

L'Autorité de Régulation veille au respect de la présente loi visant la protection et la promotion de l'intérêt général des abonnés et des utilisateurs de ICT.

Urwego ngenzuramikorere rugomba gushyiraho amabwiriza rusange ashwirwa mu bikorwa ku ikoresha cyangwa ku kujyana n'igihe, ku miyoboro na serivisi z'abacuruzi bose babifitiye uruhushya. Ayo mabwiriza rusange ashingirwaho mu gushyiraho andi mabwiriza yose agamije kurengera abaguzi cyangwa abatanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga.

The Regulatory Authority must establish enforceable general regulations for the use or adaptation by all the licensed networks and service operators. Such regulations are the basis for further regulations for the protection of consumers or the electronic communications service providers.

L'Autorité de Régulation doit mettre en place les règlements généraux ayant force obligatoire devant être utilisés ou adaptés par tous les opérateurs de réseaux et de services agréés. Ces règlements servent de base pour des règlements ultérieurs de protection des consommateurs ou des fournisseurs de services de communications électroniques.

Ingingo ya 119: Uburenganzira ku ngwate cyangwa garanti

Article 119: Right to deposit or security

Article 119: Droit de dépôt ou de garantie

Ku mpamvu zo kugira ngo amabwiriza rusange yumvikane neza, uwahawe uruhushya afite uburenganzira bwo gusaba umufatabuguzi ingwate zikwiye cyangwa garanti ku iyishyurwa ry'ihuzwa ry'umuyoboro ry'icyitegererezo ry'ufite uruhushya hakurikijwe amasezerano hagati ye n'umufatabuguzi, ariko gusa ku mpamvu zihariye zivugwa mu mabwiriza rusange.

For the purposes of clarity in the general regulations, a licensed operator has the right to require from a consumer a reasonable deposit or security for the payments under the network subscriber connection agreement, but only for special reasons referred to under the general regulations.

Aux fins de la clarté des règlements généraux, un opérateur agréé a le droit d'exiger d'un consommateur un dépôt ou une garantie raisonnable pour les paiements en vertu de l'accord de connexion d'abonné au réseau, mais seulement pour des raisons particulières visées aux règlements généraux.

Ingingo ya 120: Amasezerano yujuje ibisabwa

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga ashahiraho ingingo z'amasezerano zitanyuranye n'amabwiriza rusange zijyanye no gutanga imiyoboro ku mufatabuguzi, kandi akoresha izo ngingo igihe agirana amasezerano n'umufatabuguzi.

Ingingo ya 121: Guhindura amasezerano hagati y'uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga n'umufatabuguzi

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga, ashobora guhindura ibiciro cyangwa izindi ngingo z'amasezerano ku itangwa ry'umuyoboro ku mufatabuguzi. Ibyo biba mu bihe bikurikira:

- 1° hashingiwe ku bivugwa mu masezerano;
- 2° igihe habaye impinduka mu mategeko;
- 3° bitewe n'icyemezo cyafashwe n'Urwego ngenzuramikorere.

Ingingo ya 122: Inyemezabuguzi isobanutse neza

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga atanga ku buntu inyemezabuguzi ku ikoreshwa ry'umuyoboro we cyangwa serivisi atanga. Iyo nyemezabuguzi igaragaza kandi:

Article 120: Standard contracts

A licensed electronic communications service provider draws up standard contract terms and conditions for subscriber connections and uses such standard terms and conditions while making agreements with subscribers provided that no such terms are contrary to the provisions of the general regulations.

Article 121: Amendments to contracts between a licensed electronic communications service provider and a subscriber

A licensed electronic communications service provider may amend the price and other terms and conditions of a contract for a subscriber connection. Such amendments occur under the following circumstances:

- 1° pursuant to the contract terms and conditions;
- 2° in case of change in legislation;
- 3° in case of a decision by the Regulatory Authority.

Article 122: Itemized billing

A licensed electronic communications service provider must, without charge, provide itemised bills for the use of the network or service. The bill also indicates:

Article 120: Contrats-type

Le détenteur de licence de fourniture de services de communications électroniques met en place les termes d'un contrat-type pour les connexions d'abonnés et se sert de ce contrat-type lorsqu'il conclut des accords avec les abonnés à condition qu'aucun des termes du contrat ne soit contraire aux dispositions des règlements généraux.

Article 121: Modifications des contrats entre un détenteur d'une licence de fourniture de service de communications électroniques et un abonné

Un détenteur d'une licence de fourniture de service de communications électroniques peut modifier le prix et d'autres termes d'un contrat pour une connexion d'abonné. Ces modifications interviennent dans les cas suivants :

- 1° sur base des termes du contrat;
- 2° en cas de changement dans la législation;
- 3° en cas de décision prise par l'Autorité de Régulation.

Article 122: Facturation détaillée

Un fournisseur agréé de services de communications électroniques doit, sans frais, fournir les factures détaillées pour l'utilisation de son réseau ou services. Cette facture doit aussi indiquer:

1° amafaranga yakwa ku ikoreshwa ry'umuyoboro;

2° uburyo bunyuranye bwo guhamagara;

3° ibiciro byo gutanga umuyoboro ku mufatabuguzi,

4° ubutumwa bwanditse, ubutumwa bushushanyije, serivisi zo kohereza amakuru n'ibindi byasabwa n'amabwiriza rusange y'Urwego ngenzuramikorere.

1° network charges;

2° different categories of calls;

3° subscriber connection rates;

4° text messages, picture messages, data transfer services and any other requirement stipulated in the general regulations by the Regulatory Authority.

1° les frais de réseau;

2° les différentes catégories d'appels;

3° les taux de connexion d'abonné;

4° les messages texte, les messages image et les services de transfert de données ainsi que toute autre exigence stipulée dans les règlements généraux émanant de l'Autorité de Régulation.

Icyiciro cya 7: Ibyerekeranye n'inyungu z'igihugu n'umutekano w'amakuru

Section 7: Matters of national interest and data security

Section 7: Questions d'intérêt national et sécurité des données

Ingingo ya 123: Kumviriza amakuru no kuyagenzura

Article 123: Interception and monitoring of information

Article 123: Interception et surveillance de l'information

Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, utanga umuyoboro cyangwa serivisi z'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga agomba kugira ibikoresho n'ibyuma byo mu rwego rwa tekini by'umuyoboro we cyangwa serivisi ze byoroshya iyumvirizwa n'igenzura ryemewe n'amategeko y'itumanaho koranabuhanga.

Notwithstanding the provisions of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, an electronic communications network or service provider must equip the electronic communications network and service with technical instruments and features that allow and facilitate the lawful interception of electronic communications and monitoring.

Sous réserve des dispositions de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, un fournisseur de réseau ou de service de communications électroniques doit équiper son réseau ou service de communications électroniques des instruments techniques et des fonctionnalités qui facilitent l'interception légale des communications électroniques.

Igihe hari inozwa ry'umuyoboro cyangwa serivisi z'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga iryo nozwa rigomba kumenyeshwa urwego rufite uburenganzira bwo gukora iyumviriza ryemewe n'amategeko.

In the event of upgrade of electronic communications network or service, the upgrade is brought to the notice of any authorized entity that carries out lawful interception.

En cas de mise à niveau du réseau ou service de communications électroniques, la mise à niveau doit être portée à la connaissance de toute entité autorisée qui effectue l'interception légale.

Ingingo ya 124: Kubika ibanga no kurinda amakuru y’umuguzi

Haseguriwe izindi ngingo z’iri tegeko, ijwi cyangwa amakuru ya buri mufatabuguzi cyangwa umukiriya byanyujijwe mu muyoboro cyangwa serivisi z’itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga, bigomba gukomeza kugirwa ibanga ntibitangarizwe uwo bitari bigenewe.

Ingingo ya 125: Inshingano z’ufite uruhushya mu kwita ku mutekano w’umuyoboro

Utanga umuyoboro cyangwa serivisi z’itumanaho koranabuhanga agomba gufata ingamba za ngombwa mu rwego rwa tekini n’urw’imikorere kugira ngo indi miyoboro imushamikiyeho igire umutekano wuzuye hakoreshejwe serivisi z’itumanaho koranabuhanga.

Ufite uruhushya rwo gutanga serivisi z’itumanaho koranabuhanga agomba kumenyesha abakiriya be ingaruka mbi ku mutekano zaterwa no kutubahiriza ingamba ziba zafashwe ku mutekano w’umuyoboro cyangwa amasezerano n’ibyakorwa kugira ngo umutekano w’umuyoboro ushobore kubahirizwa.

Ingingo ya 126: Ububasha bwa Minisitiri mu birebana n’ubusugire bw’igihugu

Mu rwego rwo kubahiriza amategeko y’igihugu n’amasezerano mpuzamahanga igihugu cyashyizeho

Article 124: Privacy and data protection

Notwithstanding other provisions of this Law, every subscriber or user’s voice or data communications carried by means of an electronic communications network or services, must remain confidential to that subscriber and or user for whom the voice or data is intended.

Article 125: Obligations of the licensee in providing network security

An electronic communications network or service provider must take all technical and organizational measures necessary to ensure that the services and associated electronic communications networks are fully secured.

The licensed electronic communications service provider must inform users about any security risks, which may occur as a result of a breach of network security measures, or protocols and the necessary remedies available to address the breach of network security.

Article 126: Powers of the Minister on issues of national sovereignty

In a bid to comply with national legislation and international instruments ratified by the country, the

Article 124: Protection de la vie privée et des données

Sous réserve des autres dispositions de la présente loi, toutes communications vocales ou de données des abonnés ou des utilisateurs transportées au moyen d’un réseau ou service de communications électroniques doivent rester confidentielles à cet abonné ou utilisateur à qui la voix ou les données sont destinées.

Article 125: Obligations du détenteur de licence en assurant la sécurité du réseau

Tout fournisseur de réseau ou service de communications électroniques prennent toutes les mesures techniques et organisationnelles nécessaires pour s’assurer que les services et les réseaux de communications électroniques connexes sont entièrement sécurisés.

Tout fournisseur agréé de services de communications électroniques doit informer les utilisateurs quant aux risques de sécurité qui peuvent survenir à la suite d’une violation des mesures de sécurité du réseau, des protocoles et quant aux mesures correctives nécessaires en place permettant de remédier à la violation de la sécurité du réseau.

Article 126: Pouvoirs du Ministre en matière de souveraineté nationale

En vue de se conformer à la législation nationale et accords internationaux ratifiés par le pays, le

umukono, Minisitiri ashobora:

Minister may:

Ministre peut:

1° guhagarika cyangwa gutuma habaho ihagarikwa ry'itumanaho koranabuhanga riyahaye ryagira ingaruka mbi ku busugire bw'igihugu, ryaba rinyuranye n'itegeko ririho, umudendezo cyangwa umuco by'igihugu;

1° interrupt or cause to be interrupted, any private communication that appears detrimental to the national sovereignty, contrary to any existing law, public order or good morals;

1° interrompre ou faire interrompre, toute communication privée qui semble dangereux pour la souveraineté nationale, contraire à une loi quelconque en vigueur, à l'ordre public ou aux bonnes mœurs;

2° guhagarika zose cyangwa zimwe muri serivisi cyangwa ibikorwa by'umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga mu gihe kigenwe cyangwa kitagenwe;

2° suspend wholly or in part any electronic communications service or network operations for a specified or undetermined period;

2° suspendre totalement ou en partie, un service de communications électroniques ou l'exploitation du réseau pour une période déterminée ou indéterminée;

3° gufatira cyangwa gutuma habaho ifatira ry'inyubako n'ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga.

3° requisition or cause to be requisitioned any electronic communications infrastructure.

3° réquisitionner ou faire réquisitionner une infrastructure de communications électroniques.

Ingingo ya 127: Inshingano zo guha amakuru inzego za Leta

Article 127: Obligation to provide information to a public authority

Article 127: Obligation de fournir l'information à une autorité publique

Bisabwe na Minisitiri cyangwa Urwego ngenzuramikorere, utanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga agomba gukusanya amakuru atitwaje ibanga ry'akazi, agaha Minisitiri n'Urwego ngenzuramikorere amakuru ayo ari yo yose yafasha kuyobora no kugenzura ibikorwa bijyanye n'itumanaho koranabuhanga. Amakuru agomba gutangwa mu gihe no mu buryo kwasabwe nta bwishyu.

On the request of the Minister or the Regulatory Authority, an electronic communications service provider shall, irrespective of professional secrecy, collect and provide to the Minister and the Regulatory Authority any information sought for the guidance and supervision of activity relating to the ICT. The information must be provided within a period and in the form requested without charge.

A la demande du Ministre ou de l'Autorité de Régulation, le fournisseur de service de communications électroniques doit, indépendamment du secret professionnel recueillir et fournir au Ministre et à l'Autorité de Régulation toute information recherchée pour la direction et la supervision de l'activité relative à ICT. L'information doit être fournie dans les délais prescrits, sous une forme requise et sans frais.

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga afite uburenganzira bwo kubaza ibisobanuro ku mpamvu asabwa ayo makuru.

The licensed electronic communications service provider has the right to request for reasons behind the information so required.

Le fournisseur agréé de services de communications électroniques a le droit de demander les raisons de l'exigence de ces informations.

Ingingo ya 128: Gahunda yo guhangana n'ibiza

Urwego ngenzuramikorere rushobora gusaba uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga gushyiraho gahunda yo guteganyiriza ibiza, yisunze urwego rwa Leta rubifitiye ubushobozi, kugira ngo azashobore guhangana n'ibiza cyangwa kongera kubona ibikoresho by'umuyoboro, gukora k'umuyoboro, gutanga serivisi cyangwa ibikubiye muri serivisi mu gihe habayeho ibiza, akaga cyangwa ibihe bidasanze.

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga agomba kandi kugira cyangwa kubaka ubushobozi bwo kugira uruhare cyangwa gufasha mu bikorwa cyangwa muri serivisi zo gutabara igihugu mu bihe bidasanze.

UMUTWE WA III: ITERAMBERE RISHINGIYE KU ITANGAZABUMENYI KORANABUHANGA

Icyiciro cya mbere: Ingingo z'ibanze

Ingingo ya 129: Ibirebwa n'uyu mutwe

Uyu mutwe urebana muri rusange n'ibikorwa byose mu rwego rw'ikoranabuhanga hakoreshejwe ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho, imikoreshereze mibi ya za mudasobwa, umukono ukoresheje uburyo koranabuhanga n'imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu iterambere rishingiye ku itangazabumenyi koranabuhanga.

Article 128: Disaster management plans

The Regulatory Authority may direct a licensed electronic communications service provider to develop, in consultation with any relevant organ of the country, a disaster management plan for the survival and recovery of any network facilities, network service, applications service or content applications service in case of a disaster, crisis or civil emergency.

The licensed electronic communication service provider must further have or build the capacity to contribute and assist in any national emergence rescue operations and services.

CHAPTER III: ELECTRONIC INFORMATION SOCIETY

Section one: Preliminary provisions

Article 129: Scope of this chapter

This chapter generally applies to all electronic transactions by the use of ICT, misuse of computers, electronic signature and any use of technologies in the electronic information society.

Article 128: Plans de gestion des catastrophes

L'Autorité de Régulation peut ordonner à un détenteur de licence de fourniture de services de communications électroniques d'élaborer, en consultation avec un organe compétent du pays, un plan de gestion des catastrophes pour la survie et le recouvrement des installations du réseau, des services du réseau, des services des applications ou des services des applications du contenu en cas de catastrophe, de crise ou de situations d'urgence à caractère civil.

Le détenteur de licence de fourniture de services de communications électroniques doit en outre avoir ou acquérir la capacité de contribuer et de participer à des opérations et services nationaux de secours d'urgence.

CHAPITRE III: SOCIÉTÉ DE L'INFORMATION ÉLECTRONIQUE

Section première : Dispositions préliminaires

Article 129: Champ d'application du présent chapitre

Le présent chapitre concerne en général toutes les transactions électroniques par l'utilisation de ICT, l'utilisation abusive des ordinateurs, la signature électronique et toute utilisation des technologies dans la société de l'information électronique.

By'umwihariko:	In particular its purpose is to:	Plus particulièrement son objet est de:
1° gutuma habaho no korohereza ibikorwa by'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga;	1° enable and facilitate electronic communications and transactions;	1° permettre et faciliter les communications et transactions électroniques;
2° gukuraho inzitizi zishingiye ku mategeko no ku mikorere ku bikorwa by'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga;	2° remove legal and operational barriers to electronic transactions;	2° éliminer les obstacles juridiques et opérationnels aux transactions électroniques;
3° guteza imbere ukutabogama mu ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko ajyanye n'itumanaho koranabuhanga ;	3° promote neutrality in the application of legislation relating to electronic communications;	3° promouvoir la neutralité dans l'application de la législation en matière des communications électroniques;
4° gutanga umutekano n'icyizere mu rwego rw'amategeko mu ikoresha ry'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga;	4° provide legal certainty and public confidence in the use of electronic communications and transactions;	4° garantir la sécurité juridique et la confiance du public dans l'utilisation des communications et transactions électroniques;
5° guteza imbere serivisi z'ikoranabuhanga za Leta hakoreshejwe ikoranabuhanga mu miyoborere hitabazwa ikoranabuhanga mu itumanaho no mu mikoranire n'ubuyobozi, mu rwego rw'ibigo bya Leta, ibishamikiye kuri Leta n'iby'abikorera;	5° promote e-government services through electronic communications and transactions with government, public and statutory bodies;	5° promouvoir les services e-gouvernement par le biais de communications et transactions électroniques avec des organes du gouvernement, organes publics et organes statutaires;
6° gukora ku buryo ibikorwa by'ikoranabuhanga bibera mu gihugu bigira imikorere myiza yubahiriza amategeko mpuzamahanga;	6° ensure that electronic transactions in the country conform to the best practices of international standards;	6° s'assurer que les transactions électroniques dans le pays sont conformes aux meilleures pratiques des normes internationales;
7° kureshya abashoramari no guhanga ibishya mu bijyanye n'ikoranabuhanga mu itumanaho mu rwego rwo guteza imbere ibikorwa by'ikoranabuhanga;	7° encourage investment and innovation in information and communications technologies, for the promotion of electronic transactions;	7° encourager l'investissement et l'innovation dans les technologies de l'information et de la communication, pour la promotion des transactions électroniques;

- | | | |
|---|---|---|
| 8° guteza imbere imikorere itanga umutekano, iboneye kandi inogeye umufatabuguzi, ubucuruzi na Leta ku bijyanye n'imitwarire n'imigendekere y'ibikorwa by'ikoranabuhanga; | 8° develop a safe, secure and effective environment for the consumer, business and the Government for the conduct and use of electronic transactions; | 8° promouvoir un environnement sûr, sécurisé et efficace pour le consommateur, les affaires et l'Etat pour la conduite et l'utilisation des transactions électroniques; |
| 9° guteza imbere ibikorwa by'ikoranabuhanga bitanga igisubizo ku byo abafatabuguzi n'abakiriya bakeneye; | 9° promote the development of electronic transactions that are responsive to the needs of users and consumers; | 9° promouvoir le développement des transactions électroniques qui répondent aux besoins des utilisateurs et des consommateurs; |
| 10° guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza binyujijwe mu iterambere rishingiye ku itangazabumenyi koranabuhanga; | 10° promote economic and social prosperity through the electronic information society; | 10° promouvoir la prospérité économique et sociale par la société de l'information électronique; |
| 11° koroshya uburyo bwo kubika inyandiko mu mikoranire n'ibigo bya Leta n'ibindi biyishamikiyeho; | 11° facilitate electronic filing of documents with government agencies and parastatals; | 11° faciliter l'archivage électronique des documents avec les établissements publics et paraétatiques; |
| 12° guteza imbere itangwa rya serivisi nziza mu buyobozi binyujijwe mu ibikanyandiko hakoreshejwe ikoranabuhanga; | 12° promote efficient delivery of government services by means of electronic filing; | 12° promouvoir une prestation efficace des services de l'Etat au moyen d'archivage électronique; |
| 13° korohereza ihuzwa ry'amabwiriza mu buryo bwo kwemeza no kurinda ubusugire bw'inyandiko zibitswe hakoreshejwe ikoranabuhanga. | 13° facilitate the harmonisation of rules, regulations and standards regarding the authenticity and integrity of electronic records. | 13° faciliter l'harmonisation des règles, règlements et normes en ce qui concerne l'authentification et l'intégrité des documents électroniques. |

Ingingo ya 130: Inshingano z'Urwego ngenzuramikorere ku byerekeye iterambere rishingiye ku itangazabumenyi

Urwego ngenzuramikorere mu byerekeranye n'iyoherezwa ry'amakuru koranabuhanga ndetse n'imiyo borere hakoreshejwe ikoranabuhanga rufite

Article 130: Responsibilities of the Regulatory Authority in relation to information society issues

The responsibilities of the Regulatory Authority in relation to electronic transactions and e-government are the following:

Article 130: Attributions de l'Autorité de Régulation en matière de questions de société de l'information

Les attributions de l'Autorité de Régulation en matière de transactions électroniques et d'e-gouvernement sont les suivantes:

inshingano zikurikira :

- | | | |
|---|---|---|
| 1° gushyiraho ibisabwa mu kwita ku mutekano w'inyandiko koranabuhanga binyujijwe mu mabwiriza, | 1° to establish conditions for securing a reliable electronic records through regulations; | 1° fixer les conditions en vue de garantir un enregistrement électronique fiable au moyen de règlements; |
| 2° gutuma habaho uburyo bw'icuruzwa hakoreshejwe ikoranabuhanga budafite imbogamizi zituma habaho gushidikanya mu bisabwa byo kwandika no gushyira umukono ku nyandiko, | 2° to ensure that the environment for electronic commerce is free from barriers that create uncertainties over writing and signature requirements; | 2° s'assurer que l'environnement pour le commerce électronique est sans obstacles qui génèrent des incertitudes sur les exigences en matière d'écrits et signature; |
| 3° gushyiraho uburyo bwiza bwo gukora hifashishijwe itangwa rya serivisi z'ibyemezo koranabuhanga, kugira ngo inyandiko koranabuhanga n'uburyo ziherekanywa bikorwe ku buryo bwizewe na buri wese, kandi habeho guteza imbere ubucuruzi koranabuhanga hifashishijwe umukono koranabuhanga utuma itumanaho koranabuhanga rihabwa icyizere cy'uko ubutumwa bukiri umwimerere; | 3° to provide for an enabling environment through the establishment of electronic certification service provision with a view to promoting public confidence in the integrity and reliability of electronic records and electronic transactions, and to foster the development of electronic commerce through the use of electronic signature to lend authenticity to correspondence; | 3° assurer un environnement favorable par la mise en place des moyens de fourniture des services de certification électronique en vue de promouvoir la confiance du public dans l'intégrité et la fiabilité des enregistrements et transactions électroniques et favoriser la promotion du commerce électronique par l'utilisation d'une signature électronique pour assurer l'authenticité de la correspondance; |
| 4° guteza imbere ikorashwa ry'ikoranabuhanga mu miyoborere no mu itangwa rya serivisi zindi hashyirwaho ibisabwa n'imirongo ngenderwaho mu mikoreshereze y'imiyoboro; | 4° to promote the use of e-government and other e-services by laying down conditions and guidelines for network use; | 4° promouvoir l'utilisation d'e-gouvernement et d'autres services électroniques en fixant des conditions et lignes directrices pour l'utilisation des réseaux; |
| 5° gushyiraho uburyo bunoze mu micungire n'imikorere myiza y'iherekanya ry'ubutumwa bwa interineti mu gihugu; | 5° to establish an effective framework for the proper management and functioning of internet exchange point in the country; | 5° mettre en place un cadre efficace pour assurer une bonne gestion et un bon fonctionnement du point d'échange internet dans le pays; |
| 6° gushyiraho amabwiriza agena imicungire y'ibisigazwa by'ibikoresho | 6° to establish regulations for the proper management of e-waste; | 6° mettre en place des règlements pour la bonne gestion de déchets électroniques; |

by'ikoranabuhanga.

7° gukora ibindi bikorwa byatuma ibisabwa n'iri tegeko byubahirizwa.

7° to carry out any other responsibilities that may help the implementation of the requirements of this Law.

7° exécuter d'autres attributions permettant la mise en application des conditions requises par la présente loi.

Ingingo ya 131: Inshingano z'Urwego ngenzuramikorere mu bijyanye n'imicungire y'izina ndangarubuga

Article 131: Responsibilities of the Regulatory Authority in relation to domain name management

Article 131: Attributions de l'Autorité de Régulation en matière de gestion des noms de domaine

Urwego ngenzuramikorere rufite inshingano zikurikira:

The responsibilities of the Regulatory Authority are the following:

Les attributions de l'Autorité de Régulation sont les suivantes:

1° kugena imiyoborere n'imicungire y'umwanya w'izina ndangarubuga ".rw";

1° to determine the administration and management of the ".rw" domain name space;

1° définir l'administration et la gestion de l'espace de nom de domaine « .rw » ;

2° gukora ku buryo habaho iyubahirizwa ry'imikorere myiza mu rwego mpuzamahanga mu miyoborere y'izina ndangarubuga ".rw";

2° to ensure compliance with international best practices in the administration of the ".rw" domain name space;

2° assurer la conformité aux meilleures pratiques internationales dans l'administration de l'espace de nom de domaine « .rw »;

3° gushyiraho ibisabwa abiyandikisha n'ababandika, uburyo bukoreshwa mu kwiandikisha, ibishobora gutuma wangirwa cyangwa uhagarikwa gukora n'uburyo bwo kugarurirwa izina ndangarubuga;

3° to establish the requirements for registrants and registrars as well as the manner in which registrations are made, refused or revoked and the manner in which registrations are renewed;

3° établir les conditions requises pour les titulaires et les registraires ainsi que la manière dont les inscriptions sont effectuées, refusées ou révoquées et renouvelées;

4° gushyiraho amabwiriza ashingirwaho mu kugena ibiciro;

4° to establish pricing regulations;

4° mettre en place les règlements tarifaires;

5° kugena ingingo z'ibanze z'amasezerano yerekeye izina ndangarubuga agomba kwemezwa hagati y'abandika n'abiyandikisha;

5° to determine preliminary terms of the domain name registration agreement to be adopted by registrars and registrants;

5° déterminer les modalités préliminaires du contrat d'enregistrement de nom de domaine devant être adopté par les registraires et les titulaires de noms de

6° gushyiraho uburyo bwo kwirinda akarengane n'imikorere ibangamira ipigana;	6° to define processes and procedures to avoid unfair and anti-competitive practices;	domaine; 6° définir les processus et procédures pour éviter les pratiques déloyales et anti concurrentielles ;
7° kugena uburyo bwo gushyiraho imbuga nshya zishamikiye munsu y'urubuga rwa interineti hashingiwe kuri politiki iriho irebwa n'amabwiriza yerekeranye na gahunda y'igihugu yo guha numero aderesi koranabuhanga;	7° to determine the creation of new sub-domains to be based on existing policy and effected by a directive in accordance with the national numbering and electronic address plan;	7° déterminer la création de nouveaux sous-domaines devant se baser sur la politique existante et être régie par une directive en conformité avec le plan national de numérotation et d'adresse électronique;
8° gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura iyubahirizwa ry'iri tegeko n'andi mabwiriza, by'umwihariko urubuga rwa interineti rufite izina ndangarubuga “.rw”;	8° to establish procedures for ensuring follow up and monitoring of compliance with this Law and other regulations, specifically “.rw” domain name space;	8° établir des procédures permettant d'assurer un suivi et monitoring de la conformité avec la présente loi et les autres règlements, particulièrement l'espace de nom de domaine « .rw »;
9° guha Ministiri ibitekerezo kuri politiki ijyanye n'imikoreshereze y'izina ndangarubuga “.rw”;	9° to make recommendations to the Minister in relation to policy on any matter relating to the “.rw” domain name space;	9° faire des recommandations au Ministre en matière de politique sur toute question relative à l'espace de nom de domaine « .rw » ;
10° kugenzura ibindi byose bijyanye n'umwanya w'izina ndangarubuga “.rw” kugira ngo iri tegeko ryubahirizwe.	10° to regulate such other matters relating to the “.rw” domain name space for compliance with this Law.	10° réguler d'autres questions relatives à l'espace de nom de domaine « .rw » en vue du respect de la présente loi.

Icyiciro cya 2: Inyandiko n'umukono koranabuhanga

Ingingo ya 132: Ibirebwa n'iki cyiciro

Ingingo z'iki cyiciro zirebana n'inyandiko n'umukono koranabuhanga bijyanye n'ubutumwa buhererekanyijwe cyangwa buhererekanyijwe ku buryo bwikoze hakoreshejwe i koranabuhanga.

Section 2: Electronic records and signature

Article 132: Scope of this section

The provisions of this Section are applicable to electronic records and electronic signature relating to a transaction or an automated transaction.

The receiver of automatically forwarded calls may request the electronic communications service provider to stop the forwarding of those calls.

Le receveur des appels automatiquement renvoyés peut demander au fournisseur de services de communications électroniques d'arrêter le renvoi de

Utanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga agomba kugenzura ku buntu ko ukohera iyo telefoni byahise bihagarara kandi akabimenyesha uwari wasabye ko iyo telefoni izajya yiyohereza.

The electronic communications service provider must check, free of charge, whether the forwarding of those calls has immediately stopped and informs the subscriber who requested the automatic forwarding of calls.

ces appels.

Le fournisseur de services de communications électroniques doit contrôler gratuitement si le renvoi de ces appels s'est effectivement arrêté et en informe l'abonné qui avait demandé le renvoi automatique d'appels.

Ingingo ya 222: Gukoresha telefoni mu gushakisha amasoko ku buryo butaziguye bitabanje kumenyeshwa nyir'uguhamagarwa

Article 222: Unsolicited calls for direct marketing purposes

Article 222: Appels non sollicités à des fins de marketing direct

Umuntu wese yemerewe gukoresha cyangwa gusaba gukoresha serivisi rusange z'itumanaho koranabuhanga mu gushakisha amasoko ku buryo butaziguye abanje kubimenyesha nyir'uguhamagarwa.

Any person is authorized to use or instigate to use a public electronic communications service for direct marketing purposes after informing the called subscriber.

Toute personne est autorisée à utiliser ou inciter à utiliser un service public de communications électroniques à des fins de marketing direct après avoir informé l'abonné appelé.

Ingingo ya 223: Ibuzwa ryo gukoresha ubutumwa koranabuhanga mu gushakisha amasoko ku buryo butaziguye

Article 223: Prevention of the use of electronic mail for direct marketing purposes

Article 223: Prévention de l'utilisation du courrier électronique à des fins de marketing direct

Umuntu ntashobora kohereza cyangwa gusaba kohereza ubutumwa mu rwego rwo gushakisha amasoko ku buryo butaziguye yitabaje ubutumwa koranabuhanga iyo:

A person is not allowed to transmit, nor instigate the transmission of, a communication for the purposes of direct marketing by means of electronic mail where:

Personne n'est autorisée à transmettre, inciter à la transmission d'une communication à des fins de marketing direct par courrier électronique lorsque:

1° umwirondoro w'umuntu wohereje ubutumwa wahishwe cyangwa wagizwe ibanga;

1° the identity of the person who has sent the communication has been disguised or concealed;

1° l'identité de la personne qui a envoyé la communication a été déguisée ou dissimulée ;

2° aderesi uwoherejwe ubutumwa ashobora koherezaho ubutumwa bwo guhagarika itatanze.

2° an address to which the recipient of the communication may send a request that such communication ceases has not been

2° l'adresse à laquelle le destinataire de la communication peut envoyer une demande de cessation de ces communications n'a pas

provided.

été fournie.

UMUTWE WA IV: ISAKAZAMAKURU

CHAPTER IV: BROADCASTING

CHAPITRE IV: RADIODIFFUSION

Icyiciro cya mbere: Igenzura n'ibyiciro bya serivisi z'isakazamakuru

Section One: Regulation and classification of broadcasting services

Section première: Régulation et classification de services de radiodiffusion

Ingingo ya 224: Igenzura ry'ibigo by'isakazamakuru

Article 224: Regulation of broadcasting bodies

Article 224: Régulation des organismes de radiodiffusion

Inshingano z'Urwego ngenzuramikorere mu bijyanye n'isakazamakuru zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The responsibilities of the Regulatory Authority in relation to broadcasting are determined by a Prime Minister's Order.

Les attributions de l'Autorité de Régulation en matière de radiodiffusion sont déterminées par un Arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 225: Ibyiciro bya serivisi z'isakazamakuru

Article 225: Classification of broadcasting services

Article 225: Classification des services de radiodiffusion

Urwego ngenzuramikorere rutanga uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru cyangwa amashusho mu gace kagenwe hakurikijwe ingeri za serivisi zikurikira:

The Regulatory Authority issues audio or audio-visual broadcasting service license for a specified area according to the following service categories:

L'Autorité de Régulation délivre des licences pour les services de radiodiffusion audio ou audiovisuelle pour une zone déterminée selon les catégories des services suivants:

1° serivisi z'isakazamakuru rya Leta zicuruza n'izidacuruza;

1° commercial and non-commercial public broadcasting services;

1° services publics de radiodiffusion commerciaux et non commerciaux;

2° serivisi z'isakazamakuru ry'abikorera;

2° private broadcasting services;

2° services de radiodiffusion privée;

3° serivisi z'isakazamakuru zegerejwe abaturatione;

3° community broadcasting services;

3° services de radiodiffusion communautaire;

4° serivisi z'isakazamakuru zisaba ifatabuguzi.

4° subscription broadcasting services.

4° service de radiodiffusion d'abonnement.

Icyiciro cya 2: Itangwa ry'uruhushya kuri serivisi z'isakazamakuru

Ingingo ya 226: Uruhushya rw'isakazamakuru

Umuntu wese wifuza gusakaza amakuru mu buryo ubwo ari bwo bwose agomba gusaba uruhushya rwabigenewe rutangwa n'Urwego ngenzuramikorere.

Ingingo ya 227: Guhabwa cyangwa kwangirwa uruhushya rw'isakazamakuru

Iyo Urwego ngenzuramikorere rusanze usaba uruhushya yujuje ibisabwa hakurikijwe imirongo ngenderwaho rwashyizeho rumuha uruhushya.

Aho Urwego ngenzuramikorere rusanze ari ngombwa ku mpamvu zishingiye ku mategeko cyangwa z'umutekano rushobora kwima uruhushya rw'isakazamakuru uwarusabye.

Urwego ngenzuramikorere rumaze gufata icyemezo cyo gutanga cyangwa kudatanga uruhushya, rubimenyesha uwarusabye mu nyandiko.

Umuntu wese utanyuzwe n'icyemezo cy'Urwego ngenzuramikorere cyo gutanga cyangwa kudatanga uruhushya ashobora kukijuririra mu rukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 228: Guhererekanya uruhushya no kurusubiza

Uruhushya ntirushobora guhererekanywa cyangwa

Section 2: Licensing of broadcasting services

Article 226: Broadcasting license

Any person who needs to operate any kind of broadcasting service must request a relevant licence granted by the Regulatory Authority.

Article 227: Grant or refusal of a broadcasting licence

Where the Regulatory Authority is satisfied that a particular applicant meets the requirements of its standards, it grants the applicant a licence.

The Regulatory Authority may refuse to grant a broadcasting licence on legal or security grounds.

Upon deciding the granting or refusal of a licence, the Regulatory Authority informs the applicant in writing.

Any person not satisfied with a decision of the Regulatory Authority granting or refusing an application may appeal to a competent court.

Article 228: Transfer and surrender of a licence

No licence can be transferred or assigned to another

Section 2: Octroi de licences de services de radiodiffusion

Article 226: Licence de radiodiffusion

Toute personne qui désire exploiter toute sorte de service de radiodiffusion doit demander une licence octroyée par l'Autorité de Régulation.

Article 227: Octroi ou refus d'octroi d'une licence de radiodiffusion

Lorsque l'Autorité de Régulation est convaincue qu'un requérant particulier répond aux exigences de ses normes, il accorde au requérant une licence.

L'Autorité régulation peut refuser l'octroi d'une licence de radiodiffusion pour des raisons légales ou de sécurité.

Lorsque l'Autorité de Régulation décide d'octroyer ou de refuser l'octroi d'une licence, elle en informe le requérant par écrit.

Toute personne non satisfaite par une décision de l'Autorité de Régulation accordant ou refusant une demande peut faire recours devant une juridiction compétente.

Article 228: Transfert et remise de licence

Aucune licence ne peut être transférée ni cédée à

kwegurirwa undi muntu, Urwego ngenzuramikorere rutabyemeye mu nyandiko.	person except with the written consent of the Regulatory Authority.	une autre personne sans le consentement écrit de l'Autorité de Régulation.
Ufite uruhushya ashobora kurubanza igihe icyo ari cyose abanje kubimenyesha mu nyandiko Urwego ngenzuramikorere mbere y'uko rurangiza igihe.	A licensee may surrender the license at any time before its expiry and after written notice of the intention to the Regulatory Authority.	Un détenteur de licence peut remettre sa licence à tout moment avant son expiration après avoir donné un avis écrit de son intention à l'Autorité de Régulation.
<u>Ingingo ya 229:</u> Rejisitiri ikoze mu buryo bw'igitabo cyangwa bw'ikoranabuhanga yandikwamo impushya	<u>Article 229:</u> Printed or electronic register of licences	<u>Article 229:</u> Registre imprimé ou électronique des licences
Urwego ngenzuramikorere rubika rejisitiri ikoze mu buryo bw'igitabo cyangwa bw'ikoranabuhanga yanditsemu impushya zose zatanze n'ibiziranga byihariye.	The Regulatory Authority keeps a printed or electronic register of licences and of its essential particulars.	L'Autorité de Régulation tient un registre imprimé ou électronique de toutes les licences et leurs éléments essentiels.
Iyi rejisitiri ifunguriwe buri wese wifuza kureba amakuru ayikubiyemo.	Such a register is open to the public for access to information therein.	Ce registre est ouvert au public pour consultation.
Urwego ngenzuramikorere ruhuza iyi rejisitiri n'igihe rukandikamo niba uruhushya rwarongerewe igihe, rwareguriwe undi, rwarasubijwe, rwarahinduwe, rwarambuwe nyirarwo cyangwa rwarahagaritswe.	The Regulatory Authority keeps the register up to date and registers any renewal, transfer, surrender, variation, revocation or suspension of a licence.	L'Autorité de Régulation tient le registre à jour et enregistre tout renouvellement, tout transfert, toute cession, modification, révocation ou suspension d'une licence.
<u>Icyiciro cya 3:</u> Inshingano z'uwahawe uruhushya n'amabwiriza agenga uruhushya rw'isakazamakuru	<u>Section 3:</u> Obligations of a licensee and conditions of broadcasting licence	<u>Section 3:</u> Obligations d'un détenteur de licence et conditions de licence de radiodiffusion
<u>Ingingo ya 230:</u> Inshingano n'imikorere by'uwahawe uruhushya	<u>Article 230:</u> Obligations of a licensee	<u>Article 230:</u> Obligations de détenteur de licence
Inshingano n'imikorere by'uwahawe uruhushya rw'isakazamakuru bigenwa n'Urwego ngenzuramikorere.	The Regulatory Authority determines obligations and working terms and conditions of broadcasting licensees.	L'Autorité de Régulation détermine les obligations et les modalités de travail des détenteurs de licence de radiodiffusion.

Ingingo ya 231: Iyubahirizwa ry'uruhushya n'amabwiriza agenga imyitwarire

Umuntu wese wahawe uruhushya rwo gusakaza amakuru agomba kubahiriza ibiri mu ruhushya yahawe n'amabwiriza agenga imyitwarire muri serivisi z'isakazamakuru.

Urwego ngenzuramikorere rugomba kugenzura uko iyubahirizwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo rikorwa.

Urwego ngenzuramikorere rushobora kumva ikibazo icyo ari cyo cyose kirebana n'igenzura n'ikurikizwa ry'uruhushya ruhabwa abasakazamakuru.

Ingingo ya 232: Ibyemezo bifatirwa abatubahirije amabwiriza

Iyo Urwego ngenzuramikorere rusanze uwahawe uruhushya rwo gusakaza amakuru atarubahirije amabwiriza ari mu ruhushya yahawe, cyangwa ingingo z'iri tegeko, rugomba kubimumenyesha mu nyandiko.

Nyuma yo kumva ibisobanuro bye, Urwego ngenzuramikorere rwemeza uko kutubahiriza amategeko, rugatangaza ibyo rwagezeho n'impamvu zabyo.

Rumaze gusuzuma ubwoko, uburemere n'ingaruka z'uko kutubahiriza amategeko, kandi rumaze kumva ibisobanuro byatanze n'uwahawe uruhushya cyangwa n'abandi bantu bireba, Urwego ngenzuramikorere rushobora gufata kimwe cyangwa

Article 231: Compliance with the licence and code of conduct

Any broadcasting licensee must comply with the terms and conditions of their licence and the code of conduct relating to broadcasting services.

The Regulatory Authority must monitor compliance referred to under Paragraph one of this Article.

The Regulatory Authority may hold public hearings on any matter relating to the monitoring and enforcement of broadcasting licenses.

Article 232: Actions against non-compliance with terms and conditions

Where the Regulatory Authority determines that a broadcasting licensee has failed to comply with the terms and conditions of the licence or provisions of this Law, it must notify the licensee in writing.

After hearing his/her representations, the Regulatory Authority confirms the non-compliance and publishes its findings and the reasons thereof.

Having taken into account the nature, gravity and consequences of the non-compliance, and after hearing any representations made by the licensee or any other interested persons, the Regulatory Authority may make any one or more of the

Article 231: Respect de la licence et du code de conduite

Tout détenteur de licence de radiodiffusion doit respecter les termes et conditions de sa licence et le code de conduite relatif aux services de radiodiffusion.

L'Autorité de Régulation doit faire le suivi du respect visé à l'alinéa premier du présent article.

L'Autorité de Régulation peut tenir des audiences publiques sur toute question relative au suivi et au respect des licences de radiodiffusion.

Article 232: Mesures prises contre le non-respect des termes et conditions

Lorsque l'Autorité de Régulation constate qu'un détenteur de licence de radiodiffusion ne s'est pas conformé aux termes et conditions de la licence ou aux dispositions de la présente loi, il doit en aviser le détenteur de licence par écrit.

Après avoir entendu ses justifications, l'Autorité de Régulation confirme la non-conformité et publie ses conclusions et les motifs y relatifs.

L'Autorité de Régulation peut, après avoir tenu compte de la nature, de la gravité et des conséquences de la non-conformité, et après avoir entendu les justifications fournies par le détenteur de licence ou toute autre personne intéressée, donner

byinshi mu byemezo bikurikira rusanga bikwiye:	following orders which it considers appropriate:	un ou plusieurs des ordres suivants qu'il juge appropriés:
1° gutangaza ibyo yakosoye, ibyabisimbura cyangwa ibitekerezo abantu babyunguranyeho;	1° to publish a licensee's correction, an alternative version or other opinions;	1° publier une correction du détenteur de licence, une version alternative ou d'autres avis;
2° kumusaba kwitandukanya n'uko kutubahiriza amategeko, kumuca ihazabu ikwiranye n'ingaruka z'uko kutubahiriza amategeko cyangwa kumutegeka gukemura ibibazo yateje.	2° to require the licensee to desist from non-compliance; imposing a fine proportional to the effects of the non-compliance or directing the licensee to take appropriate remedial steps.	2° demander au détenteur de licence de s'abstenir de la violation, imposer une amende proportionnelle aux effets de la violation ou exiger le détenteur de prendre les mesures correctrices appropriées.
Iyo uwahawe uruhushya rwo gusakaza amakuru atubahirije amabwiriza, Urwego ngenzuramikorere rushobora kumubuza gutanga serivisi z'isakazamakuru iyo ari ubwa mbere mu gihe kidashobora kurenga iminsi mirongo itatu (30).	If the broadcasting licensee does not comply with terms and conditions, the Regulatory Authority may prohibit the licensee from providing broadcasting services for any period which, in the first instance, may not exceed thirty (30) days.	L'Autorité de Régulation peut, si le détenteur de licence de radiodiffusion ne se conforme pas aux termes et conditions, interdire au détenteur de fournir les services de radiodiffusion pour une période qui, la première fois, ne peut dépasser trente jours (30) jours.
<u>Ingingo ya 233:</u> Ihagarikwa n'ivanwaho ry'uruhushya	<u>Article 233:</u> Suspension and revocation of a licence	<u>Article 233:</u> Suspension et révocation de la licence
Igihe cyose Urwego ngenzuramikorere rusanze ari ngombwa ko uruhushya rwatanzwe ruhagarikwa cyangwa rwamburwa uwaruhawe rubimumenyesha mu nyandiko rukanamumenyesha n'impamvu y'icyo cyemezo.	Anytime the Regulatory Authority deems it necessary to suspend or revoke a licence, it informs the licensee in writing and specifies the grounds for such a decision.	A tout moment que l'Autorité de Régulation juge nécessaire de suspendre ou révoquer une licence, elle en informe le détenteur par écrit et indique les motifs de cette décision.
Umuntu wese utanyuzwe n'icyemezo cy'ihagarikwa cyangwa cy'ivanwaho ry'uruhushya ashobora kukijuririra mu rukiko rubifitiye ububasha.	Any person who is not satisfied by the decision of suspending or revoking a license may appeal to a competent court.	Toute personne qui n'est satisfaite par la décision de suspension ou de révocation d'une licence peut faire recours devant une juridiction compétente.

Ingingo ya 234: Ibirego birebana n'isakazamakuru bishyikirizwa Urwego ngenzuramikorere

Urwego ngenzuramikorere rushyiraho amabwiriza agenga uburyo bwo gutanga ibirego, uburyo bisuzumwa, hamwe n'ibihano ku makosa yagaragaye.

UMUTWE WA V: SERIVISI Z'IPOSITA

Icyiciro cya mbere: Ingingo z'ibanze

Ingingo ya 235: Ibintu binyura mu iposita

Ubutumwa binyura mu iposita bushobora kuba: amabaruwa, amakarita y'iposita yoroheje, inyandiko zicapye, ibinyamakuru, inyandiko zigenewe gusomwa n'abafite ubumuga bwo kutabona, hamwe n'udupaki dutoya.

Ingingo ya 236: Amahame rusange ya serivisi z'amaposita

Amahame rusange agenga serivisi z'amaposita ni aya akurikira:

- 1° gutuma hubahirizwa amahame y'uburinganire bw'abagenerwabikorwa no gutuma serivisi zitangwa igihe cyose kandi ku buryo bujyanye n'igihe ;
- 2° guteza imbere no kurengera inyungu z'abagenerwabikorwa;

Article 234: Complaints to the Regulatory Authority concerning broadcasting

The Regulatory Authority determines the procedure as regards the lodging and consideration of complaints as well as sanctions against faults.

CHAPTER V: POSTAL SERVICES

Section One: Preliminary provisions

Article 235: Postal correspondences

Items of postal correspondence may include: letters, simple postcards, printed matter, newspapers, relief printing for use by blind or braille letters and small packages.

Article 236: General principles of postal services

The general principles of postal services are the following:

- 1° to ensure equal treatment of beneficiaries and the respect of the principles of adaptability and continuity of the public service;
- 2° to promote and protect the interests of beneficiaries;

Article 234: Plaintes auprès de l'Autorité de Régulation relatives à la radiodiffusion

L'Autorité de Régulation établit la procédure relative à la déposition et l'examen des plaintes ainsi que les sanctions contre les fautes commises.

CHAPITRE V: SERVICES POSTAUX

Section première: Dispositions préliminaires

Article 235: Correspondance postale

Les objets de correspondance postale comprennent : les lettres, les cartes postales simples, les imprimés, les journaux, les impressions en relief à l'usage des aveugles ou cécogrammes et aux petits paquets.

Article 236: Principes généraux des services postaux

Les principes généraux des services postaux sont les suivants :

- 1° assurer le respect des principes d'égalité des usagers, de continuité et d'adaptabilité du service public;
- 2° promouvoir et assurer les intérêts des usagers;

- | | | |
|---|--|--|
| 3° kurinda ibanga ry'ibinyura mu iposita; | 3° to guarantee the secrecy of the correspondence; | 3° garantir le secret de la correspondance; |
| 4° gutuma konti z'ibigo by'amaposita zicungwa mu mucyo; | 4° to ensure the transparent management of the accounts of the postal operators; | 4° assurer la gestion transparente des comptes des opérateurs postaux; |
| 5° gutuma amategeko y'irushanwa rinyuze mu mucyo yubahirizwa; | 5° to ensure the compliance with the rules of transparent competition; | 5° assurer le respect des règles de concurrence transparente; |
| 6° kubahiriza amasezerano mpuzamahanga yerekeye imirimo y'amaposita yemejwe na Repubulika y'u Rwanda. | 6° to ensure the respect of international postal instruments ratified by the Republic of Rwanda. | 6° assurer le respect des instruments internationaux ratifiés par la République du Rwanda en matière des services postaux. |

Icyiciro cya 2: Serivisi z'amaposita

Section 2: Postal services

Section 2: Services postaux

Ingingo ya 237: Serivisi rusange z'amaposita

Article 237: Public postal services

Article 237: Service public des postes

Serivisi rusange z'amaposita zigizwe na:

The public postal service includes:

Le service public des postes comprend:

- | | | |
|---------------------------------------|--------------------------------------|-------------------------------------|
| 1° serivisi y'amaposita kuri bose; | 1° the universal postal service; | 1° le service postal universel; |
| 2° serivisi zijyanye n'imari; | 2° the postal financial services; | 2° les services financiers postaux; |
| 3° serivisi zigamije inyungu rusange. | 3° the missions of general interest. | 3° les missions d'intérêt général. |

Ingingo ya 238: Ireme rya Serivisi y'amaposita kuri bose

Article 238: Consistency of universal postal services

Article 238: Consistance du service postal universel

Ireme rya serivisi z'amaposita kuri bose ni ugutanga serivisi iri mu rwego rwiza rwagenwe kandi igenzuye, itangwa ku buryo buhoraho kandi ku gihe, keretse mu bihe bidasanze, ibyo bigakorwa mu gihugu hose ku biciro bishobora kwishyurwa na bose bishyizweho n'urwego rubishinzwe.

The consistency of the universal postal services corresponds to the service offering a given and controlled quality, provided in a permanent and regular way, during every working day, except in exceptional circumstances, on the entire national territory at affordable prices for all fixed by the competent organ.

La consistance du service postal universel correspond à l'offre de services de qualité déterminée et contrôlée, fournis de manière permanente et régulière, tous les jours ouvrables, sauf circonstances exceptionnelles, sur l'ensemble du territoire national et à des prix abordables par tous fixés par l'organe compétent.

Iyo serivisi itangwa hubahirijwe amahame

This service is provided in respect of the principles

Ce service est assuré dans le respect des principes

y'ubutabera, yo kudahagarika imirimo no kuba ku gihe, hashakishwa uburyo bwiza bujyanye n'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

of equity, continuity and adaptability by seeking best economic and social efficiency.

d'équité, de pérennité et d'adaptabilité en recherchant la meilleure efficacité économique et sociale.

Ingingo ya 239: Ibigize serivisi z'amaposita kuri bose

Article 239: Content of universal postal service

Article 239: Contenu du service postal universel

Serivisi z'amaposita kuri bose zigizwe n'imirimo ikorerwa mu gihugu, no ku rwego mpuzamahanga ikurikira:

The universal postal service includes the national and international services as follows:

Le service postal universel comprend les services nationaux et internationaux suivants:

1° kuvana ubutumwa butarengeje ibiro bibiri (2) aho abagana iposita baba babushyize, kubutoranya, kubutwara no kubutanga;

1° collection, sorting, routing and distribution of postal letters up to two (2) kilograms;

1° la collecte, le tri, l'acheminement et la distribution d'envois postaux jusqu'à deux (2) kilogrammes;

2° kuvana ibipfunyika bitarengeje ibiro makumyabiri (20) aho abagana iposita baba babushyize, kubitoranya, kubitwara no kubitanga;

2° collection, sorting, routing and distribution of the postal parcels up to twenty (20) kilograms;

2° la collecte, le tri, l'acheminement et la distribution des colis postaux jusqu'à vingt (20) kilogrammes;

3° kohereza ubutumwa bushinganye;

3° services relating to registered postal items;

3° les services relatifs aux envois postaux recommandés;

4° kohereza ubutumwa bufite agaciro kamenyekanishijwe;

4° services relating to the postal items with declared value;

4° les services relatifs aux envois postaux avec valeur déclarée;

5° kohereza no kwishyura manda z'iposita;

5° the issuance and payment of money orders;

5° l'émission et le paiement de mandats postaux;

6° indi mirimo yagenwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

6° any other services as may be determined by the competent organ.

6° tout autre service déterminé par l'organe compétent.

Ingingo ya 240: Serivisi zijyanye n'imari

Article 240: Postal financial services

Article 240: Services financiers postaux

Imirimo y'amaposita ijyanye n'imari igizwe n'ibi bikurikira:

The postal financial services include:

Les services financiers postaux comprennent:

1° imirimo ya sheki z'iposita, kimwe n'imirimo yose y'ifungura no gucunga amakonti ashobora kubikuzwaho amafaranga ku buryo bworoshye, ba nyirayo bagashobora kuyakusanyirizaho amafaranga hifashishijwe uburyo bwose bwemewe n'amategeko;	1° services of postal cheques as well as the whole of the services and operations of opening and management of current accounts where their holders can deposit money by means of any legally approved process;	1° le service des chèques postaux ainsi que l'ensemble des prestations et opérations d'ouverture et de tenue de comptes courants où leurs détenteurs peuvent déposer de l'argent au moyen de tout procédé agréé;
2° imirimo ya manda n'imirimo yose yo kohereza no kwishyura impapuro mvunjwafaranga, mu rwego rwo kohererezanya amafaranga;	2° service of the money orders and all services and operations of emission and payment of negotiable instruments for the execution of funds transfers;	2° le service des mandats et l'ensemble des prestations et opérations d'émission et de paiement de titres négociables pour l'exécution de transfert de fonds;
3° imirimo yo kwishyuza no kohereza ubutumwa bwishyuriwe, kimwe n'imirimo yo kwishyuza gitansi, inyemezabuguzi; impapuro mvunjwafaranga hamwe n'ibintu byoherezwa bikishyurwa n'uwabyoherejwe;	3° service of the items to be recovered and the cash on delivery items and the whole of the services and operations of recovering receipts, invoices, bills of sight, banking drafts and delivered items paid by the recipient;	3° le service des valeurs à recouvrer et des envois contre remboursement et l'ensemble des prestations et opérations de recouvrement des quittances, factures, billets, traités bancaires et envois payés par le destinataire;
4° imirimo yo kuzigama mu iposita kimwe n'imirimo yose igamije kwakira amafaranga y'abantu ku giti cyabo n'ibigo by'imirimo.	4° service of postal savings and other services and operations intending to receive deposits from private individuals and companies.	4° le service d'épargne postale et l'ensemble des prestations et opérations tendant à recevoir en dépôt des fonds des particuliers et des entreprises.
Iyo mirimo ikorwa nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.	Such services are carried out in accordance with relevant legal provisions.	Ces prestations sont effectuées conformément aux dispositions légales en la matière.
<u>Ingingo ya 241:</u> Ibitareba ibigo bitanga serivisi z'amaposita	<u>Article 241:</u> Exceptions to the operators of postal services	<u>Article 241:</u> Exceptions faites aux opérateurs des services postaux
Serivisi zikurikira ntizifatwa nka serivisi z'amaposita zigengwa n'iri tegeko:	The following services are not considered as postal services governed by this Law:	Les services suivants ne sont pas considérés comme services postaux régis par la présente loi:
1° gutwara ubutumwa bikoze n'umwe mu	1° transport of letters or items by a staff	1° le transport des lettres ou d'autres envois

bakozi b'ikigo, abujyanye cyangwa abuvanye ku biro cyangwa ku mashami y'icyo kigo;

member of an institution to or from the head office or the branches of the postal operator;

par un agent d'un établissement à destination ou en provenance du siège ou des branches de l'opérateur postal;

2° gutwara ubutumwa bikoze na za ambasade n'imiryango mpuzamahanga, nk'uko amasezerano mpuzamahanga akurikizwa abiteganywa;

2° transport of correspondences by embassies and international organizations in accordance with relevant international conventions;

2° le transport des correspondances par les ambassades et les organisations internationales conformément aux conventions internationales y relatives;

3° gutwara ubutumwa abantu cyangwa ibigo byoherezanya hifashishijwe abakozi babyo, kwitwarira ubutumwa bikoze n'umuntu ku giti cye;

3° transport of correspondence between individuals or institutions by their employees; transport of own correspondence by an individual;

3° le transport d'une correspondance entre les personnes ou les établissements par leur personnel; transport d'une correspondance personnelle par un particulier;

4° gutwara inyangiriki ziherekeje imizigo.

4° transport of consignment notes.

4° le transport des bordereaux d'expédition.

Ingingo ya 242: Iyishyurwa ry'imirimu itera igihombo

Article 242: Compensation of the inequitable costs

Article 242: Compensation des charges inéquitables

Igihombo gituruka ku ikwirakwizwa ry'imirimu y'iposita kuri bose n'ikigo kibishinzwe, yishyurwa:

Inequitable costs supported under the universal postal service by the operator in charge are compensated by:

Les charges inéquitables supportées au titre du service postal universel par l'opérateur qui en a la charge sont compensées par:

1° n'ikigega kibishinzwe, gikomora umutungo ku mafaranga atangwa n'ibigo bitanga serivisi z'amaposita;

1° a fund in charge of compensation, financed by the fees paid by the postal operators;

1° un fonds chargé de compensation financé par les redevances versées par les opérateurs postaux;

2° n'imirimu y'umwihariko ihabwa ikigo cy'iposita gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose.

2° services reserved for the postal operator in charge of the universal postal service.

2° les services réservés à l'opérateur postal en charge du service universel.

Ingingo ya 243: Serivisi zigamije inyungu rusange

Article 243: Services of general interest

Article 243: Services d'intérêt général

Leta ishyingira ikigo cy'iposita gishinzwe gutanga

The Government establishes an operator in charge

L'Etat établit un opérateur postal en charge du

serivisi z'amaposita kuri bose imirimo ifitiye abaturage akamaro, hagamijwe kuyunganira muri ibi bikurikira:	of the universal postal service entrusted with missions of general interest in order to contribute to:	service postal universel, avec des missions d'intérêt général, dans le but notamment de concourir à:
1° imirimo igomba gukorerwa ubuntu cyangwa ku mafaranga make ku bagenerwabikorwa bamwe na bamwe, cyangwa mu rwego rwo guteza imbere imirimo imwe n'imwe;	1° the provision of services and operations to be performed free of charge or to preferential financial conditions for certain users or to support certain activities;	1° la fourniture des prestations qui doivent être rendues gratuitement ou à des conditions financières préférentielles au profit de certains usagers ou pour appuyer certaines activités;
2° guteza imbere ikoranabuhanga rishya mu itangazabumenyi n'itumanaho;	2° the development of new Information and Communication Technologies;	2° développer les nouvelles technologies de l'information;
3° gutanga serivisi z'amaposita mu gihugu hose, ku gihe no ku giciro gikwiye;	3° the provision of postal services at the national level, on time and at an affordable price;	3° offrir les services postaux au niveau national à temps et à des prix abordables;
4° ibindi byose byagenwa n'inzego zibifitiye ububasha.	4° any other matter as may be determined by competent organs.	4° toute autre question déterminée par les organes compétents.
Leta igirana amasezerano n'ikigo cy'iposita gishinzwe serivisi z'amaposita kuri bose.	There are concluded agreements between the Government and the operator in charge of universal postal service.	Des accords sont conclus entre l'Etat et l'Opérateur en charge du service postal universel.
Bitabangamiye ibimaze kuvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose n'ibindi bigo bitanga serivisi z'amaposita bigomba kunganira Leta mu nshingano zikurikira:	Without prejudice to provisions of Paragraph one of this Article, the operator in charge of universal postal service and other postal service operators must support the Government to fulfil its following missions:	Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'opérateur chargé du service postal universel et d'autres opérateurs de services postaux doivent appuyer l'Etat pour accomplir les missions suivantes:
1° kurinda imbibi z'igihugu n'umutekano wacyo;	1° defence and safety of the national territory;	1° défense et sécurité du territoire national;
2° gushyira mu bikorwa politiki ya Leta mu byerekeye kurengera ibidukikije;	2° implementation of the national policy regarding environmental protection;	2° réalisation de la politique nationale en matière de la protection de l'environnement;

3° gushyira mu bikorwa politiki ya Leta mu byerekeye itunganywa ry'ubutaka.

3° implementation of the national policy regarding land use planning.

3° réalisation de la politique nationale en matière d'aménagement du territoire.

Icyiciro cya 3: Imirimo yihariye y'ikigo gishinzwe ikwirakwiza ry'imirimo y'iposita

Section 3: Reserved postal services

Section 3: Services postaux réservés

Ingingo ya 244: Serivisi z'umwihariko

Article 244: Reserved services

Article 244: Services réservés

Mu rwego rwo gutanga serivisi z'amaposita kuri bose, bitabereye umuzigo ikigo kizitanga, icyo kigo kigenerwa serivisi z'umwihariko nk'ingurane.

In return for additional costs for the distribution of universal postal services, the operator in charge of the universal postal service benefits from reserved postal services.

En contrepartie du surcoût lié aux obligations de service postal universel, l'opérateur en charge du service postal universel bénéficie de services postaux réservés.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urutonde rwa serivisi z'umwihariko zikorwa n'ikigo gishinzwe gukwirakwiza serivisi rusange z'amaposita.

A Prime Minister's Order determines the list of reserved services provided by the operator in charge of the universal postal services.

Un arrêté du Premier Ministre détermine la liste des services réservés fournis par l'opérateur en charge du service postal universel.

Ingingo ya 245: Umwihariko mu gukora tembure n'ibindi by'agaciro bijyanye n'amaposita

Article 245: Reserved rights of issuing postage stamps and other postal values

Article 245: Droits d'émission de timbres-poste et autres valeurs fiduciaires

Uburenganzira bwo gukora tembure n'ibindi by'agaciro bijyanye n'amaposita byanditseho «Repubulika y'u Rwanda », ikindi kimenyetso cyose cyangwa ikirango cya Repubulika, buhariwe gusa ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose.

The right to issue postage stamps and other postal values marked "Republic of Rwanda" or any other sign seal or symbol of the republic is reserved for the postal operator in charge of the universal postal service.

Le droit d'émission de timbres-poste et de toutes autres valeurs postales portant la mention « République du Rwanda » ou tout autre signe, sceau ou symbole de la république est réservé à l'opérateur postal en charge du service postal universel.

Iyi ngingo ntibuza ibigo bitanga serivisi z'amaposita kuri bose gukora utumenyetso tubafasha kwishyuza serivisi batanga, hubahirijwe amategeko.

This Article does not preclude the printing by postal operators of stickers, tape or postage vouchers for billing of their services in compliance with laws and regulations.

Le présent article ne fait pas obstacle à l'édition par des opérateurs postaux de vignettes, bandes ou bordereaux d'affranchissement pour la facturation de leurs prestations dans le respect des dispositions légales.

Ingingo ya 246: Ikimenyetso cy'ubwishyu gishyirwa ku butumwa

Ubutumwa bunyujijwe mu iposita bugomba kwishyurirwa igiciro cyose n'ubwohereje, bugashyirwaho ikimenyetso cy'ubwishyu.

Haseguriwe ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono, ntihemewe iyoherezwa ry'ubutumwa budafite ikimenyetso cy'ubwishyu.

Ingingo ya 247: Ububasha bwo kugabanya ibiciro ku butumwa burimo ibinyamakuru n'inyandiko zicapye

Ikigo cy'Iposita gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose gifite ububasha bwo kugabanya ibiciro ku butumwa burimo ibinyamakuru n'inyandiko zicapye bisohoka mu buryo bw'ingarukagihe. Iryo gabanya ry'ibiciro ntirishobora kurenza mironko itanu ku ijana (50%) by'ibiciro byagenwe kuri bene izo nyandiko kandi rigomba kumenyeshwa Urwego ngenzuramikorere.

Ingingo ya 248: Igurishwa ry'impapuro mbonera zikoreshwa mu gusubiza

Ikigo cy'iposita gishinzwe serivisi rusange z'amaposita kuri bose ni cyo cyemerewe kugurisha impapuro mbonera mpuzamahanga zikoreshwa mu gusubiza, kandi zikavunjwa mu bihugu byose bigize Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Amaposita mu matembure angana n'ikimenyetso cy'ubwishyu bw'ibaruwa isanzwe iri mu rwego rwa mbere

Article 246: Franking items of correspondence

The postal items must be fully paid for and franked by the sender.

Notwithstanding provisions of international conventions to which Rwanda is a signatory, postal items without franking are banned.

Article 247: The power of the operator to reduce the price of items including newspapers and printed paper

The operator in charge of the universal postal services has the power to reduce the price in relation to issuing newspapers and periodicals published in the country, but the reduction should not exceed fifty percent (50%) of the printed paper rate and it should be notified to the Regulatory Authority.

Article 248: The sale of reply coupons

The international reply coupons are sold only by the operator in charge of the universal postal service and are exchangeable in all member countries of the universal postal union, against one or more postage stamps representing the franking of a letter usually in the first category weight shipped overseas.

Article 246: Affranchissement des objets de correspondance

Les envois postaux doivent être complètement affranchis par l'expéditeur.

Sous-réserve des dispositions des conventions internationales dont le Rwanda est signataire, les envois postaux non affranchis sont interdits.

Article 247: Pouvoir de l'opérateur de réduire le prix des envois, y compris les journaux et les imprimés

L'opérateur en charge du service postal universel a la faculté de concéder pour les journaux et écrits périodiquement publiés dans le pays une réduction qui ne peut dépasser cinquante pourcent (50%) du tarif des imprimés et doit être notifié à l'Autorité de Régulation.

Article 248: Vente de coupons réponses

Les coupons réponses internationaux sont mis en vente uniquement par l'opérateur en charge du service postal universel dans le pays et sont échangeables dans tous les pays membres de l'union postale universelle, contre un ou plusieurs timbres-poste représentant l'affranchissement d'une lettre ordinaire de la première catégorie du poids expédié

rw'ibiro byoherezwa mu mahanga.

à l'étranger.

Icyiciro cya 4: Ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose

Section 4: Postal operator in charge of the universal postal service

Section 4: Opérateur postal en charge du service postal universel

Ingingo ya 249: Igenwa ry'ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose

Article 249: Designation of the postal operator in charge of universal postal service

Article 249: Désignation de l'opérateur postal en charge du service postal universel

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ikigo cy'iposita gihabwa inshingano yo gutanga serivisi z'amaposita kuri bose n'igihe iyo nshingano imara.

A Prime Minister's Order appoints the postal operator in charge of universal postal service and determines the duration of its mission.

Un arrêté du Premier Ministre désigne l'opérateur postal en charge du service postal universel et détermine la durée de sa mission.

Ingingo ya 250: Ibisabwa ushinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose

Article 250: Requirements for the postal operator in charge of universal service

Article 250: Conditions exigées pour l'opérateur postal en charge du service postal universel

Ushinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose agomba kuba nibura yujuje ibi bikurikira:

The postal operator in charge of universal postal service must at least:

L'opérateur postal en charge du service postal universel doit au moins:

1° kuba afite amashami ahantu henshi hashobora kugerwa na bose mu mpande zose z'igihugu;

1° have all over the country many branches accessible to all;

1° disposer partout dans le pays de nombreuses branches accessibles à tous;

2° kuba afite abakozi n'ibikoresho bihagije byo gutanga serivisi z'amaposita kuri bose;

2° have sufficient staff and equipment for providing universal postal service;

2° disposer du personnel et de l'équipement suffisant pour fournir le service postal universel;

3° kuba afite imari shingiro igenwa n'Urwego ngenzuramikorere;

3° have the capital determined by the Regulatory Authority;

3° avoir un capital déterminé par l'Autorité de Régulation;

4° kuba afite ubushobozi mu bijyanye n'ubumenyi mu mitangire ya serivisi z'amaposita;

4° have skills and qualifications in the area of operating postal services;

4° avoir la compétence et la connaissance dans le domaine de fournir les services postaux;

5° kuba ashobora gutanga serivisi z'amaposita akurikije amasezerano mpuzamahanga u

5° be able to provide postal services in accordance with international conventions

5° être capable de fournir les services postaux conformément aux conventions

Rwanda rwashyizeho umukono;

to which Rwanda is a signatory;

internationales dont le Rwanda est signataire;

6° kwishingira ikorwa rya serivisi z'amaposita kuri bose mu buryo buteganywa n'inyandiko isobanura ibigomba gukorwa yemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

6° guarantee the execution of the universal postal service under the conditions fixed by the bill of quantities approved by a Prime Minister's Order.

6° garantir l'exécution du service postal universel dans les conditions fixées par un cahier des charges approuvé par arrêté du Premier Ministre.

Urwego ngenzuramikorere rusesengura ibigenderwaho kugira ngo ikigo cy'iposita gishinzwe gutanga serivisi z'amaposita kuri bose cyemerwe.

The Regulatory Authority analyses the criteria for a universal postal service operator to be approved.

L'Autorité de Régulation analyse les critères d'éligibilité pour un opérateur en charge du service postal universel.

Ingingo ya 251: Inshingano yo guhuza ibiro by'iposita n'ibikenerwa no kubiteza imbere

Article 251: Duties to adapt and develop the postal office

Article 251: Devoirs d'adapter et développer le bureau de poste

Kugira ngo ushinze gutanga serivisi z'amaposita kuri bose ashobore gukwirakwiza serivisi mu gihugu hose agomba guhuza ibiro by'iposita by'ibikenewe kandi akabyongera, agirana amasezerano y'ubufatanye n'abakorera mu gihugu hose, zaba inzego cyangwa ibigo bya Leta, baba abakorera ku giti cyabo, ashakisha uburyo bwiza bwo guhuza ubucuruza akora n'imibereho myiza y'abaturage.

To distribute services across the national territory, the postal operator in charge of the universal services must adapt and develop its postal office, in particular by concluding partnership conventions with public or private companies operating across the country for the sake of best economic and social cohesion.

Pour accomplir la desserte du territoire national, l'opérateur postal en charge du service universel doit adapter et développer son bureau de poste, notamment par la conclusion de conventions de partenariats locaux publics ou privés avec des compagnies opérant à travers tout le pays, en recherchant la meilleure cohésion économique et sociale.

Icyiciro cya 5: Nyir'ubutumwa, ifungurwa ry'ubutumwa n'ibibujijwe

Section 5: Mail ownership, mails unwrapping and prohibitions

Section 5: Propriété des envois postaux, du rebut et des interdictions

Ingingo ya 252: Nyir'ubutumwa

Article 252: Mail ownership

Article 252: Propriété des envois postaux

Uwohereje ubutumwa akomeza kuba nyirabwo kugeza igihe bushyikirijwe uwabwohererejwe keretse iyo biteganyijwe ukundi n'amategeko.

The sender of postal items retains ownership until their delivery to the recipient, unless otherwise provided by the law.

L'expéditeur d'un objet postal en conserve la propriété jusqu'au moment de la remise de l'objet au destinataire, sauf les exceptions prévues par la loi.

Ingingo ya 253: Ubutumwa bwaburiwe nyirabwo n'ifungurwa ryabwo

Ubutumwa budashobora gutangwa ku mpamvu izo ari zo zose bwitwa ko bwabuze nyirabwo.

Ubutumwa bushobora kudatangwa kubera impamvu zikurikira:

1° iyo nyir'ubutumwa atazwi;

2° iyo yimutse;

3° iyo aderesi ituzuye;

4° iyo ubwohererejwe abwanze;

5° iyo ubwohererejwe atagiye kubufata;

6° iyo gasutamo itabwemeraye gutambuka;

7. izindi mpamvu zagenwa n'amategeko.

Abakora imirimo y'amapospita bemerewe gufungura gusa ubutumwa butabashije kubonerwa ba nyirabwo, kandi hagamijwe gusa gushakishamo ibisobanuro byafasha kumenya uwo bugenewe cyangwa se gukuramo ibintu bifite agaciro kugira ngo bibikirwe abo bireba.

Ubutumwa bwafunguwe kubera ko butabashije

Article 253: Discarding mails and mails unwrapping

The items which may not be distributed for any reasons are discarded.

An item may not be distributed for the following reasons:

1° where the recipient is unknown;

2° where the recipient has moved to another location;

3° where the address is incomplete;

4° where the recipient declines it;

5° where the recipient does not go to pick it up;

6° where the item has been retained in the customs offices;

7° other reasons as may be determined by the law.

Postal operators are allowed to open mail that fell without claimants, and done only for the purpose of seeking information needed to enable the mail to reach the legitimate addressee, or to remove objects and documents of value to keep them for the concerned persons.

The unwrapped mails which were not delivered to

Article 253: Rebut et ouverture de correspondances

Les correspondances qui ne peuvent être distribuées pour un motif quelconque tombent en rebut.

Une correspondance peut ne pas être distribuée pour les raisons suivantes :

1° lorsque le destinataire est inconnu;

2° lorsque le destinataire a déménagé;

3° lorsque l'adresse est incomplète;

4° lorsque le destinataire la rejette;

5° lorsque le destinataire ne la retire pas;

6° lorsque la correspondance a été bloquée en douane ;

7° d'autres raisons qui peuvent être déterminées par la loi.

Les opérateurs postaux ne sont autorisés à ouvrir que les correspondances tombées en rebut, et cela seulement à l'effet d'y chercher les renseignements nécessaires pour expédier ces correspondances à qui de droit, ou pour en retirer les objets et documents de valeur à tenir à la disposition des intéressés.

Les correspondances tombées en rebut dont la

gushyikirizwa uwo bugenewe, iyo byagaragaye ko nta gaciro bufite butwikwa nyuma y'igihe cy'amezi abiri (2) guhera igihe bwafunguriwe.

Nyuma y'imyaka itanu (5) uherye igihe ubutumwa burimo ibintu bifite agaciro bwafunguriwe n'ukora imirimo y'iposita bushyikirizwa ikigo cy'iposita gishinzwe gutanga serivisi rusange z'amaposita kuri bose.

Iteka rya Minisitiri ufite serivisi z'amaposita mu nshingano ze rigena uburyo ibintu bifite agaciro byashyikirijwe ikigo cy'iposita gishinzwe gutanga serivisi rusange z'amaposita kuri bose bicungwa.

Ingingo ya 254: Ibitemewe gutwarwa n'ibigo by'amaposita

Urwego ngenzuramikorere rugena ibitemewe gutwarwa n'ibigo by'iposita.

Icyiciro cya 6: Ibyerekeye uruhushya

Ingingo ya 255: Ibyangombwa by'ibanze

Umuntu wese ushaka gutanga serivisi z'amaposita agomba gusaba uruhushya rutangwa n'Urwego ngenzuramikorere.

Urwego ngenzuramikorere rushyiraho amabwiriza agaragaza ibyo ushaka uruhushya rwo gutanga serivisi z'amaposita agomba kuba yujuje.

the concerned recipients are scrapped after a period of two (2) months from the date of the opening, where there is no value contained therein.

In case of unwrapped mails containing values, such mails are handed to the postal operator in charge of the universal postal service after a period of five (5) years from delivery to the postal operator.

An Order of the Minister in charge of postal services determines the management of values handed to the postal operator in charge of universal postal service.

Article 254: Items prohibited to be routed by postal operators

The Regulatory Authority determines items prohibited to be routed by postal operators.

Section 6: Licensing

Article 255: Prerequisites

Any person who wishes to carry out postal operations or services must request an authorization from the Regulatory Authority.

The Regulatory Authority determines the requirements for an applicant for a license to operate postal services.

remise n'aura pu être faite aux intéressés, sont détruites après un délai de deux (2) mois à dater de l'ouverture lorsqu'il s'agit de rebuts sans valeur.

S'il s'agit de rebuts contenant des valeurs, les correspondances sont remises à l'opérateur en charge du service universel après un délai de cinq (5) ans à partir de la remise à l'opérateur postal.

Un arrêté du Ministre ayant les services postaux dans ses attributions détermine la gestion des valeurs remises à l'opérateur postal en charge du service postal universel.

Article 254: Objets dont l'acheminement par les opérateurs postaux est interdit

L'Autorité de Régulation détermine les objets dont l'acheminement par les opérateurs postaux est interdit.

Section 6: Licence

Article 255: Conditions préalables

Toute personne qui désire effectuer des opérations ou prestations postales doit demander une autorisation à l'Autorité de Régulation.

L'Autorité de Régulation détermine les conditions qu'un requérant d'une licence d'exploitation de services postaux doit remplir.

Ingingo ya 256: Isesengura rya dosiye n'itangwa ry'uruhushya

Urwego ngenzuramikorere rufite igihe cy'ukwezi kumwe (1) kuva umunsi rwashyikirijweho dosiye, ngo ruyisesengure kandi rube rwatanze igisubizo. Icyo gihe gishobora kongerwaho ukwezi kumwe (1) niba ibyatanzwe n'ugasabye bituzuye.

Uruhushya rutangirwa igihe cy'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa. Urwo ruhushya ni urwa nyirarwo wenyine ntashobora kuruha undi.

Ingingo ya 257: Ubwoko bw'impushya

Ubwoko bw'impushya bugenwa n'Urwego ngenzuramikorere, haba gukorera mu Rwanda cyangwa gukorera mu mahanga.

Ingingo ya 258: Inshingano zikubiye mu ruhushya

Inshingano z'uwahawe uruhushya zigenwa n'Urwego ngenzuramikorere.

Ingingo ya 259: Ishyirwa ku gihe ry'amakuru yerekeye impushya

Ibyamenyekanyishijwe igihe hasabwaga bwa mbere uruhushya, bishyirwa ku gihe iyo bibaye ngombwa bikamenyeshwa Urwego ngenzuramikorere hakurikijwe amabwiriza rushyiraho.

Article 256: Consideration of the application and licensing

The Regulatory Authority has a period of one (1) month as from the time the application was received, for considering it and giving a reply. The said time can be prolonged to one (1) month if the information provided by the applicant is insufficient.

The license is awarded for a renewable period of five (5) years. Such a licence is personal and not transferable.

Article 257: Types of licenses

The Regulatory Authority determines the types of the licenses in Rwanda and worldwide.

Article 258: Obligations of a licensee

The obligations of a licensee are determined by the Regulatory Authority.

Article 259: Updating of information related to the licenses

The information provided at the time of initial request for license is updated whenever necessary and the Regulatory Authority is notified in accordance with its regulations.

Article 256: Examen de la demande et octroi de licence

L'Autorité de Régulation dispose d'un délai d'un (1) mois à compter du dépôt de la demande pour l'instruire et pour répondre. Ce délai peut être prolongé d'un (1) mois si les informations fournies par le demandeur apparaissent insuffisantes.

La licence est octroyée pour une durée de cinq (5) ans renouvelable. Cette licence est personnelle et incessible.

Article 257: Types de licences

L'Autorité de Régulation détermine les types de licences au Rwanda et à l'échelle internationale.

Article 258: Obligations d'un détenteur de licence

Les obligations d'un détenteur de licence sont déterminées par l'Autorité de Régulation.

Article 259: Mise à jour des informations afférentes aux licences

Les informations fournies lors de la demande initiale de licence sont actualisées chaque fois que de besoin et l'Autorité de Régulation en est notifiée conformément à ses règlements.

Ingingo ya 260: Ivanwaho ry'uruhushya

Mu gihe utanga serivisi z'amaposita atubahirije ibikubiye mu masezerano, Urwego ngenzuramikorere, rushobora kumwambura uruhushya mu gihe bibaye ngombwa.

Icyiciro cya 8: Uburyozwe bw'ikigo cy'iposita

Ingingo ya 261: Uburyozwe

Ikigo gitanga serivisi z'amaposita kiryoza amafaranga n'ubutumwa ubwo ari bwo bwose cyahawe mu gihe ayo mafaranga cyangwa ubwo butumwa:

1° bitanzwe ku gihe;

2° byatakaye;

3° byageze kuwo bigenewe bituzuye.

Urwego ngenzuramikorere rushingiye ku mategeko n'amasezerano mpuzamahanga, rugena uburyo indishyi zitangwa mu bihe byavuzwe haruguru, rugena kandi aho uburyozwe bugarukira.

Ingingo ya 262: Igihe ntarengwa cyo gukurikirana uburyozwe

Gukurikirana uburyozwe bw'ikigo gitanga serivisi z'amaposita bizima kubera ubusaze mu gihe cyumvikanyweho ariko kitarenze amezi atandatu (6), kibarwa uherye umunsi ukurikira uwo ubutumwa bukurikiranywe bwashyikiririjwe icyo kigo.

Article 260: Revocation of a license

The Regulatory Authority may revoke a license if it deems it necessary, for breach of terms and conditions of the licence by the postal operator.

Section 8: Liability of postal operators

Article 261: Liability

The postal operator is responsible for the amount of money and postal items entrusted to its services in case the money or items:

1° delay in distribution;

2° are lost;

3° are incomplete when they reach the recipient.

The Regulatory Authority determines the modalities of compensation in the above cases as well as the maximum compensation on the basis of international laws and conventions.

Article 262: Period of claims

Any claim for the liability of the postal operator lapses within the agreed period but not exceeding six (6) months, from the day following its submission to the office of the operator of the claimed consignment.

Article 260: Révocation de licence

En cas de violation des termes de la licence par l'opérateur postal, l'Autorité de Régulation peut, si elle l'estime nécessaire, révoquer une licence de l'opérateur défaillant.

Section 8: Responsabilité des opérateurs postaux

Article 261: Responsabilité

L'opérateur postal est responsable des fonds et envois postaux qui lui sont confiés en cas de :

1° retard dans la distribution;

2° perte;

3° incomplétude à l'arrivée au destinataire.

L'Autorité de Régulation détermine les modalités d'indemnisation dans les cas susmentionnés ainsi que l'indemnité maximum sur base des lois et conventions internationales.

Article 262: Délai de réclamation

Toute réclamation à charge de l'opérateur postal se prescrit par les délais de prescription convenus mais ne dépassant pas six (6) mois, à dater du lendemain du dépôt au bureau de l'opérateur de l'envoi réclamé.

Icyiciro cya 9: Igenzura ry'imirimo y'iposita

Section 9: Control of the postal services

Section 9: Contrôle des services postaux

Ingingo ya 263: Igenzura ry'imikorere y'urwego rw'amaposita

Article 263: Control of the postal sector

Article 263: Contrôle du secteur postal

Igenzura ry'imikorere y'urwego rw'amaposita rikorwa n'Urwego ngenzuramikorere.

The control of the postal sector is carried out by the Regulatory Authority.

Le contrôle du secteur postal est exercé par l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 264: Inshingano z'Urwego ngenzuramikorere ku byerekeye amaposita

Article 264: Mission of Regulatory Authority in postal matters

Article 264: Mission de l'Autorité de Régulation en matière postale

Urwego ngenzuramikorere rutegura kandi rugashyira mu bikorwa amabwiriza akurikizwa kuri serivisi z'amaposita:

The Regulatory Authority prepares and implement regulations for postal services:

L'Autorité de Régulation prépare et met en œuvre la réglementation applicable aux services postaux:

- 1° gukurikirana itangwa rya serivisi z'amaposita kuri bose, n'iterambere ritunganye ry'urwego rw'amaposita ;
- 2° kugenzura uko ibigo by'amaposita byemewe, byubahiriza inshingano zabyo;
- 3° gusesengura no gutanga impushya ku bifuza gutanga serivisi z'imirimo y'amaposita;
- 4° kugena uburyo ibiciro bya serivisi z'umwihariko ku kigo gitanga serivisi z'amaposita kuri bose bishyirwaho;
- 5° kugenzura no gutanga bibaye ngombwa, inama ku biciro bikurikizwa n'ibigo by'amaposita byigenga;
- 6° rushingiye ku ibaruramutungo rirambuye rikorwa n'ikigo cy'iposita gishinzwe ikwirakwizwa ry'imirimo y'iposita kuri bose, kugena ingano y'ibigenda ku

- 1° to monitor the provision of the universal postal service, as well as the development of the postal sector;
- 2° to ensure the respect by the authorized postal operators of their obligations;
- 3° to analyse and issue licenses to postal operators;
- 4° to define the mechanisms of setting tariffs of the reserved service of the postal operator in charge of universal service;
- 5° check and advise where necessary on the rates charged by private postal operators;
- 6° to determine, on the basis of suitable cost accounting held by the operator in charge of the universal postal service, the costs ascribable with the obligations of the

- 1° faire le suivi de la fourniture du service postal universel, ainsi que du meilleur développement du secteur postal;
- 2° veiller au respect par les opérateurs postaux autorisés de leurs obligations;
- 3° analyser et octroyer des licences d'exploitation des services postaux;
- 4° définir les mécanismes de fixation des tarifs des prestations relevant du service réservé de l'opérateur postal du service universel;
- 5° vérifier et émettre un avis en cas de besoin sur les tarifs appliqués par les opérateurs postaux privés ;
- 6° déterminer, sur la base de la comptabilité analytique appropriée tenue par l'opérateur chargé du service postal universel, les coûts imputables aux obligations dudit service

nshingano z'iryo kwirakwizwa ry'imirimo y'iposita ;

universal service;

universel;

7° kugenzura uko ikigo cy'iposita gishinzwe ikwirakwizwa ry'imirimo y'iposita kuri bose cyubahiriza amategeko agamije gutuma abantu bashobora guhabwa serivisi, aho baba bari hose kandi ku giciro bashobora kwishyura, n'amategeko yerekeye urwego rwa serivisi zitangwa uko ateganywa mu masezerano y'imyaka myinshi, yashyizweho umukono na Leta hamwe n'ikigo cy'iposita gishinzwe ikwirakwizwa ry'imirimo y'iposita kuri bose;

7° to ensure the respect by the operator in charge of the universal postal service of the standards of geographical and tariff accessibility, and the quality standards set by the multi-annual contract signed by the state and the postal operator in charge of the universal postal service;

7° veiller au respect par l'opérateur en charge du service postal universel des normes d'accessibilité géographique et tarifaire du service, et des normes de qualité fixées par le contrat pluriannuel signé par l'état et l'opérateur postal en charge du service postal universel;

8° kugenzura ko ikigo cy'iposita gishinzwe ikwirakwizwa ry'imirimo y'iposita kuri bose gikoresha icyo yagenewe amafaranga cyahawe n'ikigega cy'ikwirakwizwa ry'imirimo y'iposita.

8° to ensure that the operator in charge of the universal service uses the sums paid by the funds of access to the universal postal service in accordance with their objective.

8° veiller à ce que l'opérateur en charge du service postal universel utilise les sommes versées par le fonds d'accès au service postal universel conformément à leur objet.

UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS

CHAPITRE VI: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano bijyanye n'itumanaho koranabuhanga

Section One: Faults and sanctions related to electronic communications

Section première: Fautes et sanctions relatives aux communications électroniques

Ingingo ya 265: Gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga nta ruhushya

Article 265: Offering electronic communications services without a license

Article 265: Fournir des services de communications électroniques sans licence

Umuntu utangije, ukora cyangwa ufunguye umuyoboro cyangwa serivisi z'itumanaho koranabuhanga nta ruhushya rwemewe afite nk'uko iri tegeko ribiteganyaho ahita ahagarikwa gutanga izo

Any person who initiates, carries out or runs an electronic communications network or services without a valid license in accordance with provisions of this Law is promptly stopped from

Toute personne qui commence, effectue ou dirige un réseau et des services de communications électroniques sans licence valide conformément aux dispositions de la présente loi, est immédiatement

serivisi kugeza igihe aherewe uruhushya nk'uko biteganywa n'iri tegeko. Ahanishwa kandi ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000) na miliyoni mirongo ine n'eshanu (45.000.000).

Ingingo ya 266: Ihererekanya ry'uruhushya nta burenganzira

Uwahawe uruhushya uwo ari we wese, wihaye uburenganzira bwo guhererekanya uruhushya rw'itumanaho koranabuhanga ku buryo bunyuranyije n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000). Uretse iyi hazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi, Urwego ngenzuramikorere rushobora kumuhagarika gukora igihe kitarenze amezi atatu (3) cyangwa kumwambura uruhushya.

Ingingo ya 267: Gukoresha uruhushya rutagifite agaciro

Uwahawe uruhushya ukomeza gukoresha umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga cyangwa gutanga serivisi z'itumanaho koranabuhanga kandi uruhushya rutarongerewe igihe nk'uko biteganywa n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000) na miliyoni mirongo ine n'eshanu (45.000.000).

Byongeye, igihe uwahawe uruhushya akomeje gukoresha umuyoboro no gutanga serivisi kandi

providing such services until he/she is provided with the license as provided for under this Law. He/she is liable to an administrative fine of between five million (5,000,000) and forty five million (45,000,000) Rwanda francs.

Article 266: Transferring a license without any right to do so

Any licensee who claims the right to transfer or assign an electronic communications license in contravention of the provisions of this Law, is liable to an administrative fine of between five million (5,000,000) and fifty million (50,000,000) Rwanda francs. In addition to this administrative fine, the Regulatory Authority may suspend his/her activities for a period not exceeding three (3) months or revoke the license.

Article 267: Operating with an invalid license

Any licensee that continues to operate an electronic communications network and/or provide an electronic communications service without renewing its license in accordance with provisions of this Law is liable to an administrative fine of between five million (5,000,000) and forty-five million (45,000,000) Rwanda francs.

In addition to the above fine, if the licensee continues to provide the network and the services

contrainte à cesser d'offrir ces services jusqu'à ce qu'elle en obtienne la licence prévue par la présente loi. Elle est aussi passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000) à quarante-cinq millions (45.000.000) de francs rwandais.

Article 266: Transfert d'une licence sans le droit de le faire

Tout détenteur de licence qui s'arroge le droit de transfert ou de cession d'une licence de communications électroniques en contravention des dispositions de la présente loi est passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000) à cinquante millions (50.000.000) de francs Rwandais. Outre cette amende administrative, l'Autorité de Régulation peut suspendre les activités de cet opérateur pour une durée de trois (3) mois au maximum ou révoquer sa licence.

Article 267: Exploitation avec une licence invalide

Tout détenteur de licence qui continue à exploiter un réseau de communications électroniques et / ou de fournir un service de communications électroniques sans renouveler sa licence en conformité avec les dispositions de la présente loi est passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000) à quarante-cinq millions (45.000.000) de francs Rwandais.

En outre, si le détenteur de licence continue à fournir le réseau et les services même après en avoir

yarahawe urwandiko rumwihanangiriza ahanishwa ihazabu y'inyongera yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda y'ibihumbi magana abiri (200.000) na miliyoni eshatu (3.000.000) kuri buri muni yakoze ubucuruzi bwe atongeresheje uruhushya.

Ingingo ya 268: Kutamenyesha impinduka kuri nyir'umutungo

Uwahawe uruhushya utamenyesheje impinduka zabaye kuri nyir'umutungo nk'uko biteganywa n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati ya miliyoni eshanu (5.000.000) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda.

Ingingo ya 269: Kutubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyangwa amabwiriza y'Urwego ngenzuramikorere

Iyo uwahawe uruhushya atubahirije icyemezo cyihanangiriza cy'Urwego ngenzuramikorere cyafashwe hakurikijwe ibiteganwa n'iri tegeko ahanishwa kimwe cyangwa byinshi muri ibi bihano bikurikira:

- 1° gutanga ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000) kuri buri muni wose atubahirije ibyo asabwa, uhareye igihe yamenyeshejwe icyemezo cyongeye gushimangirwa;

even after being notified, then he/she is liable to an additional daily administrative fine of between two hundred thousand (200,000) and three million (3,000,000) Rwanda francs during the time the licensee runs business without a renewed license.

Article 268: Failure to notify change of ownership

Any licensee that fails to notify a change of ownership in accordance with provisions of this Law is liable to an administrative fine of between five million (5,000,000) and fifty million (50,000,000) Rwanda francs.

Article 269: Failure to comply with an enforcement notice or a regulatory directive

Any licensee that contravenes an enforcement notice of the Regulatory Authority issued under provisions of this Law is liable to one or more of the following sanctions:

- 1° pay an administrative fine of between five hundred thousand (500,000) and fifteen million (15,000,000) Rwanda francs for each day of its non-compliance to the requirements, as of the day of confirmed notification;

été notifiée, il est passible d'une amende administrative journalière supplémentaire de deux cent mille francs (200.000) à trois millions (3.000.000) francs rwandais pour chaque jour où le détenteur de licence exploite l'activité sans que sa licence soit renouvelée.

Article 268: Défaut de notifier le changement de propriétaire

Tout détenteur de licence qui ne parvient pas à notifier un changement de propriétaire conformément aux dispositions de la présente loi est passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000) à cinquante millions (50.000.000) de francs Rwandais.

Article 269: Défaut de se conformer à une mise en demeure ou à une directive de régulation

Tout détenteur de licence qui contrevient à une mise en demeure de l'Autorité de Régulation émise en vertu des dispositions de la présente loi est puni d'une ou de plusieurs sanctions suivantes:

- 1° payer une amende administrative pouvant aller de cinq cent mille (500.000) à quinze millions (15.000.000) de francs Rwandais pour chaque jour de sa non-conformité aux conditions requises, à dater du jour de notification confirmée;

2° gukora ibisabwa by'inyongera ku byerekeye uruhushya rwe;

3° guhagarikirwa uruhushya mu gihe gishobora kugenwa mu cyemezo cy'ihagarika gitangwa n'Urwego ngenzuramikorere;

4° kwamburwa uruhushya.

2° have additional conditions imposed on its license;

3° suffer the suspension of its license for a specified period which may be determined in a notice of suspension to be issued by the Regulatory Authority;

4° suffer the revocation of its license.

2° se voir imposer des conditions supplémentaires en rapport avec sa licence;

3° se voir suspendre sa licence pour une période pouvant être déterminée dans un avis de suspension devant être émis par l'Autorité de Régulation;

4° se voir révoquer sa licence.

Ingingo ya 270: Ikumira mu gutanga serivisi

Mu gihe uwahawe uruhushya akumiriye umuntu ku ihabwa rya serivisi ku buryo arengereye ibiteganywa n'iri tegeko, Urwego ngenzuramikorere rufata icyemezo cy'uko uwo wahawe uruhushya akuraho iryo kumira. Utubahirije ibyo icyo cyemezo kimusaba atanga ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000) na miliyoni icumi (10.000.000) kuri buri muni wose atubahirije ibyo asabwa.

Ingingo ya 271: Kutubahiriza gahunda y'igenzura ry'urutonde rw'ibiciro

Ufite ububasha bwizimbye ku isoko ry'itumanaho utubahiriza gahunda y'igenzura ry'ibiciro nk'uko biteganywa n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda iri hagati ya miliyoni eshanu (5.000.000) na miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000) kuri buri muni atubahirije gahunda y'igenzura ry'urutonde

Article 270: Restriction to access to service

In the event a licensee restricts any person from access to service by contravening the provisions of this Law, the Regulatory Authority issues an enforcement notice to the licensee, for the said restriction to be removed. A licensee failing to comply with the enforcement of the said notice is liable to an administrative fine of between two million (2,000,000) and ten million (10,000,000) Rwanda francs for each day during which the licensee fails to take the required action.

Article 271: Failure to comply with tariff control scheme

Any dominant operator that fails to comply with the tariff controls scheme as provided for in this Law is liable to an administrative fine of between five million (5,000,000) and fifteen million (15,000,000) Rwanda francs for each day during which it fails to comply with the requirements of the tariff control scheme.

Article 270: Restriction pour avoir accès aux services

Lorsqu'un détenteur de licence impose une restriction à une personne quant à l'accès au service en violant les dispositions de la présente loi, l'Autorité de Régulation émet une mise en demeure au détenteur de licence, pour enlever cette restriction. Le détenteur de licence qui ne se conforme pas à la mise en demeure est passible d'une amende administrative de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais pour chaque jour où il ne parvient pas à prendre les mesures nécessaires.

Article 271: Défaut de se conformer au système de contrôle tarifaire

Tout opérateur dominant qui ne parvient pas à se conformer au système de contrôle tarifaire tel que prévu dans la présente loi est passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000) à quinze millions (15.000.000) de francs rwandais chaque jour où il ne parvient pas à se conformer au système de contrôle tarifaire.

rw'ibiciro.

Ingingo ya 272: Ishyirwaho n'ikoresha ry'ibikoresho byo mu itumanaho koranabuhanga nta ruhushya

Umuntu wese ushyizeho cyangwa ukoresha ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga nta ruhushya rwabigenewe, Urwego ngenzuramikorere rumwambura ibyo bikoresho kandi hakiyongeraho ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000).

Iyo Urwego ngenzuramikorere rubona ko umutekano w'igihugu ubangamiwe ibyo bikoresho abyamburwa burundu.

Ingingo ya 273: Ikoresha ry'impuzamirongo ya radiyo rinyuranyije n'amategeko

Umuntu wese ukoresha igice icyo ari cyo cyose cy'impuzamirongo ya radiyo anyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko, Urwego ngenzuramikorere rumuha urwandiko rumuhagarika gukoresha icyo gice cy'impuzamirongo ya radiyo, kandi agacibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni eshanu (5.000.000).

Mu gihe akomeje kwirengagiza kubahiriza amategeko akoresha igice cy'impuzamirongo ya radiyo binyuranyije n'amabwiriza y'Urwego ngenzuramikorere, urwo rwego rushobora:

Article 272: Installing and using equipment without a license

Any person that installs and uses electronic communication equipment without a license, the Regulatory Authority impounds his or her equipment and in addition he or she pays an administrative fine of between five hundred thousand (500,000) and fifteen million (15,000,000) Rwanda francs.

Where the Regulatory Authority reasonably believes that the security of the country is threatened, the equipment is confiscated.

Article 273: Unlawful use of radio spectrum

Any person that uses any part of radio spectrum contrary to the provisions of this Law, receives from the Regulatory Authority a notice of prohibition to use such a part of radio spectrum and is liable to an administrative fine of between five hundred thousand (500,000) and five million (5,000,000) Rwanda francs .

In the case of continued unlawful use of any part of radio spectrum in contravention of any prohibition notice, the Regulatory Authority may:

Article 272: Installation et utilisation des équipements sans licence

Lorsqu'une personne installe et utilise l'équipement de communication électronique sans licence, l'Autorité de Régulation procède à la saisie de cet équipement et impose en outre une amende administrative de cinq cent mille (500.000) à quinze millions (15.000.000) de francs Rwandais.

Lorsque l'Autorité de Régulation a des raisons de croire que la sécurité du pays est menacée, l'équipement est confisqué.

Article 273: Utilisation illégale du spectre radio

Lorsqu'une personne utilise une quelconque partie du spectre radio contrairement aux dispositions de la présente loi, l'Autorité de Régulation lui notifie une interdiction d'utiliser cette partie du spectre radio et lui impose une amende administrative de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Dans le cas d'utilisation illégale continue d'une partie du spectre radio en violation de tout avis d'interdiction, l'Autorité de Régulation peut:

1° kumuhanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni icumi (10.000.000) buri muni mu rwego rwo kubahiriza icyemezo kimuhagarika;

2° gushyira mu bikorwa ingamba za teknikiki zibuza umurongo gukoreshwa.

1° impose a daily administrative fine of between five hundred thousand (500,000) and ten million (10,000,000) Rwanda francs in the context of enforcing the prohibition notice;

2° put into force such technical measures that render the network unusable.

1° imposer une amende administrative journalière de cinq cent mille (500.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais dans le cadre du respect de l'avis d'interdiction;

2° mettre en application les mesures techniques qui doivent rendre le réseau inutilisable.

Ingingo ya 274: Gukomeza gukoresha uruhushya rwo gukoresha itumaho rikoresha umurongo wa radiyo rwarangije igihe

Ukoresha uruhushya rw'itumaho rikoresha umurongo wa radio rwarangije igihe ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000).

Mu gihe uwahawe uruhushya akomeje gukora binyuranyije n'icyemezo kimubuza cyatanze ku buryo bukurikije iri tegeko, ahanishwa buri muni ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 275: Kudatanga amakuru ku miyoboro ikodeshwa

Umuntu wese udatanze amakuru yerekeranye n'imiyoboro ikodeshwa n'impinduka zabaye nk'uko bisabwa n'iri tegeko, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000) na miliyoni

Article 274: Continuing to use a radio communication license after expiry

Any licensed operator that uses a radio communications license after expiry is liable to an administrative fine of one million (1,000,000) Rwanda francs.

Where the concerned licensed operator continues to operate in contravention of a prohibition notice issued in accordance with this Law, he/she pays a daily fine of between five hundred thousand (500,000) and five million (5,000,000) Rwanda francs.

Article 275: Failure to provide information on leased lines

Any person who fails to provide information on leased lines and any changes to this as required by this Law is liable to an administrative fine of between one million (1,000,000) and a five million (5,000,000) Rwanda francs.

Article 274: Poursuite d'utiliser une licence de radiocommunication après son expiration

Tout opérateur agréé qui utilise une licence de radiocommunication après son expiration est passible d'une amende administrative d'un million (1.000.000) de francs rwandais.

Lorsque l'opérateur agréé concerné continue à exercer ses activités contrairement à un avis d'interdiction émis en conformité avec la présente loi, il est passible d'une amende journalière de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 275: Défaut de fournir des renseignements sur les lignes louées

Toute personne qui omet de fournir des informations sur les lignes louées et sur toute modification y relative tel que requis par la présente loi est passible d'une amende administrative d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de

eshanu (5.000.000).

Igihe ari ikigo gifite ububasha bwizimbye, gihanishwa gutanga ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 276: Kutamenyekanisha ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro y'itumanaho

Ikigo gifite ububasha bwizimbye kitamenyekanishije ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro y'itumanaho nk'uko biteganywa n'iri tegeko, gihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000) na miliyoni icumi (10.000.000), n'ihazabu y'inyongera ya miliyoni imwe (1.000.000) buri muni kitubahirije igihe cyahawe mu ibaruwa icyihanangiriza kugira ngo kibe cyatanze ibigenderwaho mu ihuzwa ry'imiyoboro y'itumanaho.

Ingingo ya 277: Ibikoreshwa mu itumanaho bitubahirije amategeko

Umuntu wese ukora, utumiza cyangwa ugerageza gutumiza mu mahanga, gutanga, gucomeka, kwemerera gucomeka ku muyoboro w'itumanaho no gukoresha ibikoreshwa mu itumanaho bidahuje n'amabwiriza abigenga mu rwego rwa tekini, urw'ubuziranenge, rw'ibimenyetso bibiranga, n'ibindi biteganywa n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000) na

In the case of dominant operator, he/she pays an administrative fine of five million (5,000,000) Rwanda francs.

Article 276: Failure to provide a reference interconnection offer

Failure by a dominant operator to provide a reference interconnection offer as provided by this Law, is liable to a fine of between five million (5,000,000) and ten million (10,000,000) Rwanda francs and an additional daily administrative fine of one million (1,000,000) Rwanda francs during the period when the person contravenes the date set out in the enforcement notice for providing a reference interconnection offer.

Article 277: Electronic communications equipment not in compliance with requirements

Any person who manufactures, imports or attempts to import, supplies, connects, or allows to remain connected to a telecommunications network, or puts into service any item of electronic communications equipment which does not comply with the technical, safety, marking and other requirements under this Law is liable to an administrative fine of between two hundred thousand (200,000) and one million (1,000,000) Rwanda francs in respect of

francs rwandais.

Dans le cas d'un opérateur dominant, cette personne est passible d'une amende administrative de cinq millions (5. 000. 000) de francs rwandais.

Article 276: Défaut de fournir une offre d'interconnexion de référence

Un opérateur dominant qui ne parvient pas à fournir une offre d'interconnexion de référence tel que requis par la présente loi, est passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais et d'une amende journalière additionnelle d'un million (1.000.000) de francs rwandais pour chaque jour de violation de la date indiquée dans la mise en demeure pour fournir une offre d'interconnexion de référence.

Article 277: Equipement de communications électroniques non conforme aux exigences

Toute personne qui fabrique, importe ou tente d'importer, approvisionne, connecte ou permet de rester connecté à un réseau de télécommunications, ou met en service tout élément de l'équipement de communications électroniques qui n'est pas conforme aux exigences techniques, de sécurité, de marquage et autres exigences prévues par la présente loi est passible d'une amende administrative de deux cent mille (200.000) à un

miliyoni imwe (1.000.000) kuri buri gikoresho.

each individual item of electronic communications equipment.

million (1.000.000) de francs rwandais pour chaque élément individuel de l'équipement de communications électroniques.

Ingingo ya 278: Gutanga serivisi zo gushyira mu myanya ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga no gukurikirana imikorere yabyo nta cyemezo

Article 278: Failure to register for the services of installing and maintaining electronic communications equipment

Article 278: Défaut d'enregistrement des services d'installation et de maintenance des équipements de communications électroniques

Umuntu wese ukora adafite icyemezo kimwemerera gutanga serivisi zo gushyira mu myanya ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga no gukurikirana imikorere yabyo nk'uko biteganywa n'iri tegeko ahanishwa:

Any person who fails to register for the services of installing and maintaining electronic communications equipment as provided for under this Law is liable to:

Toute personne qui omet de faire enregistrer les services d'installation et de maintenance des équipements de communications tel que prévu par la présente loi est passible de:

1° ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000) na miliyoni imwe (1.000.000);

1° an administrative fine of between two hundred thousand (200,000) and one million (1,000,000) Rwanda francs;

1° une amende administrative de deux cents mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais;

2° ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000) ku munsu igihe cyose akomeje gukora nta cyemezo.

2° a daily administrative fine of fifty thousand (50,000) Rwanda francs until such registration takes place.

2° une amende administrative journalière de cinquante mille (50.000) francs rwandais jusqu'à ce que cet enregistrement ait lieu.

Ingingo ya 279 : Guhererekanya icyemezo nta burenganzira

Article 279: Transferring a permit without authorisation

Article 279: Transfert d'un permis sans autorisation

Iyo uwahawe icyemezo kimwemerera gutanga serivisi zo gushyira mu myanya ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga no gukurikirana imikorere yabyo agihererekanyije n'undi muntu ku buryo bunyuranyije n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000).

Where a permit holder authorised to provide the services of installing and maintaining electronic communications equipment transfers a certificate to another person in contravention of this Law is liable to an administrative fine of five hundred thousand (500,000) Rwanda francs.

Lorsqu'un détenteur d'un permis de fourniture de services d'installation et de maintenance des équipements de communications électroniques cède un certificat à un tiers en violation de la présente loi est passible d'une amende administrative de cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Ingingo ya 280: Itumiza mu mahanga ribujijwe ry'ibikoresho byihariye by'itumanaho koranabuhanga

Umuntu wese utumiza mu mahanga ibikoresho by'itumanaho koranabuhanga byihariye adafite uruhushya rudasanze ruteganywa n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 281: Kubuzwa gukora no kwamburwa uburenganzira bwo gukora

Usibye ibihano ndetse n'ibyememo by'igihe gito cyangwa n'ubwishyu bw'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi byavuzwe mu ingingo zibanziriza iyi, igihe uwahawe uruhushya arenze cyangwa ananiwe kubahiriza ku buryo bugaragara ingingo z'iri tegeko, kandi ntashobore kwikosora mu gihe kitarenze ukwezi kumwe uherye igihe yasabwe kubikora, Urwego ngenzuramikorere rushobora kumwambura uruhushya cyangwa kumuhagarika gutanga zimwe muri za serivisi asanzwe atanga.

Icyiciro cya 2: Amakosa n'ibihano ku bukungu bushingiye ku itangazabumenyi

Ingingo ya 282: Gutanga serivisi z'iterambere rishingiye ku itangazabumenyi utabiherewe uruhushya

Umuntu wese utanga serivisi z'iterambere rishingiye ku itangazabumenyi utabiherewe uruhushya nk'uko biteganywa n'iri tegeko

Article 280: Importing prohibited special electronic communications equipment

Any person who imports special electronic communications equipment without a special license under this Law is liable to an administrative fine of between five hundred thousand (500,000) and five million (5,000,000) Rwanda francs.

Article 281: Prohibiting operations and revocation of authorization

Except for sanctions and temporary orders or administrative fines referred to under the previous provisions, where a licensee significantly breaches or fails to comply with the provisions of this Law, and does not rectify its conduct within a period not exceeding one month as of the period he/she was requested to do so, the Regulatory Authority may revoke the license or prohibit the licensee from engaging in some of the services he/she is authorised to provide.

Section 2: Faults and sanctions relating to information society

Article 282: Provision of information society services without a license

Any operator who provides information society services without a licence under this Law is liable to an administrative fine of between one million

Article 280: Importation interdite d'un équipement spécial de communications électroniques

Toute personne qui importe des équipements spéciaux de communications électroniques sans une licence spéciale prévue par la présente loi est, si elle est reconnue coupable, passible d'une amende administrative de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 281: Interdiction des opérations et révocation de l'autorisation

Sauf dans les cas de sanctions et d'ordonnances provisoires ou d'amendes administratives visées aux articles précédents, lorsqu'un détenteur de licence se rend coupable de violations significatives ou omet de se conformer aux dispositions de la présente loi et ne corrige pas son comportement dans un délai n'excédant pas un mois à compter de la date de notification, l'Autorité de Régulation peut révoquer sa licence ou lui interdire de s'engager dans certains de ses services.

Section 2: Fautes et sanctions relatives à la société de l'information

Article 282: Fourniture de services de la société de l'information sans licence

Tout opérateur qui fournit des services de la société de l'information sans licence prévue par la présente loi est passible d'une amende

ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000) na miliyoni eshanu (5.000.000) kandi agahagarikwa gukora.

Ingingo ya 283: Kutubahiriza icyemezo cyihanangiriza

Iyo uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'iterambere rishingiye ku itangazabumenyi atubahirije icyemezo kihanangiriza cy'Urwego ngenzuramikorere cyafashwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000) na miliyoni eshanu (5.000.000). Iyo atabyubahirije ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000) ku munsu uhareye igihe yahawe mu ibaruwa imwihanangiriza kugira ngo abe yubahirije ibyo asabwa.

Ingingo ya 284: Guhererekanya uruhushya nta burenganzira

Iyo uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'iterambere rishingiye ku itangazabumenyi atanze cyangwa atije uruhushya rwe nta burenganzira bwanditse yahawe n'Urwego ngenzuramikorere ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000) na miliyoni eshanu (5.000.000). Iyo bibaye ngombwa urwo ruhushya rushobora guhagarikwa.

